UMUBANO MWIZA HAGATI YA NA SALAFIYA SHIYA

Shekhe Hasan Mussa Saffar

© Uburenganzira kuri iki gitabo bwihariwe
na Library Al-Itrah Twahirah
P.O.Box: 2438
Kigli Rwanda

Umubano mwiza hagati ya madhihebu ya Salafu na Shiya

Umwanditsi
Shekhe Hasan Mussa Saffar

Uwagihinduye

Shikali Haruna

P.O.Box:2438

Kigali Rwanda

Telephone: 08886425

Email: shikalrun@yahoo.com

Ubugororangingo:

Sulayimani Sebagenzi

Icapiro rya mbere : 1000

Uwagicapishije :

Shekh Hasan Mussa Saffar

P.O Box 1322
Qatif
Saudiya
Tel: +9663855521
Fax: +966385126

Website: WWW.saffar.org
Email: office@saffar.org
Saudi Arabia

IJAMBO RY'IBANZE

Library Al-Itrah Twahirah yo mu Rwanda yiyemeje kubagezaho ibitabo bivuga ku Bushiya atari ugushaka abayoboke. Itanagamije kumvisha ko madhihebu runaka iri mukuri indi yayombye. Icyo igamije ni uguhihibikanira ubumwe n'ubusabane hagati ya madhihebu ziyobokwa n'Abayisilamu bo mu Rwanda hakoreshejwe uburyo bwo kujijura Abayisilamu mu nyandiko ibahwiturira kwitabira kumenyana bamwe basoma ibyanditse byndikwa n'abandi.

Ariko ibyo bikaba bitatuma wirengagiza ko burya abajya impaka ari babibiri umwe aba yigiza nkana, no kugira umutima-nama uhwiturira

nyirawo gushaka aho ukuri kuri cyane cyane ku birebana n'iyoboka-Mana, ari amahirwe ahira bake, akaba ari n'akazi umuntu atumwa na kami ke n'umutima-nama we bizima. Nkunze gushima Umunyarwanda wagize ati : Abana ni batatu; Baribwira, Barabwirwa na Terera iyo. Imana « s.w.t » nayo iti : {*Ha inkuru nziza abumva amagambo « amabi n'ameza maze bagahitamo » gukurikira aboneye, abo ni bo Imana yayoboye ni nabo banyabwenge*}. Qur'ani yera.

Urunturuntu ruri mu bayoboke bamadhihe z'abayisilamu, burya ntiruterwa n'ikindi kitari ubujiji. Iyabaga buri muyisilamu yamyenyaga ibyo madhihebu iyobokwa n'undi yemera ikanigisha, nta muyisilamu wakanganye n'undi bapfa kuba bari muri madhihebu zinyuranye.

Ikibabaje kinateye isoni ni uko usanga Abayisilamu bari muri madhihebu zitari Shiya babwirwa n'abashekhe babo ngo ntibagasome ibitabo by'Abashiya kuko kubisoma bizabahindura abashiya! Icyo akaba ari ikimenyetso simusiga cy'uko sosiyete y'Abayisilamu ikiri inyuma mu majyambere, kuko sosiyete iteye imbere kandi ijijutse, itagira imipaka mu gusoma no kumenya. Ishaka kumenya iby'abandi bemera bakanatekereza basoma ibyo bandika bakanumva ibyo bavuga. Muri aya tumaze kubona ruguru, murabona ko Imana « s.w't » ihwiturira Abayisilamu kujya bumva ibivugwa byose byaba bibi cyangwa byiza, maze bamara ku byumva bakabishyira mu bwenge bwabo buzima bakayungurura ibyo bumvise bagahitamo gukurikira ibyiza ibibi bakabireka. Nshima cyane Umunyarwanda wagize ati : Na nyina w'undi abyara umuhungu.

Birababaje gusanga abantu bahuzwa n'idini imwe, igihugu kimwe cyangwa ururimi rumwe bataziranye, n'ufite icyo azi k'uwundi akaba akizi mu buryo bw'ibihuhwa, maze ugasanga buri wese muri bo azi mugenzi we uko atari mu gihe abashije kumumenya uko ari by'ukuri abaza nyiri ubwite uwo ariwe cyangwa asoma ibyo yandika yisobanura ubwe.

Mu by'ukuri kutamenya mugenzi wawe n'ibye munyuranyije idini, madhihebu, umuco n'ibindi. Kudashaka gusoma ibyo yandika yisobanura, ni akarengane mu karengane abantu bakorera abandi, ni ubuhemu mu buhemu ikiremwa muntu kigirira mugenzi wacyo. Kuko bituma umuntu abaho atazi mugenzi we n'ibye, biganatuma amumenya uko atari, akamucyekaho ibyo adafite, bityo hakaba n'ubwo biviriyemo kubana nawe amwishisha atamwizera amukeka amababa. Akamubonamo igikezikezi cy'ibibi n'ububi, umubano wabatuye iyo sosiyete ukabamo ikizinga, ugafunikwa n'igihu cy'urunturuntu urwikekwe n'inzangano.

Izo ni ingaruka ziterwa no kutamenyana ku mubano w'umuntu n'undi, naho ku baturage batuye igihugu kimwe bose, iyo banyuranyije idini, madhihebu, umuco n'ibindi, bakabana bataziranye batanashaka kumenyana, bituma abo baturage b'icyo gihugu buri wese aba nyamwigendaho kuba bamwe bikaba bidashoboka, bikaba byaba impamvu y'umutekano muke mu gihugu, n'intambara hagati yabo ikaba yarota.

Kubera ingaruka zokutamenyana hagati y'abanyuranyije, usanga sosiyete z'abaturage b'ibihugu byateye imbere, barashyiriweho gahunda yokumenyena hagati y'abaturage b'ibyo bihugu n'abimukira banyuranyije umuco idini n'ibindi. Izo gahunda ziha uruhare buri wese muri sosiyete kwimenyekanisha ku bandi yandika, akoresha iserukira muco n'ibindi. Bakanabaha ubwisanzure n'ubwigenge bwo kwisobanura mu inyandiko n'ahandi, maze ugasanga abaturage bose b'icyo gihugu bashishikajwe no gushaka kumenya uriya banyuranyije idini, umuco madhihebu n'ibitekerezo uwo ariwe n'ibyo banyuranyije batanavugaho rumwe basoma ibyo yandika bakumva n'ibyo yivugaho kuri Radio Talevisio n'ahandi.

Gushishikarira kumenya abo mudahuje, bisigaye biri mu bimenyetso byerekana abaturage b'igihugu cyateye imbere n'abo mu gihugu kitari cyatera imbere, kuko usanga abaturage bo mu bihugu byateye imbere bita bakanashishikarira gukora ubushakashatsi bamenya ibyo abanyuranyije nabo bemera. Ubushakatsi abazungu bakora ku buyisilamu n'abayisilamu buzwi ku izina rya Istishiraq (Orientalism) ni urugero rw'uburyo abaturage bibyo bihugu bashishikazwa no kumenya abandi banyuranyije.

Urundi rugero rwerekana uburyo abaturage b'ibihugu biteye imbere bashishikazwa no kumenya abo banyuranyije, ni inkubiri yo guhindura ibitabo byanditswe n'abanyuranyije nabo mu indimi zumvwa n'abaturage babo. Iyo nkubiri mu Buraya yatangiye mu kinyejana cya 13 bahindura ibitabo byinshi by'Abayislamu mu indimi z'Iburaya. Nk'uko bashyizeho amashuri n'ibigo by'ubushakashatsi byigisha bikanashakashaka ku madini n'imico by'Abanyaziya n'Abanyafurika.

Mu by'ukuri inzira yo kubaka no kubungabunga umubano mwiza hagti ya'Abayisilamu banyuranyije madhihebu, ni ukumenyena dusoma ibyandikwa n'abo tunyuranyije madhihebu. Muri riwaya yavuzwe na Imamu Ali « a.s » yaravuze ati : {*Abantu ni abanzi b'icyo batazi*}. Kumenya mugenzi wawe bituma umenya aho afite ukuri n'aho atagufite, bityo aho adafite ukuri ukaba wamwungukaho ku kumenya, aho adafite ukuri

ukamwunganira umuyobora. Nkuko bituma umenya aho muhurira naho mutandukanira bityo bigatuma murushaho gusabana.

Imana « s.w.t » muri Qur'ani itubwira ko kunyuranya yabigize impmvu abantu bashingiraho bashishikarira kumenyana igira iti : {*Yemwe bantu twabaremye muri abagabo n'abagore, tubagira amoko n'imiryango inyuranye kugira ngo mumenyane*[1]...}.

Nshima cyane **Library Al-Itrah Twahirah** intambwe iri gutera mu gucapisha no guhindura ibitabo by'Ubuyisilamu mu Kinyarwanda, ubu ikaba imaze guhindura mu Kinyarwanda ibitabo birenga 15, ibyinshi muri byo bikaba bikiri mu macapiro. Intambwe imaze guterwa na **Library Al-Itrah Twahirah** izatuma abayisilamu bo mu Rwanda barushaho kumenyana no kumenya idini yabo.

Imana itere inkunga abakora bose muri iyo **Library Al-Itrah Twahirah** yo mu Rwanda n'abayitangije. Walhamudulillah Rabil'alamiina.

Library Al-Itrah Twahirah
Dhul-Hija 27/ 1429 H 2008 A.D
Muhanga Nyamabuye

IBARUWA IFUNGUYE KURI NYAKUBAHWA MUFTI SALEHE HABIMANA

Impuruza y'ubumwe bw'Abayisilamu Mu Rwanda

رسالة مفتوحة إلى سماحة الشيخ مفتى ديار رواندا صالح هابيمانا

Nyakubahwa Mufti w' u Rwanda Salehe Habimana; Asalamu Alayikum wara-hmatullah Wabarakatu:

[1] -Sura al-hujiraat: 13.

السلام عليكم ورحمة الله تعالى وبركاته

وبعد:



[Jyenda n'iyi baruwa yanjye uyibahe, nyuma ubareke, urebe barasubuza iki].
(Naml: 28).



[Nayo ni ku izina ry'Imana Nyirimbabazi Nyirimpuhwe].
(Naml: 30).



[Ubabwire uti: Ukuri kwaraje none ikinyoma cyaratsinzwe, mu by'ukuri ikinyoma "iherezo ryacyo" riba ari ugutsindwa].
(Israail: 81).



[Mbabwije ukuri ko "nsabwa" kutababwira kuri Allah uretse ukuri gusa].
(7: 105).

“Mufatane urunana ku mugozi w’Imana ntimugatatane.”

“Ntimuzabe nk’abatandukanye bacikamo ibice ntibumvikana nyuma yo kugerwaho n’ubuyobozi.” (3:105).



“Ntimugashyamirane, mutazacika integer, mugasigara ntangufu” (8: 46).

“Mu by’ukuri abaciyemo idini yabo ibice basigara iri udutsiko, ntaho uhuriye nabo” (6: 159).

Hashimwe kandi hasingizwe Allah, amahoro n’imigisha by’Imana bihundagare ku ntumwa yayo Muhammadi (s.a.w.ww) nabo mu rugo rwayo n’abatoni mu basahaba bayo n’abazatera ikirenge mu cyabo kuzageza ku musi w’imperuka.

Njye nitwa Shikal Haruna ndi mu Banyarwanda ba mbere bagize amahirwe yo kukaba muri mazihebu ya Ahalul-bayiti (a.s) izwi ku izina rya Ahiya, nabaye umuyoboke wa Ahalul-bayiti mu w’I 1988, nyuma y’ubushakashatsi burebure nakoze. Mbre y’uko njya muri mazihebu ya Ahalul-bayiti (a.s) nayobokaga muri Fiqi mazihebu ya Ahmad bin Hambali muri Aqida na Salafu izwi ku izina rya Wahabi.

Nyakubahwa mufti w’u Rwanda, sinari nagira amahirwe yo kubonana namwe, uretse ngo njya mbabona kuri Tv, no kubumva ku maradio. Njye ntacyo mbaziho mu myitwarire yanyu ku Bashiya uretse mbakekera ibyiza no kutanga

Abashiya mbitewe n'ibyo nabwiwe na mucuti wanjye Shekhe Ayyubu…wigisha mu Bwongereza ubwo mperuka guhura nawe vugaha. Yambwiye ko yari kumwe namwe munama mu Bwongereza, muvugana ku mubano hagati y'Abashiya bo mu Rwanda n'abavandimwe babo b'Abasalafu, ngo umubwira ko Abashiya mu Rwanda bahari banabanye neza n'abandi Bayisilamu.

Nyakubahwa Mufti: Sinzi niba ibyo wabwiye Shekhe Ayubu ku mubano mwiza hagati y'Abashiya n'Abasaafu bo mu Rwanda waramubwiraga umutima mwiza ubafitiye wiyumvamo cyangwa kokjo waramubwiraga uko uzi Abashiya babanye n'Abasalafu ukuriye mu Rwanda? Niba waramubwiye ko babanye neza ushingiye ku iby'iyumviro wowe wifitimo ku Bashiya, nakumenyeshaga ko binyuranye n'ibyibyiyumviro n'ibitekerezo Abasaalafu uhagarariye bafite ku Bashiya, kuko bemera ijana ku ijana ko Abashiya ari Abakafiri.

Njye sinahamya ko ikiganiro Shakhe Ayubu yambwiye mwagiranye ibyo wamubwiye ku Bashiya ariko ubyemera, uretse ko bibaye ariko ubyemera byaba ari amahire ari nako byari bikwiye ku muntu usobanukiwe akanajijuka nkamwe. Njye nifuza kuba nakwicarana namwe tukaganira nkumva ko imitekerereze n'imyumvire y'Abayisilamu bayoboka mazihebu ya Salafu mu Rwanda muhagarariye ku Bashiya ari nayo myumvire n'imitekerereze yanyu.

Nyakubahwa Mufti w'u Rwanda, Abasalafu muyoboye, bafitiye Abashiya urwango rukabije ntari nagira ahandi ndubona. Barabatuka, bakabakubita, bakanabahigira, bigeze no murwego umuvandimwe atagisuhuza undi, bapfa kuko we yabaye Shiya.

Nyakubahwa Mufti w'u Rwanda ko mugenda amahanga menshi, mugasarira mu misigiti ibiri mitagatifu, uwa Maka na Madina, ko mubona Abashiya basaria mu misigiti imwe n'abandi Bayisilamu wari wabona aho Umushiya akubitirwa mu musigiti cyangwa akabuzwa kuwinjiramo ngo ni umukafiri ntiyemerewe kwinjira mu musugiti uretse Abayisilamu uyobora?

Nyakubahwa Mufti, ni kangahe Abashiya bamaze gukubitirwa mu misigiti iri munsi y'ubuyobozi bwanyu kandi ntimwagira icyo mu bikoraho? Ni naangahe mu misigiti higishijwe inyigisho zivuga nabi Abashiya ariko na n'ubu mukaba ntacyo mu bivugaho?

Ubu nandika iyi baruwa ku ya 19/ Shawwal/ 13430, hahise icyumweru hari umushiya wakubitiwe bikomeye mu musigiti wo mu mugi ku buryo bamuvunnye imbavu ubu ari kwivuza arindiriye gukira akajyana ikirego cye mu butegetsi. Yakubiswe n'abari basanze ari gusari, ntibubaha Sala yarim,o baramukubita bavuga ngo iyabaga mwacyicaga kuko Abashiya ari abanzi bakaba n'abakafiri, ngo yabakijijwe n'Abahinde bari baje gusari. Njye ubwange insoresore z'Abasalafu zigeze kuntegera mu nzira zishaka kunkubita zovuga ngo dore cya giukafiri, uwakica, nkizwa n'abapolisi batungutse aho, mbabonye nkaza mbava hagati nkaza umurego nihuta ntibankurikirana kubera ko bari babonye polisi. Abashoya bensho bamaze gusagarirwa n'Abasalafu babaziza mazihebu yabo, ariko sinari numva hari icyo mwabikozeho cyangwa mu byamagane.

Njye na mugenzi wanjye Shekhe i Mrani twaromo dusari mu musigiti wo mu mugi i Kigali twarimo dusari, sinzi uwavuze ati: Ubuyisilamu nwanyu ni nyabaki, kubona mubona umukafiri ari gusari mu kajenjenje ntimumushughurikire, ntwisanze hasi hari abari kudutera imigeri abandi bavuga bgo ibyo ni byabikafiri by'Abashiya, ni mubyice!! Iyo ataba Nyakwigendera Sharifu Omari afatanyije na Mr Khamisi ndabikunze babadukuye mu nzara sinzi niba twari kubaho.

Nyakwigendera Shekhe Vita Hasani, yinjiye mu musigiti i Gitarama, imamu wari uyoboye I Juma ahita ahagarika ibyo yavugaga abwira Abayisilamu ati: "Ni kuki kafiri yakwinjira mu musigiti mukamwihorera, iyo adakizwa n'amaguru nabwo bamwirukaho arabasiga sinzi uko biba byaragenze. Mu by'ukuri ibyo Abayisilamu bayoboka mazihebu ya Shiya bamze gukorerwa n'abavandimwe

babo bayoboika mazihebu ya Salafu izi ku izina rya Wahabi ni byinshi sinabona umwanya wo kubyandika.

Kubera iyo mpamvu, Nyakubahwa Mufti nkandikiye iyi baruwa, ku izina ry'Imana yabahaye kwicara ku ntebe yicaweho na Sayyidina Abubakari Siddiqi (a.r), Sayyidina Umari bin Khattabi (a.r), na Sayyidina Uthumani bin Affani (r.a), no muzina ry'Intumwa y'Imana (s.a.w.w), no mu zina ry'u Buyisilamu mbasaba kuba intwari mu gatangariza Abayisilamu muyobora bayoboka mazihebu ya Salafu ko Abashiya ari Abayisilamu atari abakafiri nk'uko babibizi, mukanatanga inyigisho z'ubumwe hagati y'Abayisilamu mu misigiti na Radio yanyu.

Nyakubahwa Mufti, ndagusaba guhamagarira Abayisilamu ba Basalafu muyobora kwitabira impuruza y'Imana kuri bo iri muri Aya igira iti:

"Mufatane urunana ku mugozi w'Imana ntimugatatane."

"Ntimuzabe nk'abatandukanye bacikamo ibice ntibumvikana nyuma yo kugerwaho n'ubuyobozi." (3:105).



"Ntimugashyamirane, mutazacika integer, mugasigara ntangufu" (8: 46).



Intumwa y’Imana (s.a.w.w) yaravuze iti:

(Abaciyemo idini yabo ibice, baba udutsiko, ntaho uhuriye nabo).

قال رسول الله (صلى الله عليه وآله وسلم): "قل الحقّ ولو على نفسك"، "قل الحقّ ولو كان مُرّاً".

(Vuga ukuri n’ubwo kwaba kuri bukugireho ingaruka).

Nyakubahwa Mufti, zirikana ko Imana Aza wa Jala yabahaye inshingano izababaza ku munsi w’imperuka igihe cyose muzaba muri abavugizi bakuru b’Abayisilamu bayoboka mazihebu ya Salafu, bityo rero ntimwari mukwiye kuba indorerezi, mwari mukwiye kugira icyo mukora kubiri kumubano w’Abasalafu n’Abashiya mu Rwanda. Imana ku munsi w’imperuka izababaza ibikorwa n’Abayisilamu muyobora bakora bibangamira bikanabuza umudendezo abavandimwe babo bayoboka mazihebu ya Ahalul-bayiti. Nshima cyane Umunyarwanda wagize ati: “Inka zitumo inkuru muri zo, nkanashima n’umuszi w’Umwarabu wasomye iyi mirongo y’igisigi ivuga nk’ibivugwa muri uwo mugani w’Ikinyarwanada, ati:

فعلى قدر أهل العزم تأتي العزائم وتأتي على قدر الكرام المكارم

Kuva muri umuyobozi mukuru w’Abasalafu bo mu Rwanda, uko muzitwara ku Bashiya bizagira ku myitwarire y’Abasafu bo mu Rwanda, kuko burya umwera uturutse ibukuru urakwira, ibyo akaba ari nabyo abarabu bavuga bati:

الناس على دين ملوكهم

Nyakubahwa Mufti, mu zina ry’Imana no mu zina ry’intebe yicariwe na Sayyidina Abubakari Siddiq na Umari Faruq (a.s), mug ire ubutwari

mututangarize igihagararo cyanyu ku Bashiya, kugira ngo iryo tangazo rizababere umugabo ku Mana ku munsi w'imperuaka ubwo izakubaza ibyo Abasalafu muhagarariye bakore Abashiya.

Nyakubahwa Mufti, ese namwe mwaba mwemera ko Abashiya ari abakafiri cyangwa mwemera ko ari Abayisilamu? Mu by'ukuri mwaba mweera ko abayoboke b'urubyaro rw'intumwa bemera Imana imwe rukumbi, bakayigandukira kurenza abandi Bayisilamu bose, bakanemera ko Muhammadi (s.a.w.w) ari intumwa y'Imana, bakamwubaha bakanamwubahiriza kurenza abandi Bayisilamu bose, mwemera ko ari abakafiri? Njye sinkeka ko mwe mwemera ko Abashiya ari abakafiri, ariko ariko mubafata, Ubuyisilamu mu Rwanga bwaba buri mu kaga.

Nyakubahwa Mufti, Abashiya nibo bokugirwa ibicibwa, Abakafiri, gutukwa, guhigirwa, gukubitira agatoki ku kandi, gukubita baje gusari no guhabwa akato?!! None se niba ibyo byose bakorerwa n'Abasalafu muyobora mutebishyigikiye, kuki babikora mubizi tukaba tutari twabumva mubibagayira ngo munabyamagane?

Nyakubahwa Mufti, mu by'ukuri ni kuki bariya Bayisilamu bakunda bakanayoboka Ahalul-Bayiti nk'uko Qamusi Lisanul'arab ibasobanura bafatwa n'Abasafu muyobora ko ari abakafiri? Mu by'ukuri ni kuki Abasalafu muyobora babijundi? Ni uko bayobokaga ibiremereye bibiri [Qur'ani na Ahalul-bayiti]?[2] Cyangwa ni uko buriye ubwato bwo kurokoka,[3] cyangwa ni uko binjiye mu mugi w'ubumenyi baciye mu muryango wawo,[4] cyangwa binjiye mu muryango wo kwicuza,[5] cyangwa ni uko bashakiye ubuhungiro ku barinzi b'ab'isi,[6] cyangwa ni uko bashyira mu bikorwa ibyigishijwe n'intumwa (s.a.w.w) k'ubo mu rugo rwayo,[7]

2
3
4
5
6
7

cyangwa ni kuko barira kubera gutinya Nyagasani wabo nk’uko babivugwaho mu nkuru zivuga imibereho yabo? Ibin Sa’d yaravuze ati: Mu gitabo cye 'Tabaqaat' umuzingo wa 6 urp rwa 235 yaravuze ati: "al- Mansuri yari yarabyimbye amaso kubera guhora arira arizwa no gutinya Imana, yahanaguzaga amarira igitambaro cyamukoboraga, havugwa ko yafunze igihe cy’imyaka mirongo itandatu!"

Nyakubahwa Mufti, ni uruhe rukiko rufite abacamanza baca imanza mu butabera batinyuka guca urubanza bavuga ko abayoboka mazihebu ya Ahalul-bayiti [Shiya], banafashe ku mugozi wabo, banatera ikirenge cyabo mu cyabo, bakunda ibikundwa na Ahalul-bayiti bakanga ibyo banga ari bo bayobye?



«Babwire uti: Nimuzane ubuhamya bwanyu niba muvuga ukuri» (2: 111).

Oya! Nyakubahwa Mufti, urikure yo kuba uri mu baca urubanza nk’urwo.

Mu by’ukuri twageragejwe kugira abantu badashyira mu gaciro!

"Turi ab’Imana kandi ni nayo tuzasubiraho."!!

Nyakubahwa Mufti, rwose mwari mukwiye kugera ikirenge cyanyu mu kirenge cya Bakwata n’abashekhe ba Tanzania na Kenya bahagarariye Abayisilamu bayoboka mazihebu ya Ahal-Suna wal-Jama, kubirebana no kubana neza n’Abashiya. Mukanaha Abayisilamu bo mu Rwanda uburere bwo kumenya kwihanganira kubana n’abandi Bayisilamu badahuje mazihebu.

Mukwiye kugera ikirenga cyanyu mu cy’Abayisilamu bayoboka mazihebu ya Ibadhi bo muri Tanzania bayobora umusigiti wa Jangwani Da es Salamu ubwo

Shekhe w’Umusomari Muhammad Awwazi yigishaga ingengabitekerezo n’inzangano byashishikarizaga Abayisilamu kwanga abavandimwe babo bayoka mazihebu ya Shiya. Bati: “Tuzi ko Abashiya ari abavandimwe bacu mu dini, none urashaka kuduteranya nabo, shaka ahandi uzajya wigishiriza iby’Abashiya hatari muri uyu musigiti.

Nyakubahwa Mufti yari akwiye kubibutsa ko Imana idusaba guhamagarira abantu inzira y’Imana dukoresheje inyigisho nziza (Mawuizatul-Hasanah), ubuhanga (Hikima), byaba ngombwa ko bajya impaka ku idini ntizibe izango turwane ahubwo zikaba impaka nziza hakoreshwa ururimi rwiza mu muco n’ubwubahane. Imana yaravuze iti:

(Hamagarira abantu inzira ya Nyagasani wawe ukoreshaje ubuhanga “Hikmah” n’inyigisho nziza, unajye impaka nabo mu buryo bwiza”atari ukubatuka cyangwa gutuka idini zabo” Mu by’ukuri Nyagasani wawe niwe uzi uwayobye n’uwayobotse). an-Nahl: 125.

Iyo wise kafiri Umuyisilamu usali, ukora ibyo Isilamu itegeka, akirinda gukora ibyo Imana yaziririje, agashyira mu bikorwa amahame y’idini ariko muri ayo mahame hakaba hari ibyo bamwe babona ko ari ukuri abandi bakabona ko atari ukuri, bitewe n’ukunyuranya kw’abamenyi babo kuri byo. Ugashira amanga ugatinyuka ukamwita Kafiri, rwose uba ukoze amahano! Uba ukoze icyaha gihambaye kandi gikabije! Uba ukoze ikintu kibi cyane! Uba akoze amarorerwa muri Isilamu. Sigaho ntukite Umuyisilamu kafiri kuko icyo gikorwa cyaziririjwe n’Imana.

Nyakubahwa Mufti! Saba abashekhe b'Abasalafu ukuriye kuzirikana ko al-Alamah Imam al-Sayyid Ahmad AL-Hadad agira ati: "Ijimaa (kwemeranya hagati) y'abamenyi ivuga ko bitemewe kwita kafiri buri wese usali yerekera Qibla, uretse aramutse akoze akanavuga ibigaragaza ko atemera Imana, cyangwa agakora shiriki igaragara utanabona uko uyigoragoza wanayivuganira "Ta'awiil", cyangwa akavuga akanakora ibigaragaza ko ahakana ubutumwa bwa Muhammad "s.a.w.w", cyangwa ahakanye ikizwi mu dini ko ari ngombwa kucyemera. Ikizwi mu dini ko ari ngombwa kucyemera ni nka Tawuhidi, kwemera Intumwa z'Imana, umunsi w'imperuka n'ibindi. Hababarirwa ubikoze bitewe n'ubujiji cyangwa kuba ari Umuyisilamu mushya). Ndangije kwandukura amagambo ye.

Rwose kwita Umuyisilamu kafiri bikorwa n'abavandimwe b'Abasalafu n'icyaha kibi kandi gikabije, umva uko Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yavuze ku Muyisilamu wita undi kafiri, Intumwa y'Imana yaravuze iti: (Iyo umuntu abwiye umuvandimwe we ko ari kafiri aba yishyize mu bibazo "iyo ibyo amuvuzeho atari ukuri ku Imana niwe ufatwa ko ari kafiri"). Imvugo zokwita Abayisilamu kafiri, zivugwa n'injiji itazi amategeko ya shariya, itazi imipaka y'ubukafiri n'imipaka ya imani.

Nk'uko bitemewe kwita Umuyisilamu kafiri kubera gukora ibyaha mu gihe yavuze shahada ebyiri; Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yaravuze iti: (Ibintu bitatu ni umisingi wo kwemera: Kurinda ururimi ntirukite kafiri abavuga Laa illaha il Llah ubitewe n'icyaha ubonye bakoze, uwavuze Laa illaha il Llah ntitumukura muri Isilamu kubera ibikorwa bibi akora. Kwemera ko Jihadi izakomeza kugeza ku munsi w'imperuka, no kwemera Qadar). Iyi Hadithi yanditswe na Abu Dawud.

Imamu al-Haramaini yaravugaga ati: "Turamutse dusabwe kuvuga ibikorwa bigaragaza umukafiri n'utari we, twabasubiza tuti: "Mudusabye gukora ibiruhije gukorwa bitanapfa kwigonderwa, kuko ibyo bikorwa byihishe mu mahame ya

Tawuhidi, akaba ntawabasha kubimenya uretse uwaminuje mukuyimenya no kuyisobanukirwa”.

Bityo Nyakubahwa Mufti wari ukwiye kwihanangiriza buri mushekhe na buri mubwirizabutumwa uyoboka mazihebu ya Salafu mu yobora, kwita kafiri Umuyisilamu mu gihe uwo Muyisilamu bita kafiri adakora mu byavuzwe. Ururimi rwihutira kwita Abayisilamu kafiri, ruba ruzateza nyirarwo akaga ku Imana .

Zirikana ko na Imamu Muhammadi bin Abdul-Wahabi twubaha (Imana imuhe iruhuko ridashira) witirirwa gutangiza mazihebu ya Salafu izwi cyane ku izina rya Wahabi, akaba na Imamu w’iyo mazihebu yamagana akanahakana abavuga ko yita Abayisilamu abakafiri.

Mu baruwa ya Imamu Muhammad bin Abdul-Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira yoherereje abaturage b’akarere ka Qaswiim yagize ati: (Nagezweho n’ibaruwa ya Sulayiman bin Sahiim, ibyayivuzwemo byemerwa na bamwe mu bamenyi. Imana yonyine irahamya ko uwo mugabo yambeshyeye, ampimbira ibyo ntavuze. Ibyo amvugaho ntibyari byaza mu bitekerezo byanjye turetse kuba ntarabivuze. Mu byo yampimbiye harimo ko ndwanya ibitabo bine (bya Hadithi bizwi), ngo nkaba mvuga ko Abayisilamu bose babayeho nyuma y’umwaka wa 600 A.H kugeza aho habonekeye abayoboka iyobokamana nigishije ari abakafiri.

Ngo nkanigisha ko ukoze tawasulu[8] (gucisha ubusabe ku ntumwa n’intungane) ari kafiri, ngo nkanavuga ko mbonye uburyo nasenya inyubako iri ku imva y’Intumwa nayisenya, ngo nkanaziriziza gusura imva y’Intumwa (s.a.w.w), …

[8] - Abavandimwe bacu bayoboka mazihebu ya Salafu bafite imyumvire n'ibisobanuro bya Tawuhidi byihariye, kuko babona ko kwemera Imana no kuyiyoboka bituzura cyereka utangaje intambara yo kurwanya no gusenya amakaburi [imva] yubakiye, kurwanya abubahiriza intumwa bakora Mawulidi bakanayicishaho ubusabe (Tawasulu), n'ibindi bikorwa bigaragaza kuyubahiriza. Bita abakafiri n’abashirikina Abayisilamu bakora Tawasuli, bita abafotora n'abifotoza ko ari ababangikanyamana. Umuyisilamu iyo avuze nk’uhamagara ati : Yaa Sayyidina Muhammad. Iyo akoze Mawulidi (kwizihiza umunsi intumwa yavukiyeho), gusoma khitima, ibyo byose n'ibindi tutarondoye, bamwiita

Igisubizo cyanjye kuri ibyo akaba ari iki gikurikira; Ndagira nti:

(Icyubahiro n'icyawe "Nyagasani!" Iki ni ikinyoma gikabije). An- Nur: 16, Rwose hari ababanjirije kuba abanyakinyoma no kubeshyera Intumwa (s.a.w.w), no gutuka intumwa y'Imana Isa (a.s). Ibyo ni ikinyoma, Imana (s.w.t) yaravuze iti:



(Abahimba ikinyoma "bagenda bavuga ko Intumwa y'Imana yakoze ibyo", ni abatemera aya z'Imana; abo nibo babeshyi). An- Nahl: 105.

Babeshyeye Intumwa ko yavuze ko Intumwa Isa (a.s) na Uzayir bari mu muriro w'iteka, Imana ihishura iyi aya igira iti:

(Abagezweho n'ubuntu bwacu abo bazaba kure nayo "Jahanama"). Al-Anbiyaa; 101.

Muhammadi bin Abdul-Wahabi.

---

umukafiri, umushirikina n'ibyo bikorwa bakabyita kwanjwa n'ubuyobe ubikora kumena marasoye bikaba biziruye. Urukundo, gukwirakwiza ubumenyi guhembera ubumwe mu Bayisilamu, kurwanya inzangano n'urugomo, ntibiba muri gahunda y'Abasalafu.

Soma ibaruwa ya mbere ya Shekhe al-Imamu Muhammad bin Abdul- Wahabi, uzayisanga mu bitabo bye bisohorwa na kaminuza ya Imamu Muhammad bin Saudi mu gihugu cya Saudi Arabia.

Iyindi baruwa ikwiye gusomwa nabo Muhammad bin Abdul-Wahabi abereye Imamu, ni ibaruwa Imamu Muhammad bin Abdul-Wahabi yandikiye umumenyi w'icyatwa muri Iraq. Uwo mumenyi yari yaramwandikiye amumenyesha ibyo abantu muri Iraq bamuvugaho.

Imamu Muhammad bin Abdul- Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira amusubiza ati: "Mu by'ukuri kwamamaza ikinyoma biri mu bitera umunyabwenge isoni". Mugira muti: "Abantu muri Iraq bavuga ko wita Abayisilamu bose abakafiri uretse abakuyoboka". Ni akumiro pe! Ibyo ntibinyura ubwenge, kuko ibyo bamvugaho bitavugwa n'Umuyisilamu?

Muvuga ko mvugwaho kuvuga ko mbonye icyuho cyogusenya inyubako iri ku imva ya Muhammad (s.a.w.w) nayisenya, nkabuza abantu gusabira Intumwa. Icyo ni ikinyoma.

Muhammadi bin Abdul-Wahabi

Muri icyo gitabo ku rup rwa 64, Imamu Muhammad bin Abdul- Wahabi yaravuze ati: "Ngo nita kafiri abakora Tawasulu "gucisha ubusabe ku muntu", nka nita abaturage bo mu karere ka Buswiiry abakafiri, usuye imva z'ababyeyi nkamwita kafiri, urahiye mu zina ry'ikindi kitari Imana nawe nkamugira kafiri"!!

Igisubizo cyanjye kuri ibyo n'iki gikurikira ntakindi:

↑ 🙌🏳⑩🙌→♦↖ 🡼♊🕓♦☝🡽🙌↘🎛 ✂☒🅞🕓🏔♎ 🏔📻🔲✡🕓🏔♦🡽⌛←🙏↓

(Icyubahiro n'icyawe "Nyagasani!" Iki ni ikinyoma gikabije). An- Nur: 16.

Muhammadi bin Abdul-Wahabi

Nyakubahwa Mufti, ndangije kwandukura amabaruwa ya Imamu w'Abasalafu Muhammadi bin Abdulwahabi Imana imuhe iruhuko ridashira.

Nyakubahwa Mufti, Imamu Ali (a.s) yabajijwe kubo batavugaga rumwe mu dini (Khawaariji) niba ari abakafiri arasubiza ati: “Oya si abakafiri, kuko baba Abayisilamu bahungaga ubukafiri”. Bati: “Tubite abanafiki? Arababwira ati: Abanafiki ntibibuka Imana uretse mu bihe bike, none bariya bibuka Imana cyane”. Arabazwa ati: “None tubite bande? Ati: “Nimubite abavandimwe bacu batwigometseho, bahuye n’ibigeragezo bibahuma amaso basigara batakibona ukuri”.

Ndangije nsaba buri wese ufite imigambi yo kunga Abayisilamu no kubagira inama y’igikenewe kuri bo gukorwa muri ibi bihe, gusoma iki gitabo cy’abashekhe babiri Salim al-Bishir na Sayyidi Sharaf al-Din Musawi. Naho intakoreka yiyemeje gutahiriza umugozi umwe n’abagamije gusenya ubumwe bw’Abayisilamu, ndayigira inama yo kudafungura iki gitabo turetse ku gisoma, kuko ishobora gusangamo ibyayitera ipfunwe no kurushaho gucika intege, bitewe n’ibyo yasomamo ku ntambwe imaze guterwa mu kunga Abayisilamu no kubabanisha mu bwumvikane. Bityo akisanga we nabo bahuje imigambi bari kugosorera mu rucaca.

Nyakubahwa Mufti Salehe, ndangije iyi baruwa mbibutsa ko hari byinshi musabwa gukora kugorora ibigoramye mu mubano wa Shiya na Salafu bo mu Rwanda, no kujijura Abasalafi muyobora kubirebana na mazihebu muri Isilamu.

والسلام عليكم ورحمة الله تعالى وبركاته

Umuvandimwe,
Shikal Haruna
Muhanga Nyamabuye

UMUBANO WA SHIYA NA SUNI MURI AFRIKA YIBURASIRA ZUBA

Imyaka myinshi muri Afrika y'iburasirazuba ntavuze ahandi ku si, Shiya Ithna-ashari babana n'abavandimwe babo Suni n'abavandimwe muri Isilamu. Abamenyi b'ibyatwa n'abashekhe ba madhihebu ya Suni batumirwa mu biterane n'iminsi mikuru by'abavandimwe babo Shiya bakanabitangamo inyigisho, na Shiya nabo bagatumirwa mu biterane n'iminsi mikuru by'abavandimwe babo Suni bakanahabwamo ijambo.

Suni basaba kugirwa inama n'abavandimwe babo Shiya mu bibazo byabo binyuranye, na Shiya nabo bagasasba kugira inama n'abavandimwe babo Suni mu bibazo byabo binyuranye. Mu byicaro by'inama z'ibibazo by'Abayisilamu zateguwe n'abavandimwe babo Suni ku bibazo bivutse mu gihugu Shiya bbatumiramo Suna, na Suni bagatumirano Shiya; urugero nko kubireba n'itegeko rya mirathi, kurongora na talaka n'ibindi. Utunama n'amakomite by'Abayisilamu bishingwa muri ibyo bihugu, Shiya bashyirwamo, urugero; komite yo gutegura ibiganiro bya Isilamu kuri Radio muri Kenya yari munsi y'ubuyobozi bwa Kadhi mukuru, na Komite yo gutegura Silabasi {igitabo nteganya nyigisho z'idini mu mashuri} aho hose Shiya bamye bafatanya n'abavandimwe babo Suni.

Iyo urebye ku ruhande rw'amashyaka y'Abayisilamu muri Afrika y'iburasirazuba, uzabona amashyaka menshi yashyizweho muri ibyo bihugu akiriho na n'ubu ayobowe na Suni afatanyije n'abavandimwe babo Shiya. Tutavuze abashyingiranye soma tafsiri y'Igiswayire ya Shekhe Abdala Salehe al-Farisi, Sura al-Maida, maelezo aya ya 14]. N'ubu igitotsi cyaba gihari hagati yabo, kiri

hagati y’Abayisilamu bayoboka mazihebu yaje kwaduka mu bihe byanyuma ivuye muri Saudi Arabiya izwi ku izina rya Wahabi cya Salafu.

UMUBANO WA SHIYA NA SALAFU MU RWANDA

Ino iwacu mu Rwanda, A.M.U.R ikiyobowe na Shekhe Ntahondi Imrani, twari tubanye neza tunubahana. Nagiye mpura nawe nanaganira nawe kenshi. Yemeraga ko muri Isilamu harimo madhihebu nyinshi zirimo Shiya bityo zigomba kubana neza ntashiti kandi zumvikana. Hari n'ubwo yifatanyaga natwe kwakira abashyitsi b'abashekhe b'Abashiya babaga bavuye mu mahanga baje kudusura, ugasanga twicarenye nawe twate igiparu ntakibazo.

Mu giterane cyahuje Shiya na bashekhe cyari cyasabwe n'Abayisilamu i Gitarama, babeshye Abashiya ngo baze kwisobanura Abayisilamu bareke kubishisha, naho ni ukubatuka nko kumvisha Abayisilamu ko ari abanzi babo, nyakubahwa shekhe Ntahondi Imrani yabaye intwari ubwo yabwaga ijambo nk’umuyobozi mukuru wa Isalami mu Rwanda ngo avuge icyo atekereza ku Bashiya, yumvishije bagenzi be bari bazanywe no guhamiriza Abayisilamu b'i Muhanga Gitarama ya kera ko Shiya ari kafiri, ko ibyo bakorera Shiya atari kumwe nabo kuko abona icyangombwa atari ukwerekana uwayobye n'uri mu kuri muri madhihebu za Isilamu icyangombwa ari ugushimangira ubumwe n'urukundo hagati y'abayoboke b'izo mdhihebu. Nyuma naje kumenya ko Shekhe Ntahondi Imrani n’ubwo yize muri Saudi Arabia na A.M.U.R yayoboraga igaterwa inkunga ye ariko atari Wahabi ahubwo yari Ahal-Suna akaba ariyo mpamvu yari ntarwango afitiye Shiya nk’uko ruboneka ku bayoboke ba Wahabi.

Abahinde bo mu bwoko bwa Khoja bayoboka madhihebu ya Shiya Ithina-ashariya babaga mu Rwanda bafashije abavandimwe babo bayoboka madhihebu ya Suni babubakira umusigiti wakera waje kuvugururwa wari i

Matongo mu mugi i Kigali n’umusigiti w’I Mugandamure i Nyanza. Shiya Isimailiya witwa Taju afasha muri byinshi abavandimwe be ba Bayisilamu mu Rwanda bayoboka madhihebu ya Salafui mu mishinga myinshi bakora.

Mu by’ukuri umubano wa Shiya n’abandi Bayisilamu mu Rwanda n’ahandi ku isi, wangiritse vuba aha mu bihe byanyuma ubwo hadukaga abantu bacengewe n'amatwara y'igihugu cyirwanya Saudi Arabia cyibaziza kuba bahurira kuri madhihebu imwe n'abategetsi na ndetse n’abaturage ba Repebulika ya Isilamu ya Irani, nibwo Abayisilamu batangiye kumva mu misigiti yose y'ino iwacu inyigisho zishyushya imitwe y'Abayisilamu zibangisha urunuka Shiya. Hashingwa agatsiko k'abantu bashinzwe gutegera Umuyisilamu ubaye Shiya mu nzira no kumwotsa igitutu bamuhigira ko niba ataretse Shiya azahura n’uvuye gusenya.

Abo bantu bacengewe n'amatwara y'icyo gihugu bagerageje gufatirana ubumenyi buke bwabamwe mu ba Suni bafite ku Bushiya n'ibitekerezo by'amakosa batewemo by'uko inyigisho za Shiya zitatira imirongo migari y'inyigisbo z'u Buyisilamu, bityo bakabashishikariza kwanga kafiri Shiya no kwanga Repebulika y'u Buyisilamu ya Irani. Mu gihe abo bantu mu bihe byahise aribo bitaga Suni abakafiri n'abashirikina babaziza ko bimwe mu biri muri madhihebu yabo bemera ko ari shiriki na kufru, nko gukora Mawulidi, gusoma Khitima Taliqini na Tawasuli n'ibindi. Abayisimu bari mu Rwanda mbere ya 78 baribuka inkubiri yo kubita abashirikina n'abakafiri mu kubitiro ry'iyaduka rya madhihebu ya Wahabi yazanywe n’ikiciro cya mbere cy’abanyeshuri bari barangije kwiga idini muri icyo gihugu. Bazanye amacakubiri mu Bayisilamu babagabanyamo ibice buri gice cyita abandi abakafiri n'abashirikina, sosiyete y'Abayisilamu yangirika ubwo, isigara ari sosiyete irangwa n'urunturuntu n'inzangano!

Kwijundika ukanagirira urwango amamiliyoni y'Abayisilamu bayoboka madhihebu ya Shiya ubaziza ibitekerezo byabo n'uko babona abakhalifa batatu, ni inzangano zitanyuze ubwenge buzima n'inyigisho z'u Buyisilamu zirazamagana..

Nti bikwiye ko turirira amata yamenetse "ntawabasha kuyayora". Ntawabasha kugorora ibyari bigoramye mu bihe by'abasahaba ngo kuko yashyigikiye uruhande runaka rwari ruhanganye n'urundi. Hazirat Ali na Abubakari bose bamaze gupfa bahura n'Imana yabo, igihe cy'ubukhalifa nacyo cyarahise ntabukiriho.

Abawahabi ntaburenganzira bafite bwo kuziza Abashiya ibitekerezo byabo ku bakhalifa batatu bambere, kuko nta nyigisho muri Isilamu zibuza Umuyisilamu kuba yatekereza akanafata umwanzuro ku byakozwe na bariya bakhalifa batatu. Kuba ubutegetsi bwabo bwari ukuri bunemewe, kubyemera ntibiri mu nkingi zokwemera z'u Buyiisilamu. Kuba ubutegetsi bwabo bwari ukuri cyangwa atari ukuri ni ikibazo cya politiki ntaho gihuriye n'idini. Kuri kiriya kibazo cya politike, buri Muyisilamu afite uburenganzira bwo kugira uko akibona atarenze ku mabwiriza y'u Buyisilamu.

Mu baruwa ifunguye nandikiye Nyakubahwa mufti w'u Rwanda Shekhe Salehe Habimana, navuzemo ikiganiro na bwiwe yagiranye n'umuvandimwe Shaekhe Ayyubu…. Ubwo yahuriraga na Mufti w'u Rwanda mu nama mu Bwongereza, muri rusange akaba yaramubwiye ko Salafu bo mu Rwanda babanye neza na Shiya. Bishoboke kuba Nyakubahwa Mufti ntacyo azi ku mibanire y'Abasafu ayobora n'abavandimwe babo Shiya mu Rwanda, bityo nkaba ngiye kumuha ipica y'uko babanye nandukura amwe mu mabaruywa batwandikiye cyangwa twe turabandikira:

Urugero rw'uko umubano hagati y'izi mazihebu zombi wifashe mu Rwanda, ni Umuvandimwe Shekhe Shafi M. Rizinde n'ibyamubayeho azize kwitwara binyuranye n'Abashekhe b'Abasalafu bagenzi be abanira neza abavandimwe be Shiya.

Shekhe M. Rizinde Shafi yagize ubutwari bwogutekereza no kwitwara binyuranye n'abagenzi be b'abashekhe bayoboka mazihebu ya Salafu bo mu Rwanda, maze

ashaka kugorora ibigoramye ku mubano wa Salafu na Shiya bo mu Rwanda. Kuba yari afite umugambi wo kugorora ibyari bigoramye ku mubano wa mazihebu zombi, byatumye agirana umubano mwiza n'Abashiya, agenderana nabo basabana amazi n'umuriro. Maze intagondwa mu Basalafu bamaze kumenya gusa ko abanye neza n'Abashiya anasabana nabo, akabasura nabo bakamusura, bamumereye nabi kugeza n'ubwo hari n'abavugaga ngo ni acibwe umutwe!

Barushujeho kumurakarira no kumumerera nabi nyuma y'ibaruwa y'ubutwari yandikiye bagenzi be b'Abashekhe, abasaba kwisubiraho kubirebana n'amatwara yabo ku Bashiya. Iyo baruwa amaze kuyisohora, bagenzi ngo baba baramwokeje igitutu bamusaba kwandika indi iyivuguruza nk'uko uza kuzisomera aho tuza kuzandukura hepfo. Muri iyo baruwa arabararikira igiterane azakoresha avuga ku mubano we mwiza abanye n'Abashiya azanagiramo inama bagenzi be b'abashekhe icyo bakora ku mubano wabo n'Abashiya.

Mu by'ukuri Shekhe M. Rizinde Shafi iyo ataza kotswa igitutu akisubiraho, yari urugero rwiza ku mubano ukwiye kuranga abayoboke bamazihebu zombi. Yaradusuraga tukamusura, tukaganira ku bibazo biri hagati y'Abasilamu n'ubryo twafatanya ku bikemura, ku buryo aho twari tugeze mu gushaka uko tubanisha neza Abayisilamu bayoboka madzihebu ya Shiya na Salafu bo mu Rwanda hari hashimishije, iyo tutaza kurogorwa, tuba tumaze kugera kuri byinshi bishimishije. Ndakeka igitutu yokejwe n'abashekhe bagenzi be b'Abasalafu bamuhatira kwandika ibaruwa igaragaza ko ntaho ahuriye n'Abashiya, arinacyo bamwokeje bamuhatira gusobanura igitabo cya Shekh Muhibudin Al-Khatibu cyitwa IMISINGI MIGARI ISHINGIWEHO N'IDINI Y'ABASHIYA giherutse guhindurwa mu Kinyarwanda na Shekh Rizinde Muhammadi Shafi, gisebya Abashiya kikanabavugaho ibitari ukuri gicapishwa na A.M.U.R!

Iyi baruwa yanditswe na Shekhe M. Rizinde Shafi yaje gukurikirwa n'ibibozo byinshi byagamburuje Shekhe Shafi M. Rizinde, yisubiraho ntiyongegra gucana

uwaka n'Abashiya! Ndi mubo yahaye kopi yayo amaze kuyicapa aranambwira ati: “Ngiye kuyikkwirakwiza maze ikibyimbye kimeneke, bibe uko byakabaye kuko icyo nimirije imbere ni ukogorora ibigoramye nkora igishimisha Imana niyo abantu barakara.

Ku ya 14 Kanama mu w’i 1997 hatanzwe impapuro zarimo ubutumwa bwa Shekhe M. Riznde Shafi amenyesha bagenzi be b’abashekhe icyo atekereza ku bibazo biri hagagti ya mazihebu ya Salafu na Shiya mu Rwanda muri rusange no mu bashekhe ku buryo bw'umwihariko.

Isomere iyo baruwa n'ibyaje kuyikurikira;

IBARUWA IFUNGUYE IGENEWE: BA SHEKHE BOSE

Rizinde Mohamed Shaffiy
B.P. 2334 Kigali
Tel. 74665

Kigali kuya 7/02/1997

Ntangiye nshimira Imana na nasabira Intumwa y’Imana (s.a.w.w) na biwe amahoro n’imigisha. Ndahamya mbikuye ku mutima ko nta Mana ibaho kandi ikwiye gusengwa uretse ukwiye kugaragirwa by’ukuri ariwe Allah kandi Muhammadi akaba Intumwa ye nyakuri.

Ba Nyakubahwa, ndabagira inama mbanje kuyigira yogutinya Imana no kuba mu banyakuri (Qur’an 9:119). Buri wese mu bashishikajwe n’ibibazo by’Abayisilamu, ahangayikishijwe n’imibereho y’Abayisilamu ya none irangwa n’ujubujiji, ubushyamirane, uburyarya, gusuzugurika n’ibindi. Ibi birushaho gutera agahinda

iyo bigaragara ko Abayisilamu ntacyo babura ngo bikize izo ngorane zose. Bafite Qur'ani igitabo cy'Imana izi byose inashobora byose, bafite abantu, ubukungu n'ibihugu biteretse aheza mu mpande z'isi.

Iyo witegereje imibereho yacu abitwa ko turi abamenyi mu dini (Abashekhe), usanga dushishikajwe no gutera inkunga ubuhakanyi no guca intege Abayisilamu ku buryo tuba tutabigambiriye ahubwo tubiterwa no kudasobanukirwa ntitumenye igikwiye n'ikidakwiye, aho dufite inyungu n'aho tutazifite. Impamvu shingiro ikaba ikomoka ku masoko tuvomamo ubumenyi, kuko burya uvomye ibirohwa aribyo anywa.

Ba Nyakubahwa ba Shekhe, nibajije impamvu shingiro zituma kaminuza tuvomamo ziduha ibirohwa?! Ku giti cyanjye nasanze impamvu zifite imizi miremire [mu mateka]: Intumwa y'Imana yaravuze iti: (NYUMA YANJYE ABAYISILAMU BAZACIKAMO UDUCE TWINSHI TUZAGERA KURI 73; TWOSE TUZAJYA MU MURIRO KEREKA KAMWE NIKO KAZAROKOKA KAKAZAJYA MU JURU). Intumwa y'Imana (s.a.w.w) ivuga iti: "Nyuma yanjye, ntiyagennye igihe Abayisilamu bazahagarariraho gucikamo ibice". Ikibabaje ni ukubona utwo dutsiko twarigaragaje kuva kera na kare uhereye Intumwa (s.a.w.w) itarashyingurwa na nyuma yaho. Mu by'ukuri icyo abasahaba bapfuye usanga tukigira gito mu gihe ari kinini akaba ariyo mpamvu mbandikiye iyi baruwa ngira ngo mugaragaze uko mwe mubibona. Kuri njye hari ingingo enye zikurikira: Imana yaravuze iti:

(YEMWE ABEMEYE MWUMVIRE IMANA N'INTUMWA YAYO N'ABAHAWE UBUYOBOZI MURI MWE) Qur'ani 4: 64.

Imana irongera iti: (IYO BAGEZWEHO N'IKINTU CYABA ICYAMAHORO CYANGWA SE AMAKUBA, BARACYASASA. UBONA IYABAGA BAKIGEZAGA KU NTUMWA N'ABAHAWE UBUYOBOZI MURI BO! BARI GUSOBANUKIRWA N'ABASHOBOYE GUCENGERA "UBUMENYI" MURI BO). Qur'an 4: 83

a) Kwemera Imana na gahunda zayo.
b) Kwemera no gukurikira Intumwa yayo.
c) Kwemera no kugendera ku bayobozi batoranyijwe n'Imana b'idini.

I. Imana iragira ati: (YEWE NTUMWA Y'IMANA "MUHAMMAD" SHYITSA UBU BUTUMWA "bw'uko Ali azayoboro Abayisilamu" BUVUYE KU MANA YAWE UTABUSHYIKIRIJE UZABA UTARASHYIKIRIJE UBUTUMWA BWAYO) Qur'an 3: 67.

Muri iyi aya Imana yakoresheje ijambo (BALIGH), risobanura gutanga ubutumwa ku buryo bwuzuye kandi bwumvikana. Nemera ko Intumwa y'Imana yashyikirije ubwo butumwa ikaba ntacyo itatubwiye keretse hagize utanga ubuhamya ko Intumwa y'Imana itabushohoje ikaba yarakoze Khiyana.

II. Imana iravuga iti: (MU BY'UKURI IMANA IRASHAKA KUBEZAHO UMWANDA "w'ibyaha" MWEBWE BANTU BO MU RUGO RW'INTUMWA "Ahalubayit" INABASUKURE ISUKU YUZUYE) Qur'an 33:33.

Banyakubwahwa bashekhe, njye kubwanjye mbona igikomeye kurusha ari ukwirengagiza ubuyobozi Imana yasigiye Abayisilamu kuko kutayoboka ubwo buyobozi ari byo nyirabayazana n'impamvu nyamukuru w'ibibazo byose Abayislamu bafite ubu.

Banyakubahwa bashekhe! Ninde muri mwe utazi imvugo y'Intumwa y'Imana Muahammad (s.a.w.w) igira iti: (UZUMVIRA ALI AZABA ANYUMVIYE, UZABA ANYUMVIYE AZABA YUMVIYE IMANA, UZANGA KUMVIRA ALI AZABA ANSUZUGUYE, UNSUZUGUYE ABA ASUGUYE IMANA). Soma Tarekh Dimashiq cya Ibin Asakir, vol. 3, urup 170 HAdith y' 1208. na Musitadrak al-Hakim vol. 3 urup 129, n'ibindi.

III. Izo ngingo uko ari eshatu zahuriweho n'abahanga ba Hadithi hafi yabose, muri bo harimo Ibin Hajar mu gitabo cye cyitwa As-Sawaiq al-Muhriqah, Nasai mu gitabo cye Khasais ku rup rwa 4 no ku rup 21, Ahmad bin Hambal mu gitabo cye Musinad urup rwa 281. N'ubwo bayanditse kuburyo bunyuranye bose bahurira ku kwemera ko Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yavugiye ahitwa Ghadir Khum iti: (YEMWE BANTU IMANA NI UMUYOBOZI WANJYE NANJYE NKABA UMYOBOZI WA BURI MWEMERA "Ifata akaboko ka Ali (a.s) irakazamura iravuga iti" UWO MBEREYE UMUYOBOZI ALI NIWE UZASIGARA AMUYOBORA, MANA KUNDA UZAMUKUNDA WANGE UZAMWANGA).

Kubwanjye nsanga kwirengagiza kw'Abayisilamu ubuyobozi Intumwa yabasigiye ariyo mpamvu yonyine y'ibibazo Ubuyisilamu bufite muri iki gihe n'icyahise. Imana mu gitabo cyayo iratubaza iti: (NIKO YE! MWEMERA BIMWE MU NYIGISHO "z'idini" MUGAHAKANA IBINDI? NI IKIHE GIHANO GIKWIYE ABAKORA IBYO MURI MWE URETSE KUZAKORWA N'IFPUNWE MURI UBU BUZIMA BW'ISI NO KU MUNSI W'IMPERUKA AKAZAJUGUNYWA MU MURIRO) Qur'an 2: 88.

Mu gusoza uru rwandiko nibutse ko Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yasigiye Ali (a.s) ubuyobozi bw'idini nyuma yayo, bamwe mu Bayisilamu baraburwanya biba impamvu yatumye Ubuyisilamu butakaza byinshi twari kunguka twasigiwe n'Intumwa y'Imana.

Bavandimwe nabasabaga kwikuramo gukunda ibyubahiro n'inyungu zanyu bwite; kutishyiramo ko muzasuzugurika (complexe) no kwirinda gukurikira buhumyi (fanatisme) mukagira revolution y'umutimanama mukagira icyo muvuga kuri ubu butumwa mbohererereje ubu twegereje umunsi uhambaye mu mateka wa HAJ AKBAR; (umunsi wa Bara'a; umunsi wo gutanga Adhan), umunsi Intumwa (s.a.w.w) yabwiye Abayisilamu ko ntawe ukwiye gushyikiriza ubutumwa bwayo usibye yo n'umugabo mu biwe. Soma Mukhitasr Ibin Kathir, vil. 12, urup rw' 124.

Icyo gihe yatumye Ali mwene Abu Twalib kujya gutangariza abantu ko Imana itandukanye n'ababangikanyamana. Kuri uwo munsi taliki 10 Dhl-Hija 1997 niwo munsi nanjye nzerurira Abayisilamu ukuri n'ikinyoma.

Bavandimwe ba Shekh musabwe kuba mwaragize icyo muvuga kuri ubu butumwa [mbere y'uwomunsi mfite icyo nzabatangariza]; mbararikiye mu giterane mbwirwa ruhame kizabera aho muzamenyeshwa mu minsi idatinze.

Wasalaam alaa man tabial huda.

Uwanyu Rizinde Muhammadi Shaff

Hashize icyumweru ku ya 06/ 03/ 1997 nyuma y'iyo baruwa, twabonanye na shekhe Rizinde M. Shaff, yaje iwanjye ambwira ko ibintu bimeze nabi, bagenzi be b'abashekhe bayoboka mazihebu ya Salafu barakaye bikabije bityo bari kumwuka igitutu ngo yandike ibaruwa ibeshyuza iriya anahakanemo ko adakorana n'Abashiya. Hakaba n'abari guteza ubwega ngo ni acibwe umutwe kuko yabaye Shiya bityo akaba yabaye kafiri. Ansaba ko namurangira kwa Shekhe Abdillah Nasir i Mombasa muri Kenya, nkanamuha ibaruwa imusaba kumwakira akaba ariho aruhukira anabone uko ahungira ibibazo by'ingutu yisanzemo nyuma yo kwandika iriya baruwa yandikiye abashekhe bose tumaze kubona, baturura akabona kugaruka mu Rwanda.

Ibyo yansabye narabimukoreye aragenda nkeka ko yagiye i Mombasa nk'uko yabimbwiye. Ku ya 26/ 03/ 1997 natunguwe n'umukozi w'iwe anzaniye indi baruwa yanditswe na shekhe Rizinde Shafi ahakana ko atariwe wandikiye abashekhe iriya baruwa ahubwo ngo yayihimbiwe n'Abashiya baturanye. Iyo baruwa ibeshyuza iriya ikaba ari iyi ikurikira:

IBARUWA IFUNGUYE IGENEWE: BA SHEKHE BOSE

Rizinde Mohammed Shaffiy
B.P. 2334 Kigali
Tel. 74665

Kigali kuya 20/03/ 1997

Ba Nyakubahwa, Asalamu alayikum wa Rahmatullah

Mbanje gushimira Imana nsabira n'intumwa yayo amahoro n'imigisha. Guhera kuwa gatatu taliki 19/02/1997, hakwirakwijwe ibaruwa ibagenewe yanyitiriwe, idafite umukono n'italiki, yanditseho adrese ntazi nanyirazo. Iyo baruwa benshi mu bantu barayitwaza bavuga ko ndi Shiya. Iyo baruwa sinigeze nyamamaza n'uwabikoze yarampemukiye "yakoze khiyana", kuko sinigeze mutuma cyangwa ngo muhe uburenganzira bwo kuyamamaza mu zina ryanjye n'ubwo yaryanditse nabi. Yaba yari afite umugambi mwiza cyangwa mubi naramubabariye n'Imana imubabarire.

Hari abitwaza iyo baruwa kubera inyungu zaba bwite bakavuga byinshi, nabonye hari n'abangiriye umujinya nk'uwimbogo, boshye njye narabarushije gutera Shiya inkunga muri iki gihugu. Abo bose bihangane, kandi bacishe make, bicuze ku Imana kenshi njyewe ho mbijeje kuzabahishira akabanga.

N’ubwo kuba Shiya atari ukuva muri Isilamu nk’uko bamwe babifata kubera ubujiji, ahubwo bikabba ari ukuva muri mazihebu ujya mu yindi (Soma Fat’wa ya Shekh wa Azhar Mahmudu Shaltut yo kuwa 17 Rabi’il’Awal 1378).[9]

Hamwe n’ibyo byose ntangaje kumugaragaro ko ntigeze mba Shiya. Yaba Shiya Suni cyangwa Wahabi ni amazina abantu bihitiyemo, Imana ntiyigeze iyahishurira ibimemenyetso.[10] Nyamara n’ibyo byose, Abashiya ni inshuti n’abavandimwe banjye, turasurana, tukanabana tukanahana, nk’uko bamwe mu Bakrisito dukorana ibyo byose.

Ba Nyakubahwa ba Shekhe, nari mfite ubuhamya bwo kubagezaho ku kibazo cya Shiya gitandukanya Abayisilamu, kandi kutabitekerezaho no kutabikoraho ubushakashatsi ni ukutita ku by’Abayisilamu Imana ibindinde namwe mwese. Ubuhubutsi bwa bamwe muri mwe butumye ubwo buhamya ntabubagezaho uko nabitekereje ariko ndacyashakisha ubundi buryo bwo kubagezaho ubwo buhamya mu gihe kiri imbere.

Uru rwandiko ruriho umukono wanjye nirwo ntangarije abashekhe n’Abayisilamu muri rusange, izindi zizabazwa abazitanze.

Mugire amahoro y’Imana

Rizinde Mohammed Shaffy

[9] - Iyo Fatiwa ndaza kuyandukura mu mpera z’iyi baruwa.

[10] - Nyamara Nyakubahwa Shekhe Rizinde niwe ubwe wari wiyandikiye Aya na Hadithi bivugwamo ubuyozi bwa Hazirat Ali (a.s) mu i Baruwa ye ya mbere ubu ahakana ko atari we wayanditse. Bityo rero gushyira kwe Shiya ku rurtonde rumwe na Wahabi na Suni ko Imana itigeze ihishura ibimenyetso (Aya) zibivugaho nabwo yakoze khiyana. Ukuri aka ari uko ntaho Imana yigeze ibwira Umuyisilamu ngo abe Wahabi cyangwa Suni, ariko kuba yarategetse Abayisilamu kuba Shiya (kuyoboka Ahalul-bayiti) ni ukuri n’impamo mu bitabo bya Suni ubwe, ni nabyo biuri bigraragazwe n’iki gitabo ugiye gusoma.

Nyuma y’uko Shekhe Mohammed Shaffy atangaza ko ibaruwa ya mbere yari yanditse uwayamamaje atari yakamuha uruhushya rwo kuyamamaza bityo akaba yaramuhemukiye, Association Ansara Allah nayo kuya 23/ 06/ 1997, yakwirakwije indi baruwa irimo itangazo ryirukana Shekhe Rizinde Muhammed Shaffy mu muryango wa Ansara Allah ngo kuko afitanye ubucuti n'umubano n'Abashiya, bityo bakaba bamukeka amababa! Iyo baruwa yirukana Shekhe Rizinde Muhammed Shaffy ni iyi twandukye hepfo aha:

BISMILLAH RAHIMAN RAHIM

ASSOCIATION ANSAR ALLAH AU RWANDA
asbl arête ministerial no
275/05 B.P 2334 KIGALI.

Réf : Kigali, kuwa 20/03/1997

Ku Muvandimwe AMR (bose)
Assalam alaykum wa rahmatullahi wa barakatuh.

Imana ishimwe cyane. Imigisha n’amahoro yayo bigwire ku ntumwa y’Imana Muhammad n’umuryango we n’abasangirangendo be n’abazamukurikira m’ukuri kugeza ku munsi w’imperuka. Intumwa y’Imana (s.a. w) yavuze ko iby’uwemera byose bitangaje; iyo agize amahirwe ashimira Imana bikaba Khayr kuri we. N’iyo agize ibyago arihangana bikaba Khayr. Ibyo ni ukubera ko ubuzima bw’uwemera bwose ari ibigeragezo.

Icy'ingenzi ni ukumenya uko abyifatamo. Turabashimira (Imana ibibahere imigisha) kutugezaho iby'inkuru mwumvise cyangwa mwasomye irebana na Rizinde M. Shaffy, nta kuyasasa no kuyifataho icyemezo (4: 83). Twihutiye kubonana na Shaffy ubwe tariki 19/03/1997 tukimara kumva iyo nkuru. Yatwibwiriye ko iyo nyandiko iriho izina rye, ariko ntibeho umukono we nawe ayifite ko yandikishijwe kuri ordinateur n'abasore b'abashiya baturanye nawe bahereye ku nyandiko ye yabahaye bongeramo ibitekerezo n'ukwemera kwabo bitari ibye. Yanatubwiye ko atari azi ko iyo nyandiko irimo gukwirakwizwa n'abo bashiya. Yongeraho ko nasanga ari uko biteye azayinyomoza.

Bavandimwe, muzi neza ko Islamu ari idini ya Tawhid khalisal-lilahi= kwemera Imana imwe rukumbi no kuyiharira yonyine ibikorwa (Ibada) byose. Imana ntiyemera ko bicishwa ku wundi cyangwa ko hagira ibiturwa hamwe nayo uwo ariwe wese (Qur'an 4: 48, 18: 110, 5: 72).[11]

Intumwa y'Imana (saw ni uko yigishije, iva ku isi idini yuzuye, itunganye nta bundi butumwa bushyashya bwo kuyobora abantu nyuma ya Muhammad (saw). (Qur'an 33: 40)= LAA NABIBIYA B'ADAHU.[12] Abasuni, Abashiya n'abandi

[11] - Aha arashaka kuvuga ko Abashiya ari ababangikanyamana kubera gukora Tawasuli, aribyo agira ati: "Bavandimwe, muzi neza ko Islamu ari idini ya Tawhid khalisal-lilahi= kwemera Imana imwe rukumbi no kuyiharira yonyine ibikorwa (Ibada) byose. Imana ntiyemera ko bicishwa k'uwundi cyangwa ko hagira ibiturwa hamwe nayo uwo ariwe wese". (Qur'an 4: 48, 18: 110, 5: 72).

[12] - Ni koko nyuma y'Intumwa (s.a.w.w) ntayindi ntumwa iziza, aribyo intumwa (s.a.w.w) yabwiye Hazirat Ali (a.s) muri Hadithi ya Manzilah iti:

قال ابن حجر في صواعقه : أخرج أحمد أن رجلاً سأل معاوية عن مسألة، فقال: سل عنها علياً فهو أعلم، قال: جوابك فيها أحب الي من جواب علي، قال: بئس ما قلت! لقد كرهت رجلاً كان رسول الله يغره بالعلم غرأ، ولقد قال له: أنت مني بمنزلة هارون من موسى الا أنه لا نبي بعدي، وكان عمر اذ أشكل عليه شيء أخذ منه.

Ibn Hajar mu gitabo cye Al-Sawa'iq al-Muhriqa yaravuze ati: "Ahmad avuga ko hari umugabo wabajije Muawiya ikibazo, aramusubiza ati: 'Kibaze Ali niwe ufite ubumenyi bwinshi. Uwo muntu aravuaga ati: 'Igisubiza cyawe kuri icyo kibazo gifite agaciro kurenza igisubizo cya Ali.' Muawiya yararakaye aravuga ati; 'Mbega uburyo uvuze nabi!' Uranga kubaza umuntu intumwa yavugaga ko afite ubumenyi bwinshi? Yanamubwiye ko urwego rwe kuri we ari nk'urwego Haruna yari afite kuri Musa uretse ko nta ntumwa izaza nyuma ye? Uziko uko Umari yananirwaga kugira ibyo asobanukirwa mu idini, yiyambazaga Ali…'"

nk’uko mu bizi ni udutsiko twavutse tumaranira ubuyobozi bwa umma intumwa y’Imana (sa) itariho.[13]

⇳⑨⬧①⬧↬◆❒ ☎ ←▪→▦☼☞❁ ❽◆❑⇳♈⬧ ✍♦✎◆❒ ❿Ⅱ➘→↬ ·⬧ⷮ① ♦♌❑↖➔ⷮ▤✸☞♦③ ♌ⷮ①↓
↑ ❽⊠⑨←●▫▤ ↖☠ⷯ&ⷯ〰▪❻ Ⅱⷭ)ⷯ✎ ☠➔♎◆↗🖉🕭⊠Ⅱ

“Ntacyo bakurikira uretse gukeka n’irari ry’imutima, nyuma y’uko ubuyobzi buvuye kwa Nyagasani wabo bubageraho (Qur’ani 53: 32).

Naho kuba Intumwa yarasize iraze ko Hazirat Ali (a.s) ariwe khalifa wayo, iryo ni ihame ridakuka, n’urihakana aba yigiza nkana, soma ikiganiro mpaka umuyobozi mu kuru kw’isi wa Ahal-Suna wal-Jama yagiranye n’umumenyi w’Umushiya kuri icyo kibazo, maze ufate umwanzuro kuri cyo bitewe n’uko wasobanukiwe.

Nshima cyane umusizi witwa al- Kumayat ubwo yasomaga imirongo y’igisigo agira ati:

قال الكميت رحمه الله تعالى

↓ومنتجع التقوى ونعم المؤدب↑ * ونعم ولي الأمر بعد وليه

(Ni umuyobozi mwiza nyuma y’umukunzi w’Imana, isoko yo gutinya Imana, n’umwigisha mwiza). Wassalam.

[13] -

SHIYA NTIYAVUTSE KUBERA IMPAMVU ZA POLITIKI

Gushyira Shiya ku rutonde rw’udutsiko twabyawe n’impamvu za politike, ushobore kuba ubitewe kuba ntacyo uzi k’Ubushiya uretse ibyo wa bwiwe nab a Nasibis (abanzi ba Ahalul-bayiti) cyangwa utemera Qur’ani na Suna z’intumwa cyangwa ubyemera ariko nabwo ibirimo ukaba ubizi k’uburyo byigishwa na Nasibis, kuko ubyemera ntabe anabizi k’uburyo byigishwa na na Sibis, asanga muri Qur’ani na Suni imirongohyera uruhuri itanabarika ivuga k’Ubushiya [gukurikira Ahalul-bayiti] ikanabitegeka Abayisilamu. Birahagije kumenya ko imirongo year iguteka kimwe n’abandi Bayisilamu kuba muri mazihihebu ya Ahalul-bayiti [Shiya] uramutse uzi Aya ya Tagtwihir, Aya ya Wilayat, Aya ya al-Madah, Aya Tabilgh, Aya Mubahila n’andi macumi ahubwo amagaana ya Aya zahishiwe zitegeka kuba muri mazihebu ya Ahalul- bayiti. Na none biraguhagije kumenya ko Shiya Atari agatsiko kuvutse ku impamvu za politike ahubwo kavutse kubera ko imirongo year itegeka kukabamo usoma Hadithi ya Thaqalayi, Hadith al- Manzilat, Hadithi al-Ghadi n’anadi Magana ahubwo ibihumbi bya Hadithi.

AHAL-SUNA WAL-JAMA NIKO GATSIKO KAVUTSE KUBERA IMPAMVU ZA POLITIKE

Ukurikiranira hafi mu bitabo byanditswe n’abanditsi b’amateka ba kera, ntagushidikanya ko ubwe asanga mazihebu enye za Suni muri biriya bihe zarakwirakwijwe n’ubutegetsi bwariho. Iyo akaba ariyo mpamvu abayoboke bazo babaye benshi, umwera ukururtse ibukuru urakwira nk’uko bisanzwe. Nk’uko umushakashatsi asanga hari mazihebu nyinshi zabayeho nyuma ziza gusibangatana kuko abategetsi bari batazishimiye nka mazihebu ya Al Awuzai, mazihebu ya Hasani Al-Basari, mazihebu ya Abu Uyayina, Ibin Abizuayibi, Sufiyani Thauri, Ibin Abi Daawudi, Layithi bini Sada n’izindi.

Uyu ni umunya Misiri witwa Ahmadi Amini mu gitabo cye Zuhurul- Isilami, yaravuze ati :

Umuryango wacu wemera ko buri wese afite uburenganzira bwo kwihitiramo inzira abona imunogeye kandi ibyo ntitubipfe nawe (nk'abavuze ngo "Shaaffy" "yicwe" ku maherere). Inzira y'umuryango Ansar Allah ni iy'Intumwa y'Imana (saw) Qur'an 12: 108, 3: 31, 33: 21). Tumaze kubona ibyo byose, dushingiye kandi ku ingingo ya 12 y'amahame remezo y'umuryango, n'ubwo byaba bidashimishije bwose, twasanze ari ngombwa kubamenyesha ko Rizinde M. Shffy ahagaritswe mu bikorwa byose by'umuryango Ansar Allah mu Rwanda mu gihe cy'iminsi mirongo ine (40) guhera tariki 20/03/1997.[14]

وهذا أحمد أمين المصري يقول في كتابه ظهر الإسلام: "كانَ للحكومات دخلٌ كبير في نصرة مذهب أهل السنّة، والحكومات عادة إذا كانتْ قويّة وأيّدتْ مذهباً من المذاهب تبعهُ الناسُ بالتقليد، وظلّ سنداً إلى أن تدول الدولة"

(Ubutegetsi bwagiye bugira uruhare runini mu kwamamaza no gukwirakwiza mazihebu ya Ahal- Suna, kandi ubusanzwe iyo ubutegetsi bufite ingufu bugashyigikira mazihebu muri mazihebu abantu barayiyoboka, igakomeza kugira ingufu no kwitabirwa kugeza ubwo bwabutegetsi bwayiteraga ingabo mu bitugu buhirimye).[13]

Natwe turavuga tuti: Mu byukuri mazihebu ya Aharul-bayit niba tuyise mazihebu nk'uko Abayisilamu bamenyereye kuyita, naho ubundi ntikwiye kwitwa mazihebu kuko ariyo Buyisilamu bw'ukuri n'umwimerere w'u Buyisilamu bwigishijwe n'intumwa y'Imana Muhamadi (s.a.w.w). Iyo mazihebu ntiyigeze yemerwa n'ubutegetsi ubwo aribwo bwose bw'Abayisilamu, buri butegetsi bwarayirwanyaga bukanakora ibishoboka byose ngo buyisibangantanye. Bukayangisha abaturage, bagakorera iterabwoba buri wese uyiyoboka bigatuma abaturage bayitinya bakanayigendera kure.

Uburyo bwose ubutegetsi bwakoreshaga mu kurwanya Ahalul-bayiti, no gutera ubwoba ababakurikira, ntibyabuzaga kubaho abantu bake biyemeje kuba hamwe na Ahalul-bayiti mu byishimo no mu kababaro. Mu by'ukuri mu ingabire z'Imana ku bantu ni uko urumuri rw'Imana rutajya ruzimywa niminwa y'abantu, ntirunasibangatanywe n'inkota, ntirunahungabanywe na propaganda z'ibinyoma n'ibihuhwa, kugira ngo abantu batazabona urwitwazo cyangwa bakavuga ko ntacyo bamenye. Abayoboke b'aba imamu b'ukuri bari mbarwa babarirwa ku intoki nyuma yo kwitaba Imana kw'intumwa y'Imana (s.a.w.w), bagenda biyongera uko ibihe byasimburanaga, kuko burya igiti cyiza imbuto yacyo nayo aba ari nziza, iramera igiti cyayo cyikaba inganzamarumbo, cyikagaba amashami yacyo akajya impande yacyo zose cyikanatanga imbuto zo kurya ibihe byose k'ubushobozi bw'Imana.

[14] _

AHAL-SUNA NO GUKUNDA AHALUL-BAYITI

Mu vandimwe Muyisilamu zirika icyo cyemezo **ASSOCIATION ANSAR ALLAH** ifatiye umunyamuryango wayo ntakindi azira uretse ko agaraagaje ko akunda Ahalul-bayiti!!

Nta n'umwe mu bayisilamu ushidikanya cyangwa ngo ajye umunanu ku kuba Imana (s.w.t) yaragize gukunda abo mu rugo rw'intumwa (s.a.w.w) bazwi ku izina rya Ahalul- bayiti (a.s), nk'umusoro buri muyisilamu agomba guha uwabagejejeho ubutumwa bw'Imana Muhammadi (s.a.w.w). N'ubwo bwose kubanda nabyo atari intumwa (s.a.w.w) bifitiye akamaro, ahubwo akamaro kabyo kongera kagaruka kuri twe. Imana (s.w.t.) yaravuze iti:

{قُل لاَ أَسْأَلُكُمْ عَلَيْهِ أَجْراً إِلاَّ الْمَوَدَّةَ فِي الْقُرْبَى}.

(Vuga uti: Kubera ibyo simbasaba igihebo icyo aricyo cyose uretse gukunda abantu banjye ba hafi).[14]

Iriya aya yahishuwe itegeka Abayisilamu bose gukunda abo mu rugo rw'intumwa (s.a.w.w), aribo aba bakurikira: Ali, Fatima, Hasani, na Huseyini. Dushingiye k'ubuhamya bwa Hadithi burenga mirongo itatu ziboneka mu bitabo by'imena bya Ahal- Suna wal- Jama.[14]Hanarimo n'ubu buhamya bwatanzwe na imamu Shafi ubwe aho yavuze ati:

يا أهل بيت رسول الله حبّكم فرض من الله في القرآن أنزله

(Yemwe bantu bo mu rugo rw'intumwa, kubakunda ni itegeko ry'Imana riri muri Qur'ani yahishuye).

Niba kubakunda biri mu ibyo Qur'ani yahishuwe, ibigira itegeko ku Bayisilamu, nk'uko tubonye imamu Shafi nawe abihamya, akaba ari umwe mu ba imamu ba mazihebu enye za Ahal- Suna wal- Jama; bikaba ari nk'igihembo duha intumwa yacu Muhammadi (s.a.w.w) yatugegejejeho ubutumwa, bikaba no mu bitwegereza Imana (s.a.w.t). Turavuga iki kuri **ASSOCIATION ANSAR ALLAH** akato umunyamuryango wabo bamuziza kumenyekanaho gukubda Ahalul-bayiti?!!

Mu by'ukuri kariya kato k'iminsi mirongo ine **ASSOCIATION ANSAR ALLAH** yashyizemo Shekhe Rizinde Shafi yaziraga iriya baruwa wasomye yanditse itarimo ikindi kitari kugaraaragaza agaciro n'icyubahiro bya Ahalul-bayiti yasomye mu bitabo by'Abayisilamu, none dore amateka arigaruye, ibyabaye ku wavuze ibigwi bya Imamu Huseyini nk'uko turi buze kubibona mu nkuru tubwirwa na Ibin Hajari nibyo byabaye kuri Shekhe Rizinde yanditse ibaruwa avuzemo ibigwi bya Hazirat Ali (a.s), ngaho isomere iyo nkuru:
Ibin Hajari nawe atubwira inkuru yavuzwe na Abdalla bin Ahmad bin Hambali, yaravuze ati: Uwitwa Nasiri bin Ali bin al-Isibihani igihe kimwe yaravuze ati:

بأنّ رسول الله (صلى الله عليه وآله وسلم) أخذ بيد الحسن والحسين وقال: "من أحبني وأحبَّ هذين وأباهما وأُمهما كان في درجتي يوم القيامة"

Intumwa y'Imana «s.a.w.w » yafashe ukuboko kwa Hasani na Huseyini, iravuga iti: (Unkunda akanakunda aba bombi, agakunda ise na nyina bababyaye, azaba ari mu rwego rumwe nanjye k'umunsi w'imperuka).

Mutawakiri yategetse ko akubitwa ibiboko igihumbi. Arabikubitwa yenda gupfa. Jaafari Bin Abduluhed atumuvuganira agira ati: (Yewe Amirulmumiwiwa, mu babarire kuko ari mu bayoboke ba Ahal-Suna, akomeza kumusabira imbabazi agera aho amwihorera).[14]

Umunyabwenge mu mvugo ya Jaafari bin Abduluwahed atakamba asabira Nasoro imbabazi abwira al- Mutawakili ko Nasoro ari mu bayoboke ba Ahal-Suna. Agira ngo abone uko amurwanaho amurokore kwicwa, ahita asobanukirwa ko Ahal- Suna byasobanuraga abantu banga Ali nabo mu rugo rw'intumwa, k'uburyo kurokora uwari agiye kwicwa azira kubakunda, Jaafari yumvishe al- Mutawakili ko adakunda Ali nabo mu rugo rw'intumwa kuko ari Ahal- Suna!

TAWASULI NI IHAME MU MAHAME YA ISILAMU NTABWO ARI SHIRIKI

Tawasuli ni ihame mu mahame ya Isilamu, yigishijwe n'intumwa y'Imana (s.a.w.w)

Ba Amir bose basabwe kubimenyesha abo bayobora no kubyubahiriza bashingiye ku ingingo ya 10 y'amahame remezo.

Umuryango ntugendera ku muntu runaka nk'uko atari uwa kanaka. Ni uw'Imana isumba byose. Uzawuvamo wese ntacyo azaba awutwaye, kandi Imana izamusimbuza abandi batazamera nkawe. Qur'ani 5: 54, 47: 38.

Ni dukomeze kwemera Imana, kuyitinya, kuyiringira no kwihangana kubera yo, ibyacu byose bizaba Khahyr igihe cyose.

Wassalam alaykum wa rahmatullah wa barakatuh

Khamis Salim Ndabikunze
Amir w'Umuryango

Bimenyeshejwe:

- Bwana Rizinde M. Shaffy
  KIGALI

Ayo ni amwe mu mabaruwa yanditswe n'Abasalafu bo mu Rwanda mu bihe bya Shize ku Bushiya, bityo akaba yaguha ipica y'uko ibintu byari bimeze muri icyo gihe. Naho kuyanditswe murri iki gihe hari aya akurikira:

Nyuma y'aho umwe mu bavandimwe b'Abashiya afunguye ahantu acururiza ibitabo harimo n'iby'idini, iyo Librarie yahangayikishije intagondwa mu Basalafu bo mu Rwanda, na ndetse bakanabuza Abasalafu kuyigeramo no kuyiguramo ibitabo, kugera n'aho A.M.U.R yanditse amabaruwa ategeka nyirayo kuyifunga mu maguru mashya ko kandi imaze no kwitaba inzego z'umutekano mu gihugu:

BISMILLAH RAHIMAN RAHIM

Association des Muslumans au Rwanda

(A.M.U.R)

Région de Kigali

Localité de Nyarugenge

Réf : No 224/BL/08 **Kigali, kuwa 14/05/2008**

Bwana Muyobozi w'Isomero

AL-ITRAH-TWAHIRAN

Impamvu : Gusaba gufunga isomero

Bwana Muyobozi w'isomero

AL-ITRAH-TWAHIRAH

Bwana Muyobozi

Assalam alaikum wa rahmatullah wa barakatuh

Dushingiye ku mategeko shingiro agenga Umuryango w'Abayisilamu mu Rwanda ingingo ya 2, Umuryango AMURU niwo ushinzwe

- Guhagararira, kuvuganira no kwamamaza idini ya Isilamu mu Rwanda.
- Guhuriza hamwe ibikorwa by'idini ya Isilamu mu Rwanda.
- Dushingiye kandi no ku mategeko y'umwihariko mu muryango mu cyiciro cyayo cya karindwi ingingo yayo ya 62 aho agaragaza ko umurimo wo kwigisha no kwamamaza idini ya Isilamu mu Rwanda ugengwa n'ubuyobzi bukuru bw'uwo muryango kandi ko abandi bifuza gukora uwo murimo babiherwa ububasha n'ibiro bikuru by'umuryango AMUR, nyuma yo gusanga ko isomero muhagagrariye ryitwa AL- ITRAH-TWAHIRAH rikorera mu mudugudu w'Intwari, akagari ka Rwezamenyo ya mbere, umurenge wa Rwezamenyo, akarere ka Nyarugenge, ryafunguye imiryango ku barigana rikanatanga ibitabo by'inyigisho z'idini ya Islamu kandi ibyo bikorwa bikaba biri mu nshingano z'umuryango w'Abayislamu mu Rwanda AMUR cyangwa uwabiherewe uburenganzira bwanditse, tuboneyeho kubasaba ko mukimara kubona iyi baruwa muhita mufunga iryo somero kuko rikora binyuranyije n'amategeko agenga ivugabutumwa rya Islamu mu Rwanda.

  Byongeye Bwana Muyobozi, turabamenyesha ko niba mwifuza kugira ibikorwa by'ivugabutumwa rya Islamu iryo ariryo ryose mwakorera mu Rwanda ko mwakwegera ubuyobozi Bukuru bw'Abayislamu bukabibahera uburenganzira

Iriya baruwa yaje gukurikirwa n'indi yari yuzuyemo iterabwoba, ririmo gikangisha kwitabaza inzego z'ubutegegtsi niba tudafunze iduka ducururizamo ibitabo, nkaho izo nzego aribo zihagarariye zidahagarariye Abashiya kimwe nk'abandi banyarwanda:

BISMILLAH RAHIMAN RAHIM

Association des Muslumans au Rwanda

(A.M.U.R)

Région de Kigali

Localité de Nyarugenge

Réf : No 232/ BL/08

Kigali, kuwa 25/06/2008

Bwana Muyobozi w'Isomero

AL-ITRAH-TWAHIRAN

Impamvu : Kwibutsa

Bwana Muyobozi,

Assalam alaikum wa rahmatullah wa barakatuh

Dushingiye ku ibaruwa twabandikiye kuwa 14/05/2008 ifite réf : Nº 224 tubasaba gufunga iryo somero rya ALTRAH-TWAHIRAN mwashinze ku buryo bunyuranyije n'amategeko, twongeye kubandikira tubibutsa ko mugonba kurifunga mukaba muhawe iminsi itatu uhereye ku munsi iyi baruwa ishyirweho umukono, tunabibutsa ko nimuramuka mutabyubahirihirije hazafatwa ibyemezo bishingiye ku mategeko twitabaje inzego za Leta.

Turangije tubasaba kubyubahiriza.

SH.NZANAHAYO Kassim

Bimenyeshejwe :

- Mfti w'u Rwanda
- Mfti w'u Rwanda wungirije
- Ushinzwe ivugabutumwa muri AMUR
- Imamu w'ifasi ya Kigali
- Umuyobozi za Polisi Station ya Nyamirambo
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rwezamenyo
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akaagri ka rwezamenyo ya mbere
- Ubuyobozi bw'umusigiti wa Al Hidayat
- Umuyobozi w'umudugudugu w'Intwali

Kuya 30/06/2008 twandikye umuryango wa AMUR iyi baruwa ifunguye ikurikira:

IBARUWA IFUNGUYE KU BAYOBOZI BA A.M.U.R

Nyuma y'uko abayobozi ba A.M.U.R bakomeje mu misigiti propaganda zo kumvisha Abayisilamu ko Shiya ari abakafiri, na nyuma yo guca Abashiya mu misigiti no kuyibakubitiramo baje gusali, na nyuma yo gucapisha igitabo cyiswe cyumvisha ko Shiya ari indi dini atari madhihebu ya Isilamu, bakomeje kuburabuza Abashiya banabatera aho bacururiza babasaba kuhafunga mu maguru mashya! Ibyo byose bakorera Abashiya bitwaza ko Shiya bayobye ari n'abakafiri bityo kubarwanya bikaba biri mu kurwanira ishyaka Isilamu binari no mu nshingano z’uwo mu ryango.

Turamenyesha abayobozi ba A.M.U.R ko kuba badukorera ibyo badukorera tukarumira, ntitubiterwa no kubatinya cyangwa tutabashije kwivuganira, ahubwo twabitewe no gushyira imbere inyungu z'u Buyisilamu zabangamirwa no guhangana nabo. Kuko ari ukumvisha Abayisilamu uri mu kuri n'uwayobye, Shiya nibo babasha kwerekana ko bari mu kuri abatari Shiya aribo bayobye. Dufite ubushobozi bwokwerekana ko uwita abandi kafiri ariwe kafiri uruta abandi bose dukoresheje ubuhamya buvuye mu bitabo bye yemera, mu gihe we ibyo asebya Abashiya ari ibihimbano nta buhamya bw'ukuri afiie.

Tubishatse twakwerekana ko Wahabi turetse kuba iyobokamana ryabo ari agahomamunwa, twakwerekana amasezerano y'ubugambanyi fondateri w'iyo madhihebu Muhammadi bin Abdul-Wahabi n'umwami Sudi bagiranye na Leta y'Ubwongereza bagambanira Isilamu n'ibndi bibi byinshi tuzi kuri iyo madhihebu tudashyira ahagaragara kubera gushyira imbere inyungu za Isilamu.

Mu by'ukuri twubaha cyane bashekhe bayobora umuryango wa A.M.U.R nk'abayobozi bakuru ba madhihebu y'u Buyisilamu ifite abayoboke benshi mu gihugu, ariko amatwara yabo ku Bashiya agiye gutuma by'amaburakindi tuzajya tunyomoza ibyo basebya Shiya tunagaragariza Abayisilamu ko bari mu bazana amacakubiri bakanabiba inzangano mu Bayisilamu. ikibabaje kurusha ni uko nta nyungu izava muri uko gutererana amagambo uretse kugaragaza nabi Isilamu

kubatari bo. Mu by'ukuri Shiya baramutse biyemeje kuvuga kuri Wahabi namwe mu kavuga kuri Shiya muzi neza uwagaragara ko ari mu kuri n'uwagaragara ko nta kuri afite. Mucishe make mureke tugirirane ibanga tureke kwisebya tudasize gusebya idini yacu.

Turamenyesha abayobozi ba AMUR ko aboyoboke bose ba Shiya mu Rwanda ari abaturage b'iki gihugu nta munyamahanga ubarimo, bityo ntawe bakanga, nk'uko nta Shiya barekesha kuyoboka madhihebu ya Shiya ngo kuko bamukoreshejeho iterabwoba, yewe niyo bakoresha ingufu ntibabisha, nta nuwabasha kubamenesha mu Rwanda cyangwa arubirukanemo, bityo bakwiye kwihangana bakitoza kubana neza mu bwumvikane n'Abayisilamu bari mu matorero anyuranye n'iryabo bayobozi.

Madhihebu ya Wahabi abayobozi ba aMUR bayoboka, ntiyabaga mu Rwanda mbere y'umwaka w'i 1978, bityo nk'uko bayizanye igihugu kikabaha uburenganzira bwo kuyiyoboka no kuyamamaza, bamenye ko n'abandi bana b'u Rwanda bafite uburenganzira bwo kuyoboka indi madhihebu "itorero" itari iya Wahabi bakanayamamaza kandi Ubugtegetsi buyoboye u Rwanda ubu ntububasagarire nk'uko ubwabubanjirije butigeze bubasagarira.

A.M.U.R nta burenganzira ifite bwo kubuza umunyarwanda gukora ubucuruzi bw'ibitabo na CD, iramutse itewe ipfunwe n'icyo gikorwa, nayo yafungurira abayoboke b'itorero iyobora ahantu nkaho.

Ari ukuri Shiya akaba ari kafiri nk'uko mubivuga, ndumva ntawe bikwiye gutesha umutwe ntanukwiye kubitwaraho umwikomo, kubahekenyera amenyo no kubahigira, kuko icyo cyaba ari ikibazo cyiri hagati yabo n'Imana. Muri mwe akaba nta polisi w'Imana ubarimo, bityo mugomba kubabanira neza nk'uko mubanira abandi bakafiri bagenzi babo mubanye nabo neza mu Rwanda mukamenya ko iyakaremye ariyo ikamena.

Turamenyesha abayobozi ba A.M.U.R ko ibibazo byose baba bafite ku bayoboke ba madhihebu ya Shiya, bagomba kubyihanganira no kwiyumanganya maze tukabana mu mutekano kandi twubahana kuko ari Abawahabi n'Abashiya bisanga batuye mu gihugu kimwe aricyo u Rwanda. "Nta Wahabi wabasha gutsembatsemba no kurimbura Abashiya bari mu Rwanda n'ubwo nibaza ko nta muyobozi wa A.M.U.R cyangwa umuyoboke wa madhihebu ya Wahabi ufite ibyo bitekerezo. Kandi nabwo mufite imigambi yo kugerera Abashiya mu kebo bagererwamo n'abo muhuje madhihebu nka Usama bin Laden, Twalibani, Musa Zarqawi, Jayishi-Sahaba n'abandi barukarabankaba bica Abashiya, mumenye ko dufite ubutegetsi twizeye ko butazajenjeka kubakoma mu nkokora burinda umutekano w'abaturage babwo.

Kuba Shiya na Wahabi basangiye igihugu kimwe cy'u Rwanda, bituma muri bo ntawe ugomba kwiyumvisha ko afite uburenganzira bwo kuba muri iki gihugu no kugiramo ubwisanzure mu kwemera gusenga no gucuruza kurenza undi. Nk'uko kuba dutuye igihugu kimwe bituma buri wese muri bo ahabwa uburenganzira n'itegeko shingiro ry'u Rwanda riha buri muturage w'iki gihugu kuyoboka idini ashaka no kuba atanagira idini ayoboka abishaka, no kuba afite uburenganzira bwo guhamagarira abandi kuyoboka idini arimo cyangwa ibyo yemera ibyo yemera, ibyo akabikora nta tegeko arenzeho.

Naho gushaka guhindura iyobokamana ry'umuntu ukoresheje inabi n'itera bwoba n'ibindi, ibyo ababigerageje ntacyo byatanze, ubwo madhihebu ya "Wahabi" yari ifite ubushobozi buhagije n'ubukungu bwayo buri hejuru, banafite amikoro y'amafaranga menshi, cyane cyane mu bihe ubukungu "bw'igihugu cya Saudi Arabia" bwari hejuru cyane. Umwuka wari mu burasirazuba bwo hagati mu bihe by'intambara y'ubutita yari hagati y'ibihugu by'ibihangange Amerika na Leta zunze ubumwe z'Abasoviyete {Cold War} wahaga Abawahabi amahirwe mu rwego rw'amahaga yo kuborohereza kwamamaza Ubuwahabi no kubuhatira uwo bashaka ntankurikizi, mu gihe muri ibyo bihe Abashiya bo bari bagoswe

banagerwa amajanja n'abanzi mu rwego rw'amahanga ntabwisanzure n'ubavuganira bafite nk’uko bizwi.

Muri ibyo bihe Saudi Arabia yagerageje gukoresha ingufu ihindura abaturage bayo bayoboka madhihebu ya Shiya batuye uburasirazuba bwose bw'icyo gihugu na bari batuye ibindi bihugu muri kariya karere, ntiyabasha kubigeraho ahubwo uko barushagaho gutoteza Abashiya no kubahatira kureka madhihebu yabo, nibwo Abashiya barushagaho kuyikunda no kwiyongera mu bindi bice by'isi!

Gukomeza kubaho ku bushyamirane n'ubwumvikane buke hagati y'impande zombi, bigeze aho bitakihanganiwe muri iki gihugu, turasaba abayobozi ba AMUR guhagarika ibikorwa byose bikorwa n’Abasalafu bahagarariye bibangamira Abashiya, bareke gukubita Absiya baba baje mu misigiti gusenga Imana, bareke kwivanga mu bucuruzi n’undi mudendezo w’Abashiya, bitihi se twitabaze inzego z’ubutegetsi zishinzwe umutekano.

Abayobozi ba AMUR bamenye ko kubana mu bwumvikane hagati y'Abayisilamu bari mu matorero anyuranye mu Rwanda ubu ariyo mahitamo nta kundi byagenda. Umuyobozi mukuru wa AMUR bwana Mufti Shekhe Salehe yari mu bari batumiwe muri Mawulidi yabereye i Kampala muri Uganda muri uyu mwaka, na musabaga kuzirikana ijambo ryavuzwe n'umukuru wa Libya Muamari Kadafi nawe wagaragaje akababaro aterwa no kuba Abashiya batotezwa n'abandi Bayisilamu. Nyakubahwa Kadafi yarabajije ati: Mbabajwe no kuba mu Bayisilamu hari abandi Bayisilamu bafatwa ko ari abo mu rwego rwa kabiri, nabo bakaba ari Abashiya, akomeza avuga ati : Ese Abashiya hari ikindi bavuga kirenze kuba bavuga ko bakunda urubyaro rw'Intumwa? ati: Mu by'ukuri umuntu gukunda urubyaro rw'intumwa "Ahalul-bayiti" n'icyaha yazira? Ndangije kwandukura bimwe mu byo yavuze ku Bashiya.

Ndahamagarira abavandimwe b'abamenyi n'ababwiriza butumwa bayoboka madhihebu ya Wahabi mu Rwanda na buri wese usobanukiwe ushyira mu gaciro

akaba anajijutse muri bo, kwisubiraho bakareka amatwara yabo y'butagondwa n’urunturuntu n'inzangano zikabije ku bavandimwe babo bayoboka madhihebu ya Shiya.

Ni babanire neza abavandimwe babo Shiya batarusha gukunda Imana n'idini yabo, bakore ibyo kubera gukunda idini yabo no kuyishakira amahoro, bihanganire Abashiya n'ubwo bwose hari ibyo banyuranya mu Usulu na Furuu, buri wese akabyemera uko abyemera kubera ubuhamya afite yemera ko ari ukuri, ibindi bakabyemera kuko byavuzwe n'abamenyi babo babona ko ari inshingano kuri bo kwemera no kubahiriza ibyo babigishije.

Bakwiye guhagarika fat’wa zo kwita Abashiya abakafiri na gutanga khutuba zivugwa na bamwe muri bo ziteza abayoboke babo Abashiya, bareke kwinjiza Abashiya mu muriro w’iteka Jahanamu kuko ataribo bawuremye. Ibyo byose babisimbuze guhamagarira abantu kwibuka Imana no kuyitinya, kugira urukundo n’imico myiza bakoresheje ubuhanga n'inyigisho nziza, no kujya impaka zitari izango turwane nk’uko Imana ibidutegeka mu gitabo cyayo.

Naho ku bategetsi bayoboye iki gihugu, ndabibutsa ko bidashoboka kuyobora igihugu kirimo umutekano n'ubumwe hagati y'abagituye ntaburinganire n'uburenganzira bungana hagati y'abaturage batuye icyo gihugu. Guha bamwe mu baturage agaciro icyubahiro ubwisanzure uburenganzira n'amahirwe atari amwe n'ayabandi, abandi ukabibavutsa, bamwe mu baturage bakigabiza abandi no kubajujubya urebera, ntabwo uba uri umutegetsi mwiza ukunda igihugu cye n'abagituye nta nubwo uba ugishakira amahoro.

Imana ishimwe kuba abategetsi dufite bari mu batakora ikosa rikomeye nk'iryo bityo tukaba tubasaba nk'abayobozi b'iki gihugu gukurikiranira hafi ibyo ikomeje gukorera Abashiya, birimo n'inyigisho zitangwa mu misigiti zitubaka zivuga ku Bashiya. Tunabasabye kubuza ubuyobozi bwa AMUR kutwandikira amabaruwa arimo iterabwoba badukangisha ubutegetsi, kuko uibwo butegetsi ari ubwacu twese bunabereyeho guharanira inyungu z’Abanyarwanda bose. Kandi

abategetsi bategeka iki gihugu bari bakwiye kumenya gahunda y'u Buyisilamu bityo bakamenya ko Ubuyisilamu burimo ibice byitwa mazihebu akaba nta muyisilamu ibaho ku isi utagira igice muri ibyo abarizwa ; kuba nta Muyisilamu utagira igice abama hari hakwiye guhunduka itegeko rifata Abasalafu aribo abayobozi ba AMUR barimo kikabita abahagararizi b'Ubuyislamu mu Rwanda mu gihe ari abahagararizi b'itorero mu matorero y'u Buyisilamu, nk'uko bimeze mu bindi bihugu byose ku isi.

NTAYANDI MAHITAMO ATARI UKUBANA MU BWUMVIKANE

Kuva kera na kare hari inzangano gushyamirana n'urunturuntu hagai y'Abayisilamu banyuranyije madhihebu gutewe n'impamvu zidafashije. Yego amacakubiri ashingiye kuri mazihebu afite imizi n'inkomoko mu mateka y'u Buyisilamu uhereye ibihe by'ubutegetsi bwa Ban Umaya, ubwo hagati mu kinyejana cya mbere cya Hijiriya Abayisilamu bacitsemo amatsinda abiri ashyamiranye, itsinda rya Ahal- Suna ryari riyobowe na Yazidi bin Muawiya rihanganye n'itsinda rya Abashiya ryari riyobowe n'umwuzukuru w'intumwa (s.a.w.w) Huseyini bin Ali (a.s).

Ubushyamirane bwaje kuba karande mu Bayisilamu ariko bugarukira mu nzego za politike, abategetsi bari bayoboye Abayisilamu babaga ari abayoboke ba Ahal-Suna barwanya Abashiya bafata ko batemera banarwanya ubutegetsi bwabo. Ntabwo ubushyamirane n'urunturuntu hagati y'ayo matsinda yombi bwari bwototera rubanda rwa giseseka b'Abashiya cyangwa ba Ahal-Suna. Nta Muyisilamu rubanda rwagiseseka wafata mugenziwe uyoboka mazihebu ya Shiya ko ari kafiri ngo anamubone ko ari umwanzi, ahubwa rubanda rwagiseseka ba Ahal-Suna babazwaga n'uburyo ubutegetsi bwatotezaga Abashiya. Kuba rubanda rwagiseseka baramaganaga ibyo abategetsi bakoreraga Abashiya, nibyo byatumye nka Imamu Shafi, Imamu Nasai, Twabari, Zamkhishari n'abandi

bamenyi b'ibyamamare ba Ahl-Suna mu bihe byabo bahagarikwa mu nkiko z'ubutegetsi bubashinja ko ari Abashiya.

Ibintu byamye ari uko biri mu bihe by'ubutegetsi bwa ban Abbasi, ingoma ya Ban Abbas ihirimye, ihirima utsinzwe n'abitwa Mangoliya, ubushyamirane n'ubwumvikane buke bushingiye kuri mazihebu bufata indi ntera, ubushyamirane bwari bushingiye kuri politike buba bwimukiye no mu bayoboke ba mazihebu. Ukunyuranya kwa mazihebu z'Abayisilamu muri Usuli [Aqida "iyibikamana"] no muri Furuu [Abamategeko] kugirwa ishingiro ryo kubiba inzangano zikabije hagati y'abayoboke ba mnazihebu maze ibintu biradogera.

N'ubwo bwose usanga amahame y'Abayisilamu bose yaba amahame muri Usulu cyangwa amahame muri Furuu Abayisilamu bose bayakura muri Qur'ani na Suna, ntibibuza gusanga Abayisimu banyuranya muri Usulu no muri Furuu, ibyo bikaba biterwa n'uko Qur'ani isobanurwa na riwaya [Suna], na buri mazihebu ikaba itemera uretse Suna zayo yihariye, kandi na buri mazihebu ntibe yakwemera gukoresha Suna zikoreshwa na mukeba wayo.

Urugero usanga Ahal- Suna ntibajya bemera gukoresha Hadithi zifite imvano y'abavuzi ba Hadithi b'Abashiya, mu gihe Abashiya bo n'ubwo igihe cyose bashyira imbere bakanaha ireme Hadithi zavuzwe na Ahalul-bayiti mbere y'izavuzwe n'undi we, ntibafite ihame ryo kutemera Hadithi zifite imvano y'abavuzi ba Hadithi ba Hal-Suna Wal- Jama.

Mu by'ukuri amacakubiri ashingiye kuri politike niyo yabibye amacakubiri mu Bayisilamu, nyuma aza kototera mazihebu ava kuba amacakubiri ashingiye ku impamvu za politike abanyapolitike bayahindura amacakubiri ashingiye kuri mazihebu. Ariko ibintu byari bitari byadoggera kugera aho bigeze ubu, yaje kugera aho muyabona ageze ubu bikozwe n'abakoronize, ubu Umuyisilamu akaba ageze aho abona Umuyisilamu mugenzi we ko ari kafiri ahubwo ngo ubukafiri bwe burenze ubukana ubw'Abayahudi n'Abakrisito!

Mu Buyisilamu haje kwaduka izindi mazihebu nshya zavutse mu bihe by'abakoronize zakajije umurego muri ayo macakubiri n'inzangano zishingiye kuri mazihebu bitewe n'uko abatangije izo mazihebu bari bafitanye ubucuti n'umubano wihariye n'abakoronize, twabonye ko aribo bajambije umubano hagati y'Abayisilamu banyuranyije mazihebu. Muri izo mazihebu zavutse mu bihe by'abakoronize ubu zikajije umurego mu kubiba inzangano zishingiye kuri mazihebu, ni mazihebu yiganje muri Saudi Arabia ari naho ikomoka izwi ku izina rya Wahabi ariko abayoboe bayo ntibakunda iryo zina bo bakaba biyita Abasalafu.

Abawahabi bari bahiriwe no gutera amakimbirane n'inzangano zishingiye kuri mazihebu, iyo igice cy'Abayislamu bayoboka mazihebu ya Ahal-Suna bazwi ku izina ry'Abasufi [cyangwa Ahal-Tariqa] batahagoboka. Muri biriya bihe abakoronize babashije gukoresha Abawahabi mu kurwanya no guteranya Abayisilamu banyuranyije mazihebu, Abasufi [Ahal-Tariqa], bo babaye ikinyuranyo cy'Abawahabi. Iyo umurego Abawahabi bagize mu kurwanya Shiya na Ahal-Suna, utajya kuzimywa n'amatwara ya Ahal-Tariqa [Abasufi] bo babashije kuvumbura imigambi mibisha y'abakoronize, ntakabuza ko ubushyamirane hagati ya mazihebu z'Abayisilamu bwari kuba bubi kurusha. Uretse ko ibihugu bitagezemo abayoboke ba Ahal-Suna bafite amatwara ya Ahal-Tariqa [Abasufi] nk'u Rwanda, ngo babashe kuzimya ubukana n'ubutagondwa bw'Abawahabi mu kubiba inzangano zishingiye kuri mazihebu, ibintu ari ibibi hagati y'Abashiya na bagenzi babo kuko ho umubano hagati ya mazihebu z'Abayisilamu uri nk'uko umukoronize yabishatse.

Ariko ibihugu byagize amahirwe yo kubamo Ahal-Suna bayoboka Tariqa z'Abasufi nka Tanzania, Kenya no mu majyaruguru ya Africa harimo na Misiri, Abasufi Imana izabahembe babashije gucubya inkubiri y'Abawahabi, ubu muri ibyo bihugu Abashiya babanye neza n'abavandimwe babo.

N’ubwo ibyakozwe n’Abasufi bikwiye gushimwa hari n’icyo byaramiye mu byari byangijwe n’abakoronize mu mubano w’Abayisilamu banyuranyije mazihebu, haracyakenewe gukora ibindi mu kunoza umubano n’ubusabane hagati y’Abayisilamu banyuranyije mazihebu. Ubu igikenewe gukorwa mu kunganira no kunoza ibyari byakozwe n’Abavandimwe bacu bayoboka mazihebu ya Ahal-Suna bakanagira amatwara ya Ahal-Tariqa [Tasawufu], n’ibiganiro mpaka bigamije gutuma Abayislamu bamenyana bihagije, kuko kuba Abayisilamu banyuranyije mazihebu bataziranye, ngo uyu amenye ibyemerwa ntibinemerwe na mazihebu banyuranyije, bituma buri wese amenya mugenzi we ukop atari bityo kwishishana n’urwikekwe bigakaza umurego.

Mu by’ukuri impamvu ziteranyaga abayoboke ba madhihebu zingana ururo bityo akaba ari nta mpamvu yogukomeza guhangana no kuryana. Ibyo nibyo bamenyi b’Abayisilamu bo muri mazihebu ya Ahal-Suna wal-Jama na bagenzi babo bayoboka mazihebu ya Shiya, basanze ari ngombwa kwicara hamwe bakanoza umubano hagati y’abayoboke ba zamazihebu abakanakuraho ubushyamirane n’inzangano zari hagati yabo.

Hashingwa umuryango uzakurikiranira hafi ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zafatiwe muri iyo mushyikirano wiswe Dar taqiribi bayina madhaahibi al-Isilamiya. Icyicaro gikuru cy'uwo muryango gishyirwa i Cairo mu Misiri, Shekhe mukuri wa Azihari muri ibyo bihe witwaga Mahmudu Shltut atanga Fat’wa ihamya ko Shiya Ithina Ashariya ari madhihebu y'ukuri muri madhihebu z'Abayisilamu n'uko Suni ubishatse yahindura akaba umuyoboke wa Shiya. Silibasi ya Azihari Sharifu yongerwamo amasomo ya Fiqihi na Aqida bya madhihebu ya Shiya, zikigishwa nk'uko Abashiya bazigisha hifashishijwe ibitabo by'Abashiya.

Ibibazo by'inzangano zari hagati ya madhihebu zombi bisa nkaho birangiye, kidobya iza kuba madhihebu yadutse vuba aha yitwa Wahabi yamamazwa n'igihugu cya Saudi Arabia. Nyuma yaho igihu cya Saudi Arabia kije kubona ubukungu bwa petrerori, na nyuma y'intsinzi y'impinduramtwara yo muri Irani

yaje gukurikirwa n'ishingwa rya Repebulika ya Isilamu muri icyo gihugu, yateye ishyari n'ipfunwe abategetsi ba Saudi Arabia.

Icyo gihugu cyiyobowe n'abami bayoboka madhihebu ya Wahabi, iyobokamana ry'iyo madhihebu rikaba ryigisha ko Umuyisilamu utagendera kunyigisho z'idini zigishijwe na fondateri wayo Muhammadi bin Abdul-Wahabi aba ari kafiri. Icyo gihugu cyatangije propaganda zirwanya Shiya ntakindi bazira kitari kuba madhihebu bayoboka bayihuriraho n'abaturage hamwe n'abategetsi ba Repebulika y'u Buyisilamu ya Irani icyo gihugu gifitiye ishyari riterwaga n'uko Abayisilamu bose bari basigaye aricyo bahanze amaso banagifataho icyitegererezo.

Maze Saudi Arabia itangira gukoresha umutungo mwishi mu gusenya ubumwe bw'Abayisilamu bwari bwagezweho n'abamenyi ba Suni na Shiya. Ifata urubyiruko mu bihugu byinshi irujyana muri Saudii Arabia kurwigisha Ubuwahabi no kubatera inkunga yo kubwamamaza. Yigisha urubyiruko rwiga mu mashuri yabo y'idini n'Abayisilamu ko Abashiya ari abakafiri bakaba n'abanzi b'Abayisilamu, bityo kugirana ubumwe na kafiri akaba ari ukwanjwa n'ikosa rikomeye. Icyo gihugu gitera umwuka mubi n'urunturuntu hagati y'Abasuni n'Abashiya, mu bindi bihugu cyane cyane mu byo madhihebu ya Wahabi yamamazwa na Saudi Arabia ifitemo abayoboke benshi nka Pakisitani na Afoganisitani ibintu birushaho kuba bibi kugera ubwo Umuyisilamu abona ari jihadi kwambara ibisasu biturika akajya kwiturikiriza mu musigiti w'Abashiya ngo abone uko yica benshi muri bo. Mu bihe by'ubutegetsi bw'Abatalibani bo muri Afoganisitani za Televizio zerekanaga uburyo iyo bafataga Umushiya bamubagaga nk'itungo bakamuca umutwe ku karubanda abandi bakababamba ku biti! Niyo Leta z'Unze ubumwe z'Amarika zivuganira zerakana ko mu mpamvu zatumye itera Afoganisitani guhindura ubutegetsi bw'Abatalibani bayoboka madhihebu ya Wahabi, harimo ibyo bakoreraga Shiya, bakerekana amafoto

y'Abashiya bacibwaga imitwe bakanababwa ku biti n'Abawahabi bazira iyobakamana ryabo.

Ntabwo urunturuntu rukwiye kurekwa rugakomeza hagati y'Abayisilamu banyuranyije madhihebu, ni ngombwa ko abayobozi ba madhihebu z'u Buyisilamu bashakira umuti iki kibazo maze bakabana mu bw'umvikane. Tuzi ko muri buri madhihebu harimo abayobozi bahire bashakira Ubuyisilamu amahoro n'ibyiza, abayobozi badashaka imvururu n'amakimbirane mu Bayisilamu bishingiye kubyo banyuranyaho mu dini; kuko ibyo Abayisilamu banyuranya ari bike kurenza ibyo bahuriraho: Abayisilamu bahurira kuri (i) Tawhid (ii) Nubuwwat (iii) Qiyamah. Bose basari swala eshanu ku munsi bakazisari berekeye kibla kuri Kaaba, bose bahurira kuri Qur'ani imwe, Intumwa yabo ikaba ari Muhammadi (s.a.w.w), kandi bose bakemera ko Muhammadi "s.a.w.w" ariyo nturnwa yanyuma nta yindi ntumwa nyuma ye.

Bityo abayobozi b'Abayisilamu b'abanyabwenge banashyize inyungu z'idini imbere icyo baha agaciro bakanakigira isangano ihuza Abayisilamu banyuranyije madhihebu ni ibyo byinshi Abayisilamu bahuriraho, ibike bibatandukanya bagaterera iyo.

Ntibikiri ibanga, abanzi b’Ubuyisilamu batangaje ko nyuma yo gusibangatana ku Bukominisite, umwanzi basigaranye nomero ya mbere ari Ubuyisilamu. Intego yabo ikaba ari ugusiba Isilamu ku ikarita y'isi, umugambi udateze kugerwaho! Abo bantu batangaza kurwanya Abayisilamu, nti bigeze barobanura madhihebu zabo ngo bayitangaze ku Basuni, basige Abawahabi, cyangwa bayitangaze ku Bashiya basige Abasuni na Ibadhi, bo iyo barwanya Abayisilamu nti bareba madhihebu zabo.

Mu by'ukuri urwanya ubumwe hagati y'Abayisilamu banyuranyije madhihebu agateza fitna muri bo, impamvu yakwitwaza zose nawe afatwe ko ari umwanzi w'Abayisilamu.

Dusabe Imana "s.w.t" ihe imitima yacu kuyitinya, itugire bamwe bakundana kandi bitabirira gukora ibyiza. Irinde igihugu cyacu buri kibi, igire abayobozi bacu kuba beza no kuba abatabera. Maze ibahe gukunda abatuye iki gihugu bose, kubakorera bimwe no kubaha amahirwe amwe mu gihugu cyabo. Ibahe gukora ibirimo inyungu z'igihugu. ibarinde kuzagwa mu kosa ryo kutarenganura abarenganywa no kuvutsa bamwe mu baturage b'igihutu bayobora uburenganzira bwabo, mu by'ukuri Imana niyo Nyirimpuhwe Nyirimbabazi.

Shikali Haroona Muhanga Nyamabuye.

Aha ngiye kuvuga kuri bamwe mu mpirimbanyi z’ubumwe bw’Abayisilamu mu bamenyi ba mazihebu ya Ahal-Suna wal-Jama, kugira ngo babere ikitegererezo abamenyi ba mazihebu ya Wahabi nabo bitabire icyahembera umubano mwiza hagati y’abo n’abandi Bayisilamu banyuranyije mazihebu:

IRIBURIRO

بسم الله الرحمن الرحيم

BISMILLAH RAHIMAN RAHIM

*(**Genda n'iyi baruwa yanjye uyibahe, nyuma ubareke, urebe barasubuza iki**). Naml: 28. (**Nayo ni ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe Nyirimbabazi**). Naml: 30. (**Ubabwire uti: Ukuri kwaraje none ikinyoma kiratokombeye, mu by'ukuri ikinyoma nicyo gutokombera**). Israail: 81. (**Mbabwije ukuri ko "nsabwa" kutababwira ku Imana uretse ukuri gusa**). Qr'an, 7: 105**. (**No mubantu harimo ujya impaka ku Imana nta bumenyi, nta n'ubuyobozi n'igitabo cy'urumuri "afite"**). Qur'an, 22: 8**. (**Dufite igitabo "Ubuhamya buvuga kuri bo" ukuri gusa**).* Qur'ani, 23: 62.

Hashimwe kandi hasingizwe Allah, amahoro n'imigisha by'Imana bihundagare ku Intumwa yayo Muhammadi (s.a.w.ww) nabo m'urugo rwayo, n'abatoni mu basahaba bayo n'abazatera ikirenge mu cyabo kuzageza ku musi w'imperuka.

Rwose nasomanye igitabo cya nyakubahwa n'igihangange mu bumenyi Shekhe Hasani Mussa Saffar ubwitonzi n'ubushihsozi, maze nsanga ari igitabo cy'imboneka rimwe. Umwanditsi wacyo nawe nsanga ari umuzindutsi wakare wabashije gutaha ku mitima yabenshi mu Bayisilamu bahangayikishijwe bakanaterwa intimba n'umubano utari mwiza uri hagati y'abayoboke ba madhihebu z'Abayisilamu cyane cyane hagati y'Abasalafu ino bazwi ku izina rya Wahabi n'abavandimwe babo babyoboka madhihebu ya Shiyaya.

Muri iki gitabo, umwanditsi yanditse ku kamaro kari mu kuba Abayisilamu bayoboka madhihebu ya Salafu na Shiya baba bamwe. Yerekana ko abibaza ko umubano mwiza hagati y'izo madhihebu zombi ari inzozi bibeshya, kuko ibintu byahindutse n'intambwe imaze guterwa mu intera y'ubwumvikane hagati ya madhihebu zombi ica amarenga y'uko ubwumvikane buke hagati ya Shiya na Salafu by'umwihariko no hagati y'abayobke b'izindi madhihebu z'Abayisialmu muri rusange bugiye kugerwaho vuba aha. Atanga urugero rw'umumenyi uyoboka madhihebu ya Shiya wabaniye neza mugenzi we uyoboka madhihebu ya salafu.

Akomeze yemeza abaciwe intege n'amakimbirane y'aranze amateka ya madhihebu z'Abayisilamu, ko ibyo nabyo bitaba impamvu yo kudashoboka k'umubano mwizaha y'abayoboke ba madhihebu z'Abayisilamu, kuko niba Abakrisito n'Abayahudi bafite amadini abiri

atandukanye cyane mu yobokamana. Yanagiranye amakimbirane akabije mu mateka kurenza ayabaye mu mateka ya madhihebu z'Abayisilamu, ubu bageze aho begerana bakanashyikirana bakanagirana umubano mwiza. None ni gute umubano mwiza kwegerana n'ubusabane byaba inzozi hagati ya madhihebu ya Salafu na Shiya bahurira kuba ari abayoboke b'idini imwe ariyo Isilamu?! Ntibinyuze ubwenge uburyo abahuzwa n'idini imwe n'ibibatandukanya bikaba ari bike kurusha ibibahuza, n'icyo bapfa kikaba kingana ururo impamvu batakwegerana ngo banagirane umubano mwiza?!

Mu by'ukuri iki gitabo kirimo inyigisho n'ubuhanga bijimije. Ntagushidikanya ko iki ari igitabo gikwiye gusomwa no gutungwa na buri mu menyi n'umunyeshuri na ndetse buri rubanda rwa giseseka rw'Abayisilamu na buri wese wumva ko arebwa n'akaga kugarije Abayisilamu muri iki gihe.

Rwose iki gitabo cyahishuye byinshi bitari byatekerezwaho n'abenshi mu bamenyi b'Abasalafu n'Abashiya. Njye we ho nemeranya n'ibitekerezo n'inama bya nyakubahwa shekhe Hasani Mussa Saffar biri muri iki gitabo. Kuva nagisoma, nahise mfata ingamba zokuba umwambari wa nyakubahwa shekhe na niyemeza kuzusa ikivi yatangije ino iwacu mu Rwanda, mparanira umubano mwiza no kwegerana hagati y'Abasilamu bayobka madhihebu ya Salfu (Wahabi) n'abayoboka madhihebu ya Shiya mu Rwanda.

Nzatunga ikaramu buri wesa uzashaka kubiba amacakubiri n'inzangano mu Bayisilamu bayoboka madhihebu ya Salafu na Shiya mu Rwanda, nateze ubwega igihe cyose nzumva impuruza yoguteranya Abayisilamu bayoboka madhihebu zombi ihamagarwa n'intagondwa zidashaka ubugorozi bw'ibigoramye hagati y'abayoboke bizo madhihebu.

Mu gihe intagondwa mu basalafu bakomeje impuruza igamije gucamo Abayisilamu ibice no kutaba bamwe, ubu bakaba batinyuka no kwita abavandimwe babo Shiya abakafiri, ku rundi ruhande, abanzi b'Abayisilamu barimo Abazuyuni, Abakominisiti, Ababuramana n'Abakadiyani (Ahmadiya) nabo bakomeje propaganda zigamije gucamo Abayisilamu ibice, kubabibamo inzangano n'amacakubiri, ingaruka mbi z'ubwo bugambanyi akaba nta Muyisilamu zitari zagaruka.

Rwose kuba abanzi b'Ubuyisilamu iyo baturwanya batavangura madhihebu zacu, twese bakaba badushyira mu gatebo kamwe, ibyo byonyine byari bihagije gutuma abavandimwe bayoboka madhihebu ya

Salafu bahagarika icyo aricyo cyose cyabangamira ubumwe bw'Abayisilamu, bakirinda gukora no kuvuga icyabiba inzangano zishingiye kuri madhihebu hagati yabo.

Mu by'ukuri igihe kirageze ngo babe bakwisubiraho, kuko bimaze kugaragara ko ibyo bakora ari ugufasha abanzi b'Abayisilamu kugera ku migambi yabo mibi babafitiye.

Niba Abazuyuni Abakominisiti Ababuramana n'Abakoronize bakora ibishoboka ngo babibe amacakubiri hagati y'Abayisilamu, wowe Muyisilamu ukorera Abayislamu nk'ibyo abanzi babo babakorera twakwita iki?

Muvandimwe Muyisilamu! Urabona koko bikwiye ko umuyisilamu afasha abanzi b'Ubuyisilamu kubiba inzangano hagati y'Abayisilamu? Rwose ni inshingano kuri wowe kubangamira imigani mibisha y'abashaka kutubibamo inzangano uharanira icyatuma habaho umubano mwiza hagati y'Abayisilamu bose badahuje madhihebu. Wirinda icyo aricyo cyose cyatuma uba imboagamizi n'igitotsi k'umubano mwiza hagati y'Abayisilamu banyuranyije madhihebu. Ukarwanya byimazeyo uwo ariwe wese n'urwego yaba arimo usenya ubumwe n'umubano mwiza hagati y'Abayisilamu banyuranyije madhihebu.

Abandi Bayisilamu babangamiye ubumwe bw'Abayisilamu mu Rwanda ntakwibagirwa gusaba kwitabira impuruza ya Nyakubahwa Shekhe Hasani Saffari IR MURI IKI GITABO, ni igice cy'Abayisilamu cyadutse mu Rwanda vuba gikomotse ku Basalafu. Abayoboke bacyo mu kinyarwanda twabita ba OYA NDAMVANZE[15] kuko nyuma yokubyaza idini

[15] . Umwe muribo uherutse gusohora agatabo cyitwa **ICYATUMYE NTABA UMUSHIYA** kavuga ko abakora Tawasuli bakora SHiriki, turi gutegura igitabo cyibasubiza, kizabaahishurira ko ibyo bamamaza Atari inyigisho n'amahame byigishijwe na Muahammad (s.a.w.w) ahubwo ari inyigisho za Imamu wabo Muahammad bin Abdul-Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira. Tuzaberekamo ko inyigishi zirwanya Tawasuli kuba ntabuhamya zifite uwazigishije yari agamije gusa kubyaza idini y'Imana impaka bityo bigatu abiyi dini barushaho gutana, yanyuzagamo agahakana yikuye

inyuma ko atarwanya Tawasuli ahubwo ari mubayemera bakanayikora, muzindi nyaniko akandika ayirwanya, bityo mfite ikizere cy'uko igitabo kuri Tawasuli turi gutegura kizatuma umwanditsi w'irya baruwa na gatabo kitwa **ICYATUMYE NTABA UMUSHIYA** bicuza bakanatangariza Abayisilamu kwicuza kwabo igicumoro cyo kurwanya inyigisho z'Intumwa (s.a.w.w) ukazisimbuza iza Imamu Muhammad bin Abdul-Wahabi. Shikal Haroon

[15] Aha wari ukwiye kuzirikana ko abenshi mu Bayisilamu bo mu Rwanda ari abayoboke ba madhihebu ya Salafu izwi cyane ku izina rya Wahabi, Imamu wabo witwa Muhammadi bi Abdul-Wahabi abigisha ko Umuyisilamu uwo ariwe wese uatayoboka amahame yigishijwe nawe aba ari kafir umutwe we n'amaraso bye bkaba ari Halali ku bayoboke b'Ubuwahabi. Umuvandimwe Shafi nyuma y'uko amenyekana ko abana neza n'Abashiya, byatumye abayoboke ba Madhihebu ya Wahabi bamukeka amababa, bamushinja ko yabaye Shiya bityo muri kiriya gihe hatejwe ubwaga n'impuruza zihamagarira abayoboke ba Wahabi kumuhiga bakamuca umutwe!

Hariya umwanditsi wiriya baruwa yashakaga kumvisha ko shiya bakeka ko bwana Shekhe Rizinde Shafi yaba yayobotse, ari madhihebu ibangikanya Imana kuko yemera gukora ubusabe ubucishe ku muntu (Tawasuli). Kwemera Tawasuli (Gucisha ubusabe ku Intumwa z'Iman n'intungane) bihurirwaho na madhihebu zose z'Abayislamu uretse Wahabi, Wahabi akaba ariyo yadukanye kurwanya Tawasuli, kuyirwanya bikaba biri mu inyigisho zidasanzwe

yadukanye muri Islamu biba impamvu yogutuma Imam Muhammad ibin Abdul-Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira agira abanzi benshi muri Islamu, kugeza ubwo nawe yabonye bikomeye akora Taqiya (ahisha ukwemera kwe) yandika izi baruwa twari twanditse mu inyandiko zabanje: Mu ibaruwa ya Muhammad bin Abdul-Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira yoherereje abaturage b'akarere ka Qaswiim yagize ati: (Nagezwe n'ibaruwa ya Sulayiman bin Sahiim, ibyayivuzwemo byemerwa na bamwe mu bamenyi, Imana yonyine irahamya ko uwo mugabo yambeshyeye, ampimbira ibyo ntavuze, yewe n'ibyo amvugaho ntibyari byaza mu bitekerezo byanjye. Mu byo yampimbiye harimo ko ndwanya ibitabo bine (bya Hadithi bizwi), ngo nkaba mvuga ko Abayisilamu bose babayeho nyuma y'umwaka wa 600H kugeza aho habonekeye abayoboka iyobokamana nigishije ni abakafiri. Nkanigisha ko ukoze tawasulu (gucisha ubusabe ku Intumwa n'intungane) ku intungane n'abatagatifu ari kafiri, ngo nkanavuga ko mbonye uburyo nasenya inyubako iri ku imva y'Intumwa, ngo nziririza gusura imva y'Intumwa (s.a.w.w), …

Igisubizo cyanjye kuri ibyo akaba ari iki gikurikira; ndagira nti: (Icybahiro n'icyawe "Nyagasani!" Iki ni ikinyoma gikabije). An- Nur: 16, hari ababanjirije kuba abanyakinyoma nak'abeshyera Intumwa (s.a.w.w) gutuka intumwa y'Imana Isa (a.s). Ibyo ni ikinyoma, Imana (s.w.t) yavuze iti: (Abahimba ikinyoma "bagenda bavuga ko Intumwa y'Imana yakoze ibyo", ni abatemera aya z'Imana; abi nibo babeshyi). An-Nahl: 105. Babeshye Intumwa ko yavuze ko Intumwa

y'Imana impaka bananiwe kwerura ko baretse kuyoboka madhihebu ya Salafu, bananirwa gutangaza ko bayobotse madhihebu ya Shiya. Maze wababab za abo aribo bakagusubiza bati: Ntituri Abasalafu ntanubwo turi Abashiya ariko turavanze! Icyo gice cy'Abayisilamu bo kagira-Imana, hari byinshi bemera bakanakora bibangamiye umubano mwiza hagati yabo n'abavandimwe babo bayoboka madhihebu ya Salafu, nkuko hari ibyo bemera bakanakora bibangamiye umubano mwiza hagati yabo n'abavandimwe bayoboka madhihebu ya Shiya. Twabasabaga gusomana ubwitonzi igitabo cya Shekhe Hasani Saffar, bamara kugisoma ntibabe baterera iyo bakitabira umubano mwmiza hagati yabo n'abandi Bayisilamu.

Muri iriburiro sinakwibagirwa gushima by'umwihariko Nyakubahwa Mufti Salehe Habimana umuyobozi mukuru w'Abayisilamu bayoboka madhihebu ya Salafu, akaba ari nawe muvugizi mukuru w'umuryango wabo witwa A.M.U.R. Nshima cyane Nyakubahwa Mufti Habimana Swalehe kuba ari mu bafite ibitekerezo byiza ku mubano mwiza hagati Salafu na Shiya bo mu Rwanda. Naje kumenya ko mufti Habimana Salehe ari mu bafite umugambi mwiza wo kubanisha neza Abasalafu n'Abashiya bo mu Rwanda nyuma yaho nsuwe na mucuti wanjye wakera Shekhe Ayyubu Mbegu ubu wigisha i london mu Bwongereza. Shekhe yampamirije ko Nyakubahwa Shekhe Mufti Swalehe Habimana ari mu bagaya abanga Abashiya bakanabiba amacakubiri ashingiye kuri

---

Isa (a.s) na Uzayir bari mu muriro w'iteka, Imana ihishura iyi aya: (Abagezweho n'ubuntu bwacu, abo bazaba kure nayo "Jahanama"). Al-Anbiyaa; 101.

Muri icyo gitabo ku rup rwa 64, Imamu Muhammad bin Abdul- Wahabi yaravuze ati: Ngo nita kafiri abakora Tawasulu "gucisha ubusabe k'umuntu" nka nita abaturage bo mu karere ka Buswiiry, kafiri, usuye imva z'ababyeyi, nkamita kafiri, urahiye mu izina ry'ikindi kitari Imana nawe nkamugira kafiri. Igisubizo cyanjye kuri ibyo n'iki gikurikira: (Icybahiro n'icyawe "Nyagasani!" Iki ni ikinyoma gikabije). An- Nur: 16.

madhihebu, ngo ibyo yabimumenyeho ubwo bahuriraga mu nama mu Bwongereza.

Shekhe Ayyubu Mbegu yambwiye ko yaganiriye umwanya na Nyakubahwa Shekhe Mufti Swalehe Habimana, asanga afite imigambi myiza yo kunga Abasalafu n'Abashiya bo mu Rwanda. Shekhe Ayyubu Mbegu angira inama yokuzashaka uko nkorana nawe tugafatanya kusa icyo kivi.

Ni akomereze aho, ategure inama zibahuza zigamije ubusabane no gushaka umubano mwiza hagati yabo, anatangarize Abayisilamu bo mu Rwanda ko Shiya ari Abayisilamu bagenzi babo bityo batagomba kubishisha, ntibabakubite no kubareba ikijisho baje gusari mu misigiti hamwe nabo, anamagane abakubita Abashiya baje gusali.

Rwose nyakubahwa Mufti yari akwiye kubona ari igisebo kuba ayoboye Abayilamu bafite ingengabitekerezo y'ivangura rishingiye kuri madhihebu banakora ibidakorwa n'abandi Bayisilamu njye nakwita ko ari amahano adakorwa n'abandi Bayisilamu ku isi, ariyo gukubita Shiya no guteza ubwega bamubonye aje cyangwa asarira mu misigiti y'Abasalafu! Nagenze ibihugu byinshi nsarira mu misigiti myinshi, ntaho nari numva na nabonye bakubita Shiya aje gusarira mu misigiti y'abandi Bayisilamu bayoboka izindi madhihebu uretse mu Bayisilamu bayoborwa na Nyakubahwa Mufti Swalehe.

N'ubu nandika iri jambo ry'ibanze ry'iki gitabo, ndi mu musigiti w'Abasuni wa Kicangani i Dar es Salam muri Tanzania, kandi hafi abawusariramo bose bazi ko ndi Shiya ariko baranyubaha nabanciyeho baransuhuza, twanamara gusali bakansaba kubasobonurira ibyo badasobanukirwa ku Bashiya hakaba n'ubwo Imamu w'umusigiti nawe aje muri icyo kiganiro akatugurina ikawa.

Njye na n'ubu sinari nabona ugushyira mu bikorwa kwa Nyakubahwa Mufti Swalehe kw'ibyo namubwiweho na Shekhe Ayyubu, ariko kuko nziko Shekhe Ayyubu ntanyungu afite mu kumuvugaho ibyo atamwumviseho, nemera ko Nyakubahwa Mufti igihe ari igihe azashyira mu bikorwa ibyo yoganiriye n'uriya mushekhe w'Umushiya, akoresha inama zigamije kubunga no kubabanisha neza Inshllah. Maze abe ateye ikirenge mu cya Nyakubahwa Umwami Abdalla wa Saudia ubwo yakoreshaga inama mu kwezi kwa gatanu muri uyu mwaka igamije umubano mwiza hagati ya madhihebu z'Abayisilamu ihuriramo abamenyi ba Shiya na Salafu na Suni b'ibyatwa ku isi.

Nyakubahwa mufti Sahale, yari akwiye guhagarika imamu wese na Shekhe wese wigishije ingengabitekerezo n'inzangano byigisha Abayisilamu kwanga Abayisilamu bayobora madhihebu ya Shiya. Yari akwiye kubibutsa ko Imana idusaba guhamagarira abantu inzira y'Imana dukoresheje inyigisho nziza (Mauidhatul-hasanah), ubuhanga (Hikima), byaba ngombwa ko mujya impaka ku idini ntizibe izango turwane ahubwo ugakoresha inyigisho nziza n'ururimi rwiza. Imana yaravuze iti: (*Hamagarira abantu inzira ya Nyagasani wawe ukureshaje ubuhanga "Hikmah" n'inyigisho nziza, unajye impaka nabo mu buryo bwiza"atari ukubatuka cyangwa gutuka idini zabo" Mu by'ukuri Nyagasani wawe niwe uzi uwayobye n'uwayobotse*). AN-NAHL: 125.

Iyo wise kafiri Umuyisilamu usari, ukora ibyo Isilamu itegeka, akirinda gukora ibyo Imana yaziririje, agashyira mu bikorwa amahame y'idini ariko muri ayo mahame hakaba hari ibyo bamwe babona ko ari ukuri abandi bakabona ko atari ukuri, bitewe n'ukunyuranya kw'abamenyi babo kuri byo; ugashira amanga ukamwita Kafiri (Umuhakanyi), rwose uba ukoze icyaha gihambaye kandi gikabije! Uba ukoze ikintu kibi, uba akoze amahano n'amarorerwa muri Isilamu. Sigaho ntukite Umuyisilamu kafiri kuko icyo gikorwa cyazirirjwe n'Imana.

Nyakubabhwa Muffi! Zirikana ko Al-Alamah Imam al-Sayyid Ahmad AL-Hadad agira ati: Ijimaa (guhuza) y'abamenyi ivuga ko bitemewe kwita kafiri buri wese usali yerekera Qibla, uretse aramutse akoze akanavuga ibigaragaza ko atemera Imana, cyangwa agakora shiriki igaragara utanabona uko uyigoragoza uyivuganira "Ta'awiil", cyangwa akavuga akanakora ibigaragaza ko ahakana ubutumwa bwa Muhammad "s.a.w.w", cyangwa ahakanye ikizwi mu idini ko ari ngombwa kucyemera. ikizwi mu idini ko ari ngombwa kucyemera ni nka Tawuhidi, kwemera Intumwa z'Imana, umunsi w'imperuka n'ibindi. Hababarirwa ubikoze bitewe n'ubujiji cyangwa kuba ari Umuyisilamu mushya). Ndangije kwandukura amagambo ye.

Rwose kwita Umuyisilamu kafiri n'icyaha kibi kandi gikabije, umva uko Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yavuze ku Muyisilamu wita undi kafiri: (Iyo umuntu abwiye umuvandimwe we kafiri aba kimwe muri ibyo "iyo ibyo amuvuzeho atari ukuri ku Imana niwe ufatwa ko ari kafiri").

Imvugo zokwita Abayisilamu kafiri, ntizivugwa n'utari injiji itazi amategeko ya shariya, iatazi imipaka y'ubukafiri n'imipaka ya imani. Nkuko bitemewe kwita UMuyisilamu kafiri kubera gukora ibyaha mu gihe yavuze shahada ebyiri, Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yaravuze iti: (Ibintu bitatu ni umusingi wo kwemera: Kurinda ururimi ntiruzite abavuga Laa illaha il Llah ubitewe n'icyaha bakoze, ntitumukura muri Isilamu kubera

ibikorwa akora. Kwemera ko Jlhadi izakomeza kugeza k'umunsi w'imperuka, no kwemera Qadar). Ynditswe na Abu Dawud.

Imamu al-Haramaini yaravugaga ati: Turamutse dusabwe kuvuga ibikorwa bigaragaza umukafiri n'utariwe. Twabasubiza tuti: Mudusabye gukora ibiruhije gukora, kuko ibyo bikorwa byihishe mu mahame ya Tawuhidi, akaba ntawabasha kubimenya uretse uwaminuje mukuyimenya no kuyisobanukirwa.

Bityo Nyakubahwa Mufti wari ukwiye kwihanangiriza buri mushekhe na buri mubwirizabutumwa uyoboka madhihebu ya Salafu mu yobora, igihe umuyisilamu bita kafiri adakora mu byavuzwe kuko arurimi rwihutira kwita Abayisilamu kafiri, ruba ari ruzageza nyirarwo n'abamushyigikiye ku iherezo ribi.

Zirikana ko na Muhammadi bin Abdul-Wahabi witirirwa gutangiza madhihebu ya Salafu izwi cyane ku izina ry'Ubuwahabi akaba na Imamu w'iyo madhihebu yamagana akanahakana abavuga ko yita Abayisilamu kafiri. Mu ibaruwa ya Muhammad bin Abdul-Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira yoherereje abaturage b'akarere ka Qaswiim yagize ati: (Nagezwe n'ibaruwa ya Sulayiman bin Sahiim, ibyayivuzwemo byemerwa na bamwe mu bamenyi, Imana yonyine irahamya ko uwo mugabo yambeshyeye, ampimbira ibyo ntavuze, yewe n'ibyo amvugaho ntibyari byaza mu bitekerezo byanjye. Mu byo yampimbiye harimo ko ndwanya ibitabo bine (bya Hadithi bizwi), ngo nkaba mvuga ko Abayisilamu bose babayeho nyuma y'umwaka wa 600H kugeza aho habonekeye abayoboka iyobokamana nigishije ni abakafiri. Nkanigisha ko ukoze tawasulu (gucisha ubusabe ku Intumwa n'intungane) ku intungane n'abatagatifu ari kafiri, ngo nkanavuga ko mbonye uburyo nasenya inyubako iri ku imva y'Intumwa, ngo nziririza gusura imva y'Intumwa (s.a.w.w), …

Igisubizo cyanjye kuri ibyo akaba ari iki gikurikira; ndagira nti: (Icybahiro n'icyawe "Nyagasani!" Iki ni ikinyoma gikabije). An- Nur: 16, hari ababanjirije kuba abanyakinyoma nak'abeshyera Intumwa (s.a.w.w) gutuka intumwa y'Imna Isa (a.s). Ibyo ni ikinyoma, Imana (s.w.t) yavuze iti: (Abahimba ikinyoma "bagenda bavuga ko Intumwa y'Imana yakoze ibyo", ni abatemera aya z'Imana; abi nibo babeshyi). An- Nahl: 105. Babeshye Intumwa ko yavuze ko Intumwa Isa (a.s) na Uzayir bari mu muriro w'iteka, Imana ihishura iyi aya: (Abagezweho n'ubuntu bwacu, abo bazaba kure nayo "Jahanama"). Al-Anbiyaa; 101.

Soma ibaruwa ya mbere ya Shekhe al-Imamu Muhammad bin Abdul- Wahabi, uzayisanga mu mitabo bye bisohorwa na kaminuza Imamu Muhammad bin Saudi mu gihugu cya Saudia.

Iyindi baruwa ikwiye gusomwa nabo Muhammad bin Abdul-Wahabi abereye Imamu, ni ibaruwa Imamu Muhammad bin Abdul-Wahabi yandikiye umumenyi w'icyatwa muri Irake. Uwo mumenyi yari yaramwandikiye amumenyesha ibyo muri icyo abantu bamuvugaho. Imamu Muhammad bin Abdul- Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira amusubiza ati:

Mu by'ukuri kwamamaza ikinyoma biri mu bitera umunyabwenge kubyamamaza isoni, mugira muti: Abantu muri Irake bavuga ko wita Abayisilamu bose abakafiri uretse abakuyoboka. Ni akumiro pe! Ibyo ntibinyura ubwenge, kuko ibyo bamvugaho bitavugwa n'Umuyisilamu?

Muvuga ko mvugwaho kuvuga ko mbonye icyuho cyogusenya inyubako iri ku imva ya Muhammad (s.a.w.w) nayisenya, nkabuza abantu gusabira Intumwa. Icyo ni ikinyoma.

Muri icyo gitabo ku rup rwa 64, Imamu Muhammad bin Abdul-Wahabi yaravuze ati: Ngo nita kafiri abakora Tawasulu "gucisha ubusabe k'umuntu" nka nita abaturage bo mu karere ka Buswiiry, kafiri, usuye imva z'ababyeyi, nkamita kafiri, urahiye mu izina ry'ikindi kitari Imana nawe nkamugira kafiri. Igisubizo cyanjye kuri ibyo n'iki gikurikira: (Icybahiro n'icyawe "Nyagasani!" Iki ni ikinyoma gikabije). An- Nur: 16.

Imamu Ali (a.s) yabajijwe kubo batavugaga rumwe mu idini (Khawaariji) niba ari abakafiri arasubiza ati: Oya si abakafiri, kuko baba Abayisilamu bahungaga ubukafiri. Arabazwa ati: Tubite abanafiki? Arababwira ati: Abanafiki ntibibuka Imana uretse mu ibihe bike, none bariya bibuka Imana cyane. Arabazwa ati: None tubite gute? Ati: Ni abavandimwe bacu batwigometseho, bahuye n'ibigeragezo bibahuma amasi basigara batakibona ukuri).

Naho ku bategetsi b'u Rwanda bo kagira Imana, bamenye ko muri isilamu harimo ibice nk'ibyo bita ka bakrisito amatorero, bityo niba koko iha abaturage bose amahirwe n'uburenganzira bungana, ntiyazatinyuka gutegeka Abashiya ngo bayoborwe na A.MU.R, mu gihe ARI UMURYANGO UYOBORA Abayisilamu bari mu itorero ryitwa Salafu ino n'ahandi rizwi ku izina rya Wahabi. Byongeye kandi iyobokamana ry'itorero Salafu rikaba ryigisha ko Shiya tuyoboka kuyiyoboka ari ubuyobyi n'uyiyobotse akemera ko kumwica no kumwanga biri mu kugandukira Imana, niba amatorero y'Abakrisito Atari yagera mu rwego

rwogufatana uko, mukaba mudafata abayoke b'itorero runaka ngo mubayoboze irndi banyuranyije mwbikorera mute ku itorero rya Shiya muritegeka kuyoborwa na A.MU.R?

Leta ibona ko aribyo byiza, ubutabere no guha abaturage amahirwe angina byatuma mu buyozi bukuru bwa A.MU.R habamo Shiya bakagaba imyanya y'ubuyobozi hakurikijwe ijanisha.

Turamesha Leta ko gukomeza kubaho k'ubwumvikane buke n'ubushyamirane hagati ya Wahabi na Shiya, birambiranye kandi bigeze aho bitekihanganiwe mu Rwanda. Bityo tukaba twasabaga abategetsi b'u Rwanda bo kagira Imana guhagarika amatwara y'abayobozi b'A.MU.R n'abashekhe bayo ntibakomeze kugerageza kuvutsa bamwe mu bana b'u Rwanda uburenganzira bwabo. Ibyo Tubibasabye nk'abategetsi bashinzwe kurinda abaturage bose no guharanira ko baba mu gihugu cyabo badahagaritse umutima.

Abayobozi ba A.MU.R bari bakwiye kumenya ko kubana n'Abashiya mu bwumvikane muri iki gihugu, ubu ariyo mahitamo.

Ndabibutsa n'ubwo ibyo mbibutsa banasanzwe babizirikana. Ntibishoboka kuyobora igihu ugahamya ko gifite umutekano n'abakirimo bakaba batekanye, ki kaba kirimo ubumwe hagati y'abagituye mu gihe udahaye abaturage bagituye amahirwe angana, bakanakigiramo uburenganzira bungana. Leta yari ikwiye gukurikirana iterabwoba ryose Shiya bakorerwa n'abandi Bayisilamu babaziza iyobokamana ryabo ikarihagarika.

Ndangije nsaba buri wese ufite imigambi yo kunga Abayisilamu no kubagira inama y'igikenewe kuri bo gukorwa muri ibi bihe, gusoma iki gitabo cya shekhe Hasani Mussa Saffar, naho intakoreka yiyemeje gutahiriza umugozi umwe n'abagamije gusenya ubumwe bw'Abayisilamu, ndayigira inama yo kudafungura iki gitabo turetse ku gisoma, kuko ishobora gusangamo ibyayitera kurushaho gucika intege, bitewe n'ibyo yasomamo ku intambwe imaze guterwa mu kunga Abayisilamo no kubabanisha mu bwumvikane. Bityo akisanga we nabo bahuje imigambi bari kugosorera m'urucaca. Imana imuhembere kiriya

gitabo, izashyire ibyiza byacyo ku munzani w'ibyiza yakoze ku munsi w'imperuka kuko yakoze byiza mu kucyandika: (*Abakoze ibyiza bazahabwa "ibihembo by'" ibyiza "byabo" n'inyongera)*, Yunusu: 26.

Dusabe Imana guha imitima yacu kuyitinya, itugire bamwe bakundana. Irinde igihugu cyacu buri kibi, igire abayobozi bacu kuba bezo n'abatabera baha abaturage bacyo amahirwe angana. MU by'ukuri Imana niyo Nyirimpuhwe Nyirimbabazi.
Shikali Haroon
Shawal/ 1429/ 2008
Muhanga Nyamabuye

MU BY'UKURI SE SHEKHE HASAN MUSSA SAFFAR NI MUNTU KI?

GUSHIMA

Abdallah al Sayifu

Shekh Hasan Mussa Saffar, umuturage na kavukire k'igihugu cya Saudia, utuye mu ntara y'iburasirazuba bw'icyo gihugu. Ubu azwi kuba ariwe utwaye ibendera ry'impuruza ivumera amatwara yo guhamagarira Abayisilamu kuba bwamwe no gutahiriza umugozi umwe. Iyo mpuruza ahamagarira Abayisilamu kuyitabira, ayiterwa no gukunda idini n'igihu bye. Iyo mpuruza by'umwihariko ikaba ihamagarira Abasalafu (Abawahabi) kubana neza n'abavandimwe babo Shiya.

Ni amaraso angana ate amaze kumeneka, ni abantu bangana iki bamaze gusagarirwa banatotezwa, ni imitungo ingana ite imaze kunyagwa, ni imisigiti ingahe imaze gusenywa no gutwikwa, ni ubuturo butagatifu bungahe bumaze gutwikwa no gusagarirwa, bikozwe n'abafite ingengabitekerezo n'ubutagondwa n'inzangano zishingiye kuri madhihebu byenyegezwa na shitani?!

Ikibabaje kurusha ni uko abakora ayo mahano n'mamarorerwa baba bitwikirije ikibaba cyo kwiyita ko baharanira inyungu z'Ubuyisilamu! Mu gihhe mu by'ukuri ibyo bakora biba bisebya iyi dini bikanayisenya. Ibikorwa n'izo ntagondwa bikorerwa Abashiya muri Pakisitani akaba ari urugero rugaragaza abo aribo by'ukuri.

Imana niyo yashatse ko habo amadini na madhihebu nyinshi, muri ayo madini na madhihebu hari ahamagarira abantu kuyoboka Imana no kuyikorera, no muri yo hakaba hari ahamagarira kuyoboka shitani no gukora ibya shitani. Ahamagarira abantu kuyboka shitani no gukora ibya shitani yararemaremwe na shitani ni nayo ibakoresha.

Imana niyo yashyizeho idini ya Isilamu, idini y'ubworoherane, ubusabane ubumwe n'ubwumvikane, idini y'ubutabera yigisha ibijyanye na kamere muntu. Idini y'amajyambere inigisha ibitera umutu gutera imbere, idini yabashije kujyana n'ibihe by'intumwa, ibihe by'abakhalifa bahire, ibihe bya ban Umaya, ban Abas, Fatimiya, Ayyubiya, n'ibihe by'abami banyuranye ku geza mu bihe by'ubutegetsi bwa Uthumaniya kugeza magingo aya ikaba ibashije guhangana n'inkubiri

y'amajyambere idasanzwe no gukemura ibibazo by'ibihe byose ikaba itajya ihitwaho n'igihe.

Iyi ni idini y'ibihe byose, ni idini y'abantu bose, ni idini y'isi yose, ntawe ifungira amarembo, nta n'uwo ibangamira, ababangamira abandi ni ababyoke bayo. Bababuza mahoro abandi mu mababyoboke babyo ni abayisobanukiwe bidafashije, bafatira inyigisho zayo hejuru nti babasha gusobanukirwa amahame yayo. Iyo izo ntagonndwa zibuza abandi ubuhwemo mu izina ry'idini zijya gusobanukirwa amahame ya Isilamu n'intego zayo zashimangiwe zinashyirwa mu bikorwa n'Intumwa Muhammad mwene Abdillah (s.a.w.w), Intumwa yazirwaga n'umuhakanyi cyangwa umubangikanyamana, akavuga shahada ebyiri; (Lailah ilallah, Muhammadarassulullah), intumwa ikamufata nk'umuyisilamu, ikamuha uburenganzira bwose buhabwa umuyisilamu. Reba uburyo uwo muntu yahitaga ajya mu Bayisilamu agafatwa kimwe nkabo agokorerwa ibyo bakorerwa agahabwa ibyo bahabwa atari yatangira kwiga isala no kuyikora, atari yakora Hija ngo antange zaka ntacyo yari yatanira gushyira mu bikorwa mu inyigisho na mahame ya Isilamu. Intumwa yabwiraga abigishwa bayo iti: Twe duca urubanza ku muntu dushingiye ku byo agaragaza. Naho ibiri ku mutima we bikarekerwa Imana kuko ntawabimenya. Uko niko Ubayisilamu bwamye bumeze ni nako bwateye imbere, bitavanguye ntibunacemo abantu ibice.

Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yari ibashije kwihorera ku bayibujije amahoro baranayirwanya, yari ibashije kwihorera ku babangikanyamana b'Abakurayishi, ariko kuko yari Itumwa y'Imana, Intumwa y'amahoro n'ubworoherane, Intumwa yavumeraga amatwara y'ubuntu yarababwiye ubwo yabafataga mpiri nyuma yo kubohoza Maka iti: Ni mugende mufite ubwigenge, nta nkurikizi y'ibyo mwakoze. Muradohorewe kuko Ubuyisilamu buhanagura amakosa yakozwe mbere yo kubwinjira.

Iyi mico n'uburere bihebuje, nibyo nyakubahwa Shekhe wacu Hasani Saffar agaragaza akanabishyira mu bikorwa, ikaba arinayo imutera guhamagarira Abasalafu n'Abashiya kwegerana no kubana neza, si abo gusa ahubwo yanahamagariye kubana neza no kwegerana n'abavandimwe na ndetse n'abaturanyi b'igihugu cyacu muri Omani bayoboka madhihebu ya Ibadhi. Ibyo abiterwa n'uko Ubuyisilamu ntangufu bwagira mu gihe budahagarariye kuri izo nkingi eshatu, Ahalsuna barimo Abasalafu (Wahabi), twakwita ko aribo igihimba cy'indege yitwa Isilamu, Abashiya twafata ko ari bo baba ry'Ubuyisilamu ry'iburyo na Ibadhi twafatako ari bo baba ry'ibumoso bw'iyo ndege idashobora kuguruka idafite ayo mababa yayo abiri.

Muvandimwe Muyisilamu, rwose kubaho ku mubano mwiza hagati ya Shiya Salafu na Ibadhi birashoboka, igihe cyose buri mu yoboke wa madhihebu muri ziriya azareka inzangano no gutsimbarara bishingiye kuri madhihebu. Bityo bagirane imishyikirano, bajye impaka kubyo batumvikanaho mu rukundo n'ubusabane. Biyame shitani ibateranya bitabire ibyo basabwa gukora n'Imana.

Njye nemera ko buri kiza, na buri gikorwa kiza biva ku Imana bikanategekwa nayo. Na buri mpuruza igamije kwita abandi abakafiri, gutera inzangano, amacakubiri ubushyamirane n'inabi ibiva ikanaterwa n'amoshya ya shitani kandi akaba ari nayo itegeka ibikorwa nk'ibyo.

Yewe Muyisilamu ukunda idini ye, tinya Imana wubahiriza uburenganzira bwa Ahalul-bayiti (abo mu rugo rw'Intumwa) unubahiriza uburenganzira bw'abasahaba bayo, tinya Imana wubahiriza uburenganzira bw'Abayisilamu unubahiriza uburenganzira bw'igihug cyawe, ntugahamagarire abadi kwitabira ikitari kiza n'urukundo, kumvikana kwegerana no gusabana, kuko iyo ariyo mpuruza ihabwa umugisha n'Imana Intumwa yayo n'Ababyisilamu.

Muvandimwe Muyisilamu ndaguhamagarira kwitabira ibyo Nyakubahwa Shekhe Hasan Saffar ahamagarira Abayisilamu kwitabira, uzirikane ko impuruza yose ivuguruza iya Nyakubahwa Shekhe Hasan Saffar ari impuraza ya shitani, ni impuruza inyuranye n'amahame n'inyigisho z'Ubuyisilamu.

Mana Nyagasani, tugire ababwiriza butumwa bahamagarira kwitabira kwegerana hagati y'abayoboke ba madhihebu z'Abayisilamu nkuko Shekhe Hasan Saffar, amin abidusaba.

Sawud Arabiya

GUSHIMA

SHEKHE HASAN SAFFAR YARASHUHUJE YARI AKWIYE GUSUBIZWA

Dr. Abdulhamidu al-Ansar, umuyobozi mukuru wa kaminuza ya Shariya na mategeko mu gihugu cya Qatar ati:

Igtabo cya Shekhe Hasn Saffar cyitwa UMBANO MWIZA HAGATI YA SALAFU NA SHIYA, cyacaphwe bwa mbere mu mwaka w'2004. Kiri mu byanditse byiza nasomye mu buzima bwanjye ku birebana n'umubano mwiza hagati ya Ahalsuna na Shiya by'umwihariko hagati y'abasalafu n'Abashiya. Njye nk'umwe mu barebwa n'impuruza iri mu gitabo cya Shekh Hasan Saffar, ahubwo nk'urebwa n'ubushyamirane buri hagati ya Shiya na Suni; Ndahamagarira Abayisilamu bose gusoma iki gitabo, kuko kirimo ibitekerezo byubaka kandi bifututse, bivuga ku mubano mwiza wari ukwiye kuba hagati y'abayoboke ba madhihebu z'Abayisilamu ebyiri zifite abayoboke benshi kurenza izindi.

Kubanshyigikiye ibyanditse muri kiriya gitabo njye mbona ko ari ink'indamutso y'ubwiyunge hagati ya Shiya na Salafu yatanzwe na Shekhe Hasan Saffar ayiha abavandimwe be ba Basalafu, nifuzaga ko twabona igiusubizo kiza cyangwa mu iyindi mvugo twabona shekhe Hasan Saffar asubizwa indamutso ye yahaye Abasalafu nk'uko tubisabwa n'Imana (s.w.t) muri iyi aya: (*Nimuzajya musuhuzwa, mujye musubiza ugusuhuzwa nkuko babasuhuje cyangwa insuhuzo nziza kurenza*).

IJAMBO RY'IBANZE

Wenda hari ababona ko umubano mwiza hagati ya Shiya na Salafu (Wahabi) udashoboka bitewe n'amateka yabo yaranzwe n'ubushyamirane, byongeye kandi abayoboke ba madhihebu ya Salafu bakaba bazwiho amatwara yo gutsimbarara ubutagondwa no kwanga bikabije abo banyuranyije ibitekerezo cyane cyane abo badahuje iyobokamana.

Ayomatwara yabo si ku Bashiya ahubwo ni nako babanira abayoboke ba madhihebu ya Ahalusuna wal-jama.

Ariko njye mfite ikizere cy'uko umubano mwiza hagati y'Abashiya n'Abasalafu ushoboka cyane cyane muri ibi bihe hatewe intera mu mitekerereze no mu bumenyi imaze guterwa n'abayoboke ba madhihebu z'Abayisilamu zinyuranye. Ubu bamwe muri bo bakaba basigaye bacisha make bakemera ko ibitekerezo by'abo banyuranyije nabyo bifite ishingiro, bakaroherana n'ubwo buri wese muri bo aba acyemera ukuri kw'ibyigishwa n'iyobokamana rye.

Nkuko ibibazo by'ingutu bibangamiye imbaga y'Abayisilamu bitera inararubonye n'abajijutse mu bayoboke ba madhihebu zombi kudaha agaciro ibyo batavugaho rumwe no kubyirengagiza bagashyira imbere kumvikana. Mu guhura no kuganira n'abamenyi nababwiriza butumwa ba madhihebu ya Salafu nababonanye ubushake kubirebana n'umubano mwiza n'abavandimwe babo b'Abashiya, ubushake buterwa no kuba bashyize imbere inyungu z'Ubuyisilamu n'igihugu cyabo (Saudia), byongeye kandi nokuba bamaze gutera imboni akaga n'amakuba bigera amajanja imbaga y'Abayislamu bose muri rusange.

Naho kuruhande rw'Abashiya benshi mu bamenyi n'abajijutse muri bo biteguye kwakirana ubwuzu na ndetse igishyuhirane intambwe yaterwa n'abavandimwe babo bayoboka madhihebu ya Salafu, igamije ubume kwegerana no gusabana hagati y'abayoboke ba madhihebu ya shiya.

Igikenewe ni ugutera iatambwe y'ubutwari hagamijwe kurenga imbogamizi ziterwa n'intagondwa mu mpande zombie intagondwa usanga hari ubwo zishyushya imitwe n'amarana mutima ya rubanda rwagiseeeseka bitwaje impamvu zidafashije zinyuranye bbagamije kuburizamo imigambi yose igamije ubumwe no kwegerana hagati kw'impande zombie. Zikanatsa igitutu abbbabgamije ubugorozi bw'ibigoramye zibarega ko badohotse ku matwara y'kiyobokamana ryabo.

Imbaga y'Abayisilamu muri ibi bihe yiteguye kwakirana ubwuzu buri mpuruza yose yaba igamije ubumwe no kwegerana hagati y'abayoboke ba madhihebu z'Abayisilamu kurenza ikindi gihe icyo aricyo cyose, baniteguye kuba hamwe n'ababgamije ubugorozi bw'ibigoramye na bajijutse mu bayisilamu igihe cyose bazabagaragariza ko bari ku murongo banafite ubushake buhagije bwo guhangana n'ibigoramye bamamaza ubumenyi banajijura abantu.

Uko niko mbyumva ni nako mbibona nakora uko nshoboye ngo bizashoboke binashyirwe mu bikorwa n'Abayisilamu no mu gihugu cyacu (Saudia). Nzabigeraho mfatanyije na buri wese ugamije ibyiza kandi ujijutse.

Hasani Saffari
Al-Qatifu Sawudiya
24/ Dhul- Qaada 1423

INTANGIRIRO

Amateka yacu y'Ubuyisilamu yaranzwe n'intambara z'urudaca n'ubushyamirane byaterwaga no kunyuranya ibitekerezo na madhihebu. Ubushyamirane bwateye igisare mu mubano w'imbaga y'Abayisilamu, uruhare runini rw'ubwo bushyamirane n'ubwo rwari urw'Abayisilamu, hari n'izindi ngufu ziturutse hanze yabwo zari zifite uruhare runini mu kuzambya umubano hagati y'Abayisilamu banyuranyije madhihebu. Abazambya umubano mwiza hagati y'Abayisilamu badahuje madhihebu babikora bagamije gutesha Abyisilamu kwita ku inshingano zabo shingiro bagasigara bakoresha izo ngufu zabo mu guhangana ubwabo ku bwabo bityo bakaba batakibashije guhangana n'ingufu zishaka kubagirira nabi.

Ubutagondwa bushingiye kuri madhihebu no kurwanya abo mudahuje ibitekerezo cyangwa guhatira abo mudahuje kwemera ibitkerezo byawe, bisigara aribyo gicumbi cy'ubwo bushyamirane. Naho kubaho kwa madhihebu nyinshi, no kunyuranya mu bitekerezo, ibyo ni ibintu bisanzwe kandi tudashobora gukumira, nk'uko ntacyo bitwaye igihe cyose banyirabyo batabifatanyije no gutsimbarara, ubutagondwa no kutava ku izima inzangano n'itera bwoba rishingiye ku bitekerezo.

Umuryango w'Abayisilamu ufite inkovu yatewe n'ubushyamirane bushingiye kuri madhihebu no kunyuranya ibitekerezo. Ibikomere bakomeretse uko ibihe by'amateka byasimburanaga, ubushyamirane bwari hagati ya madhihebu ya Jabiriya na na Qadiriya, no hagati ya madhihebu ya Muruji'a na batavugaga rumwe nabo, no hagati ya madhihebu ya Asha'ira na Muutazila, n'akaga katewe nabemeraga ko Qur'ani yaremwe abandi bakemera ko yababayeho ibihe byose. Kimwe n'impaka zari zishingiye ku kutavuga rumwe kuri fiqihi zari hagata y'abayaoboke ba madhihebu ya Abu Hanifa n'abayoboke ba madhihebu ya Shafi, hagati y'abayoboke bamadhihebu ya ya Hambali n'abayoboke ba madhihebu y'abayoboke ba madhihebu ya Abu Hanifa. Ubwo bushyamirane bwari buhambaye mu binyejana byahise

ariko bwahisweho n'igihe busigara ari inkuru zivugwa mu mateka ziboneka mu bitabo. N'ubwo bwose bifite ibisigigisigi bifite uruhare mu mitekerereze y'abayoboke ba madhihebu ziriho ubu, uretse ko bidatera amacakubiri n'inzangano zikabije nk'izariho.

Ubu hasigaye icyuho giterwa n'ubwumvikane buke buri hagati y'abayoboke ba madhihebu ya Salafu na Shiya, ubushyamirane twagereranya nk'igisate kinini kiri ku rukuta rw'ubuyisilamu, igisate gicibwamo n'umuyaga uhembebra inzangano maze kikuririrwaho n'abanzi b'Ubuyilamu bityo bakabonereho icyuho cyo kutugambanira.

Abagorozi b'ibigoramye n'abamenyi ba madhihebu ya Salafu n'Abashiya, ni intangiriro z'iki kinyejana, bahibibikaniye gusiba icyuho n'ibisigisigi by'amacakubiri iterwa no kutavuga rumwe ku iyobokamana na fiqihi. Mu ihibikana ry'abari bagamije ubugorozi bw'ibigoramye niho haviriyemo ishingwa ry'umuryango wiswe *Dar taqiribu bayina madhahibul isilamiya* washinzwe muri za mirongo itanu, ikicaro cyawo gishyirwa i Cairo mu Misiri. Hatangizwa ibiganiro bivuga ku bumwe bw'Abayisilamu, no ku ibyo bahuriraho n'ibibatandukanya no gukuraho imbogamizi zibangamiye ubwumvikane hagati yabo zishingiye kuri ijitihadi aqida na fiqihi.

Iryo hibibikana ryaganjije ubukana bw'ubushyamirane hagati ya madhihebu ya Suni na Shiya, muri rusange hatangira umuabano mwiza hagati y'abajutse mu impandea zombie hasigara hariho ubufanye hagati yabo mu mishinga inyuranye bahuriraho hagamijwe inyungu z'imbaga y'Ababyisilamu muri rusange.

Mu byatanze ikizere muri ibi bihe byacu ni ukuba ubwumvikane hagati y'impande zombi butaratewe n'uko umwe muri bo yabashije gutsinda undi amwumvishije ko ibyo yemera ariko kuri, ahubwo bwaratewe n'ubushake bafite bwo gushaka kugorora ibigoramye, bakaba barumvikanye ibi bikurkira:

1- Gushyiraho kaminuza ihuriweho n'impande zombi ikazajya yigisha inyigisho z'impande zombi.
2- Kubana neza hagati y'impande zombi.
3- Kwifashisha ibiganiro ku ibyo batavugaho rumwe.
4- Guterana inkunga no gufatanya kubirimo inyungu z'Ubuyisilamu n'Ababyisilamu.

Guterana inkunga no gufatanya kubirimo inyungu rusange z'Ubuyisilamu n'Abayisilamu. Ariko hari ibitekerezo bya

bagatsurantambara binahyushya imitwe mu Basuni no mu Bashiya byabaye imbogamizi y'iki gitekerezo kigamije guhembera ubumwe n'ubusabane hagato y'impande zombi biba impamvu yo guca intege iyi gahunda. No mu ngaruka mbi zabyo no gutera indwara ya (convulsion) yangije umubano hagati ya Shiya na Salafiya.

Iyi madhihebu ya Salafu (Wahabi) izwiho ubutagondwa no kurwanya ibitekerezo by'abandi binyuranye n'ibyayo. Si Abashiya gusa iyo madhihebu ibanira gutyo, ahubwo n'Abasuni ni uko ibabanira cyane cyane ku birebana n'iyobokamana. Bityo iyo madhihebu yarwanyije byimazeyo ubumwe no kwegerana hagati ya Shiya na Suni.

Mu bihe bya vuba Dr Nassir bin Abdillah al- Ahifari yanditse ku birebana n'ubumwe no kwegerana hagati ya Shiya na Suni mu gitabo kigizwe n'imizingo ibiri, cyandikirwa kenshi muri Saudia. Muri icyo gitabo avugamo ko kwegerana no kuvuga rumwe na Shiya ari bida mbi bikabije, ngo igamije kwambika ubuhakanyi n'ububuramana umwambaro uzatuma ikinyoma cyemerwa nk'ukuri hitwajwe izina ry'Ubuyisilamu n'inyungu zabwo.

Impuruza igamije gutuma Suni na Shiya begerana bakanasabana, ingaruka mbi zayo, ntaw'undi zigaruka uretse mbaga y'amoko amaze guhindura ajya mu Bushiya. Ubu hakaba hari y'Abasuni iri kugirwa kwinjizwa muri Shiya udutsiko nyuma y'utundi…..(1).

Mu by'ukuri ariya magambo aratangaje, akanerekana ko impamvu abarwanya ukwegerana no kuba bamwe kw'impande zombie bitwaza, burya ugutinya ko imbaga y'Abasuni ya hindura ikaba Abashiya! Ahubwo se ni kuki hataba ikinyuranyo cy'ibyo maze ukwegerana kw'impande zombie zigatuma nyumuke (Shiya) baganza na benshi (Suni) maze bagahindura madhihebu bakaba Suni? Ubusanzwe abake nibo batinya guhindurwa na benshi iyo bivanze nabo. Iyo batigiriye inama yo kuba bonyine no kutivanga n'abandi

Mbere y'imyaka mirongo ine, ubwo umuryango *Dar-taqiribu bayina madhhebul isilamiya*, uwitwa Ibrahim Sulayman al- Jabhan yanditse igitabo kirwanya bikabje kwegerana no kuvuga rumwe hagati ya Shiya na Suni agiha izina rya: "Guha akato ubuyobyi no gukangura abasinziriye" Maze ararengera agera n'aho asagarira icyubahiro cy'abaimamu bo muri Ahalul bayiti (a.s), aho mu intangiriro z'icyo gitabo avuga ati: " Mu by'ukuri uko numvise izina rya Jaafar bin Muhamad Sadiq, nryibazaho byinshi, kubera kugaya uko rikoreshwa n'abanditsi benshi, usanga uko bavuze izina Jaafari baryongeraho irindi ry'iryitirirano; Sadiqi (umunyakuri), maze kuba umunyakuri (Sadiqi) risigara ari izina rye

bwite. Mu by'ukuri izina cyangwa ikigwi ntibikwiye guhabwa umuntu udasobanutse, uvugwaho byinshi, akitirirwa imvugo nyinshi zirimo ububuramana n'uburimanganyi.

Mu by'ukuri ndahamya ko amagambo nk'ariya atashimisha Abasalafu na buri Muyisilamu. Amagambo yerekana ubutagondwa mu rwego rukabije rw'uwayavuze. Abashiya nabo mu kugerageza gusubiza abantu nk'abariya by'amaburakindi, banditse ibitabo n' inyandiko nyinshi, zarimo uburakari zisubiza Abasalafu, muri ibyo bitabo bakita Abasalafu izina badakunda kwita ry'(ubuwahabi) izina abasalafu badashimishwa no kumva uribita.

MU BY'UKURI SE UMUBANO MWIZA URASHOBOKA?

Nta gushidikanya ko hari ibibazo by'ingutu bibangamiye imbaga y'Abayisilamu muri iki gihe, batigeza bahura nabyo mu mateka yabo. Madhihebu ya Salafu (wahabi) iri ku isonga y'ababangamiwe n'ibyo bibazo, kuko nayo iri mu bagize imbaga y'Abayslamu. Byongeye kandi, amatwara n'ibikorwa bibi bitirirwa nabyo biri mu byatumye iyo madhihebu iba ku isonga y'abugarijwe n'ibyo bibazo by'ingutu mu rwego rwa karere ku buryo bwihariye no mu rwego rw'amahanga muri rusange.

Ibyo byari bikwiye gutuma iyo madhihebu isubiza amasoi nyuma ikavugurura umubano wayo n'izindi madhihebu z'Abayisilamu. Mu by'ukuri mu bidashidikanywaho na buri wese ufite ubwenge ni uko ubushyamirane n'ubwumvikane buke mu Bayisilamu, biri mu bibaca intege, bikananiza umugambi wo guhangana n'ibibazo by'ingutu bibabangamiye, nk'uko biha abanzi babo ingufu zo kubarwanya bitwaje ubushyamirane buri hagati yabo. Bityo gufatanya no kubanira neza kw'Abasalafu n'abandi Bayisilamu badahuje, biri mu by'ibanze buri bwenge buzima busaba kwitabira. Atari ibyo biyemeze kwirengera ingaruka mbi bikabije z'ubwumvikane buke n'ubushyamirane biri hagati yabo na Abayisilamu badahuje madhihebu.

Niko ye! Ntibikwiye gutangaza kubona Abayahudi n'Abacrisito bari guhibibikanira icyatuma begerana banabanirana neza, mu gihe ari abayoboke b'amadini atandukanye, anahanganye. Hagati yabo hari ukunyuranya gushingiye ku iyobokamana bikabije, n'amateka yabo maremare yabayemo ubushyamirane, ariko bakirengagiza ibyo byose ubu bakaba bahihibikanira gufatanya no kwegerana mu guhangana n'ibibazo babona ko bibangamiye.

Muri ako kanya Abayisilamu bo bananirwa kwirengagiza amacakubiri yabo ngo babe bakwegerana banabanirane neza, mu gihe turi abayoboke b'idini imwe, Intumwa yacu ikaba imwe, kandi hari n'ibindi byinshi biduhuza, byongeye kandi tukaba tunabangamiwe n'ibibazo bimwe?!

Mu makuru ya nyuma aheruka kubirebana n'ihibibikana rigamije kwegerana hagati y'Abayahudi n'Abacrisito, harimo aya yanditswe n'ibinyamakuru n'ibiro ntaramakuru, yavugaga ko impuzamashyirahamwe y'abapadiri ba Gaturika n'abakuru b'idini y'Abayahudi, bakoze inama igihe kingana n'iminsi ibiri yabereye mu mugi wa New York. Iyo nama yahuriyemo abapadiri bagera ku icumi ba Gaturika , bahura n'abayobozi b'idini y'Ubuyahudi batandatu hamwe n'abazungu bo mu Burayi no muri America, harimo n'Abayisiraheri. Bemeranya ko bagiye gushyira hamwe kugira ngo babashe guhangan n'abanzi babo bari mu Buraya. Bishaka kuvuga guhangana n'abarwanya ukwigarurira kw'Abayahudi intara z'Abarabu n'ubugizi bwa nabi bukorwa n'igihugu cya Israyeri.

Abari muri iyo nama abapadiri n'abakuru b'idini y'Abayahudi, babaragaje ko iyo nama ari agashya mu mateka yabo ku birebana n'umubano mwiza hagati y'impande zombi, umubano waranzwe n'ubushyamirane, bavuga ko nyuma yo guhura na Papa bashyizeho ingamba zizashimangira ubwumvikane hagati yabayoboke b'amadini yombi.

Iyi nama yari ihagarariwe n'inama nkuru mpuzamahanga y'Abayahudi igamije kwegeranya Abakristo n'Abayahudi. Iyo nama ikaba ari amatunda y'umubano mwiza hagati y'impande zombi, watangijwe na Papa Yohana wa kabiri mu myaka 25 ihise. Musenyeri w'umufaransa akaba n'umuvugizi w'Abagaturika Bwana Patric Dlpa avuga ko iyo nama ari umwihariko ikaba ari nabwo bwa mbere ibayeho. Umwungirije umukuru w'akanama k'Abayahudi mpuzamahanga Bwana Alan Shtamborg nawe yungamo ati : Iyi nama niyo yagutse igejeje ku indunduro umubano mwiza no kwegarana hagati y'Abayahudi n'Abakrisito.

Abari muri iyo nama bumvikanye ko bagomba gutahiririza umugozi umwe, gufatanya no guterana inkunga mu bihe bizaza. Bumvikana ko bagomba gukomeza ibiganiro hagati y'Abayahudi n'Abakristo mu rwego rw'igihugu.

Ng'uko uko abandi bahirimbanira gutahiriza umugozi umwe no guterana inkungaa n'ubufatanye hagati yabo, mu gihe twe Abayisilamu nta bushake dufite bwo kwirengagiza amacakubiri n'ubwumvikane buke bwacu kandi bikenewe.

Turetse kureba ibyo bibazo byo mu rwego rwa politike ubu bitwugaruje muri iki gihe, n'ingamba zikenewe gufatwa mu guhangana nabyo, ikibazo cy'imyitwarire y'Abasalafu kubo banyuranyije ibitekerezo na madhihebu, cyari gikwiye gutekerezwaho bushya n'Abasalafu.

Icyabafasha gushakira umuti icyo kibazo Qur'an na Suna, naho ibitekerezo by'Abamenyi b'Abasalafu nka Sheikh Ibin Tayimiya n'abandi bamenyi babo twuabaha, ibyo bigishije babyigishije bashingiye ku bitekerezo byabo, bityo bishobora kwemerwa no kwangwa nta mugayo. Wenda kugendera no kwifashisha Qur'an na Suna hashingiwe ku bisobanuro by'abamenyi bindatwa b'iki gihe, bishobora guha ibintu isura nshya no kugorora ibyari bigoramye ku birebana n'amatwara y'Abasalafu k'ubo banyuranyije ibitekerezo na madhihebu. Ibyo ni umuti w'amatwara yabo agoramye kub badahuje ibitekerezo na madhihebu hifashishijwe Shariya. Naho mu rwego rwogushyira mu rwo gushyira mu gaciro; dushingiye ku itegeko rivuga ku gufata umwanzuro ufatwa bitewe n'imiterere y'ikibazo, uterwa n'uburyo uwufata aba abona ikibazo. Bityo amatwara y'abamenyi b'Abasalafu bo hambere kuri madhihebu zindi n'uburyo yaterwaga n'uburyo ubwabo babonaga izo madhihebu. Akaba ntagushidikanya ko uko babonaga izo madhihebu byari ikosa. Kubona izo madhihebu by'amakosa, byaterwaga n'ubumenyi buke bari bafite kuri izo madhihebu, cyangwa kutabasha gusobanukirwa neza ibitekerezo n'inyigisho zazo, cyangwa gufata ibitekerezo bya bamwe mu bayoboke bazo ukabyitirira abayoboke bose b'iyo madhihebu.

Nkuko bishoboka ko haba hari ibitekerezo bya zimwe muri madhihebu byariho icyo gihe ariko ubu bikaba bitakiriho, ibyo byose byari bikwiye gutuma abamenyi b'Abasalafu b'iki gihe bisubiraho maze bakiga bushya ku byigishwa n'Abashiya b'iki gihe, urugero: mu bihe byahise mu Bushiya amatwara yari afite ingufu ku bamenyi babo ni amatwara ya Ikhibariya: Abemeraga ayo matwara babonaga ko ari ngombwa kwemera Hadithi na riwaya zose ziri mu bitabo bine aribyo: Al- Kaafi cya Kuleyini, Tahidhbu wal- ilstibisar cya Sheikh Tusi, Manlayahdhur al- Faqih

cya Sheikh Swaduqu. Ariko ubu ayo matwara ntakibaho, ubu amatwara yamamaye uhereye mu binyejana bitatu byahise, ni amatwara ya al-Usuliyyah, abamenyi b'iki gihe bakaba bamera ko Hadithi na Riwaya ziri muri biriya bitabo zigomba kubanza kwigwaho no kugirwaho impaka mbere yo kuzemera.

Urundi rugero ni ikibazo Abasuni bakunze kwitwaraho umwikomo Abashiya ku birebana n'amatwara yabo ku bakhalifa batatu. Niba hari ibitabo by'Abashiya byakera bitabavugaho neza , byaba biterwa n'uko ababyanditse babagaho muri ibyo bihe, ibihe byabo bikaba byarimo gutotezwa bikabije n'Abayisilamu batari Abashiya.

Ariko Abashiya b'iki gihe bo si uko bitwara, urugero: Abashiya bo muri Irani, muri iki gihe ubutegetsi bw'igihugu bufitwe n'abamenyi babo. Igihugu cyabo kiri mu bihugu by'ibihangange mu karere k'iburasisazuba bwo hagati, ariko ibikoresho byabo ni itangazamakuru muri khutuba zabo z'ijuma na disikuru z'abayobozi b'icyo gihugu, ntushobora gusangamo imvugo zivuga nabi abakhalifa batatu, yewe no mu bihe bagirirwaga nabi n'ubitegetsi bwa Irake, bwari bushyigikiwe n'ibihugu byinshi by'Abarabu, ntihigeze havugwa imvugo zivuga nabi abakhalifa batatu.

Yewe no mu bihe bagirirwaga nabi n'ubutegetsi bwa Irake bwari bushyigigkiwe n'ibihugu byinshi by'Abarabu ntihigeze havugwa imvugo zivuga nabi abakhalifa batatu.

Ni nako biri ku Bashiya ba Liban, ari nabo ngufu z'icyo gihugu. N'ubwo bwose babonye instinzi idasanwe mu ntambara zabo barwanye n'Abayahudi, ariko ibikoresho byabo tangaza makuru birimo na television yabo yitwa Manar ntibyigeze byumvwaho imvugo zivuga nabi abakhalifa batatu cyangwa abasahaba b'abanyacyubahiro. Ibyo akaba ari ubuhamya bw'uko Abashiya b'iki gihe baretse kuvuga ibyateranyaga Abashiya na bamwe mu Babyisilamu mu bihe byahise.

Ibyo byose n'ibindi nkabyo, bikwiye gutuma abamenyi ba madhihebu ya Salafu b'iki gihe bisubiraho, maze bakareka amatwara yabo abatera kuba intagondwa mu kurwanya no kwanga Abashiya n'izindi madhihebu z'Abayisilamu. Bakareka kurwanya abo badahuje ibitekerezo, maze bagashyira imbere inyungu z'Ubuyisilamu. Bakagira matwara y'ubworoherane, bakareka kwita abayoboke b'izindi madhihebu z'abasari berekera Qibla abakafiri.

URUGERO RW'UMUBANO MWIZA HAGATI Y'UMUSALAFU N'UMUSHIYA

Abasomye igitabo gishya cyasohotse muri uku kwezi cyanditswe na Shekhe Muhammadi Mahadi Shamsudin, witabye Imana mu mwaka w' 1421H, igitabo cyitwa: (AMATEGEKO AREBANA NO GUTURANA MURI SHARIYA Y'UBUYISILAMU). Icyo akaba ari nacyo gitabo cya nyuma yanditse, yacyanditse arwaye yivuza mu Bufaransa mbere y'uko yitaba Imana.

Nasomye intangiriro yacyo ku rup rwa17, inyandiko yari yanditswe na Shekhe Zuhayir Shawsh avuga ku mubano mwiza yari afitanye na Shekhe Shamsudini no kunyurwa n'imico ye. Birazwi ko Shekhe Shamsudini ari mu bamenyi b'Ubushiya b'ibyamamare. Ibitabo yanditse kuri Fiqih, amateka, n'umwimerere wa madhihebu n'ibyishi, nkuko yanditse ubushakashatsi ku bukhafa n'ubuimamu, asobanura ibitekerezo by'Abashiya ku baimamu bo muri Ahalul bayiti, n'umwihariko w'abaimamu urimo kuba ari abaziranenge n'agaaciro kabo n'ibindi bihariye. Yandika igitabo yise: (GAHUNDA Y'UBUTEGETSI MURI ISILAMU) cyanditswe mu mwaka w' 1374 cyongera gucapwa mu mwaka w'1411H. Yananditse ubushakashatsi kuri Fiqih bwinshi burimo ubushakashatsi kuri Taqiliid na Ijitihad no kubibazo by'abagore, yandika igitabo kuri Ihtiqar na Ijitihad n'ibitabo bitatu ku impinduramatwara ya Imamu Huseni (a.s) no ku mihango Abashiya bakora bibuka itabaruka rye.

Aha nashakaga kwerekana ko uriya mu menyi w'Umushiya azwi bihagje na madhihebu ye ikaba izwi. Si Umushiya uzwi gusa ngo bigarukire aho, ahubwo ni Umushiya unatangaza ibitekerezo bye ku mwimerere wa madhihebu ye n'inyigisho n'amahame yayo. Mu rundi ruhande nyakubahwa Shekhe Zuhayir Shawush ni umumenyi uyoboka madhihebu ya Salafu (Wahabi) kandi wubahitse. Mu byanyuma

mperuka kumusomaho ni ibyanditswe n'ikinyamakuru cyitwa Riyadhi No 3891 cyasohotse le 14 Shaban 1424. Inyandiko yarimo yari yanditswe na usitadhi Rashid bin Muhammad bin Asakir munsi y'amagamb akurikira: (URUGENDO RWO GUSURA LIBRARY YA SHEKHE ZUHAYIR SHAWUSH AL-DIMASHIQ), Library ye ikaba iri muri za Library nini mu bihugu by'Abayisilamu. Mu byari mu inyandiko ye ni aya magambo akurikira: (Ntagishya nkora mu kumenyekanisha uyu mu menyi w'igihangange mu bumenyi bwa Hadithi ahubwo navuga ko ari Incolopediya y'ubumenyi, nta n'igishya navuga ku amaro yagiriye ubumenyi bw'idini, n'ubushakashatsi bwe n'ibitabo yanditse… ku buryo yagiriye akamaro kenshi isi, imwungukaho igihe kirenze imyaka 20, na n'ubu Imana ishimwe aracyageza ku bantu byinshi avuganira iyobokamana ry'abakurambere bacu beza. Library ye irimo ibitabo byakera byandikishije intoki birenze ibihumbi cumi na bine, tutavuze ibyandikishije imashini bimwe muri ibyo bimaze imyaka 200…).

Nkuko usitadhi Badru bin Ali bin Twami al-Utuba, umubwiriza butumwa ukorana na minisiteri ishinzwe ibibazo by'idini dawa n'ubuyobozi, mu kinyamakuru cyitwa Ramadhani No 12929 cyasohotse Le 19 muri Ramadhani umwaka w'1424H munsi y'amagambo akurikira : (Shekhe Zuhayir Shawishi no kurinda kwe umurage w'Ubuyisilamu. Mu inyandiko ye harimo ibi bikurikira: (Umumenyi n'igihangange mu bumenyi bwa Hadithi n'amateka, Shekhe Zuhayiri Shawush yahuye n'abamenyi bakera mu kubakuraho ubumenyi banditse ku buryo bw'ungukikana. Nkuko yemerwa na Shekhe wacu Abdal-Aziz bin Baz Imana imuhe iruhuko ridashira… ku buryo uwo shekhe wacu kubera ibitabo binyuranye afite yifashishwa mu kumenya abamenyi bibihe byakera, yabonye igihembo yahembewe ibyo yakoze n'ibindi bitabo by'abamenyi benshi batabarika yarinze. Nkuko yahawe impamya bumenyi n'abamenyi benshi biruhije kubavuga).

Uwo mu menyi w'icyatwa w'Umusalafu (Wahabi) yavuze ku mubano we na Shekhe Shamsudin, umumenyi w'icyatwa w'Umushiya, umubano ukwiye kuba ikitegererezo ku mubano n'ubusabane bikwiye kuba hagati y'abamenyi b'impande zombi bitabujije buri wese muri bo kuguma yemera amahame ya madhihebu ye, gusa bakazirikana gushyira mu gaciro no kwitwara bijyanye n'uburere bwa Isilamu.

Nshimishwa cyane no kwandika bimwe mu babyabonywe binandikwa n'uwo mumenyi w'icyatwa kandi w'Umusalafu ku byo avuga ku mubano we mwiza na imamu w'Umushiya.

UBUHAMYA BW'IBYO YABONYE ARANYURWA

Mu byanditswe na Shekhe Zuhayir Shawush ku byo yabonye aranyurwa kuri Shekhe Muhammad Shamsudini n'ibi bikurikira:
(Imana yampaye impano yo guturana na Shekhe Muhammad Mahad Shamsudin imyaka myinshi. Ndibuka bimwe mu byo namubonyeho bihamya uko yabagaho. Mbere y'uko arangiza kugura inzu ikorerwamo n'umuryango mukuru uhagarariye abashiya, yaransuye ari kumwe na nyakubahwa Sayyid Musa Sadri. Natunguwe no kuba bari baje kunsura iwanjye mbere yo kugura iyo nzu, bagira ngo bansabe kubemerera guturana nabo neza! Ibyo babikoze bakeka ko mbarwanya kubera iyobokamana ryabo.

Bamaze kugura iyo nzu, twarushijeho kugirana umubano mwiza kurenza uko byari mbere. Birazwi ko nyakubahwa Shekhe Muhamadi Mahadi uhagarariye umuryango mukuru w'Abashiya muri Lebanon, mu iyindi mvugo ni umuyobozi mukuru w'Abashiya bagendera kuri madhihebu ya Jaafar Ithina ashari (iyoboka abaimamu cumin a babiri) muri Fiqih na Hadithi… Mu bihe bya Imamu Jaafar ni bwo hatangiye gushyirwa mu bikorwa amahame n'iyobokamana by'abayoboke biyo madhihebu, madhihhebu y'imena muri Fiqih kuva kera na kare no mu bihe madhihe za Hanafi, Malik na Shafi na nyuma ni bwo habayeho madhihebu ya Hambari Imana imuhe iruhuko ridashira.

Nari mu bayoboke ba madhihebu ya Imamu Ahmad bin Hambali muri Fiqih nkaba nari nsanzwe ndi n'umuyobozi wa madhihebu ya Salafu (Wahabi) muri Aqida ngendera ku inyigisho za shekhul-Isilamu Ibin Tayimiya na Shekhe Abdul-Wahabi witirirwa guhimba madhihebu y'Ubuwhabi. N'ibitabo byinshi nari ntuze byabaga N'ibitabo byinshi ntunze bivuga ku inyigisho z'Ubuwahabi. Ibyo bikaba bituma hagati yanjye nawe hari itandukaniro ryaba rito cyangwa rinini. Bikanatuma hagati yacu haba intonganya cyangwa ubwumvikane buke cyangwa

impaka, mu by'ukuri ibyo byose ntibyigeze biba nta cyabaye hagati yacu kitari ukuvuga rumwe no kwemera ikiri ukuri kivugwa na madhihebu zacu. Ibyo byose byaterwaga n'ubumenyi bwe bwinshi n'umutima mwiza yari afite.

Igihe kimwe yavugaga ijambo muri kaminuza, avuga inyigisho ku birebana na aqida ya Muutazila na Salafu. Madhihebu ebyiri zitandukanye cyane, ariko avuga ku byo zitavugaho rumwe nkaho ashaka kuba umuhuza hagati yazo, agira inama y'abayoboke bamadhihebu ko inyigisho zigishwa na zimwe muri adhihebu zita abo badahuje abakafiri, batemewe kwita abandi Bayisilamu mudahuje abakafiri cyangwa bakababafata nk'inkozi z'ibibi cyangwa bakarega ko bakora bidaa! Ahamya ibyo avuga anasoma umurongo w'igisigo cy'umusizi Ahmad Shawuq ugira ati: (Kunyuranya ibitekerezo ntabwo ari imbogamizi y'ubusabane).

Twari hamwe nawe mu kiganiro mpaka mu kigo ndanga muco cya Al-Bayani, avuga ku inshingano buri Muyisilamu afite ku bumwe bw'Abayisilamu no kureka ibituma amacakubiri hagati yabo. Aravuga ati: Nari muri Pakisitani nsanga bamwe mu Bashiya bari mu cyunamo cya Imamu Huseni bikubita ku buryo butemewe, ku muhanda w'undi hari Abasuni bari gukora icyunamo baririra Sayidina Uthuman, menya ko iyo migenzo bamaze iminsi cumi bayikora. Nsaba shekhe Abdul Hasa Nadawi kugira inama abantu b bakareka ibyo bakora, nanjye nsaba ko nabona uwangeza ku bantu banjye (Abashiya) ngo nabo mbabwire nti: Yaba Uthuman cyangwa Huseni ntibashimishwa n'ibyo muri gukora.

Abwira abari aho ati: Rubyiruko! Mwese na mwe basore, tugume duharanira inzira y'Imana. Ibi mbabwira n'uyu muvandimwe Zuheyiri uri mu bo turi mu kigero kimwe arabishyigikiye.

Ku inshuro ya kabiri avuga ku butegetsi bwa ban Uthuman anashimagiza ubukhalifa bw'abakhalifa ba ban Uthuman. Abona abamwumva bagaragaje ukudatangazwa no kuba avuga neza abakhalifa ba ban Uthuman kuko bari bazi ko madhihebu ye n'iy'abo bakhalifa bayobokaga zinyuranye. Aba yabitahuye arababwira ati: (Ni iki gitumye muceceka? Andi magambo navugaga atari aya mwankomeraga amashyi?! Cyo ni muzure amatwara y'ubutegetsi bwa ba Uthuman, Abaturukiya twari duturanye n'igihugu cyabo. Imana igirire ibambe abakhalifa ba ban- Uthuman kuko nti twigeze duta agaciro uretse nyuma yo gutakaza ubutegetsi bwa ban-Uthuman!! Abari aho bose bahita bakoma amashyi, bari abantu benshi cyane.

Ndahamya ko aya magambo atavugwa n'undi utari inararibonye kandi ushyira mu gaciro akaba n'umumenyi wa politike uzi neza akamaro ubukhalifa bwari bumaze n'akamaro ku bumwe bw'Abayisilamu. Ibyo avuga ni nk'ibyavuzwe na khalifa muhire Sayyidina Ali mwene Abu Twalib wagize ati: Ni ngombwa habeho ubutegetsi buyobora abantu bwaba buyobowe n'intungane cyangwa inkozi z'ibibi).

Nyuma yakomeje avuga ku kaga kahise k'ibihugu by'Abarabu karimo amacakubiri n'ibindi nyuma yihirikwa ry'ubukhalifa bwa ban-Uthuman muri Turukiya. Avuga aho ikibazo cy'Abapalisitina kigeze ubu, akomeza avuga ku kangaratete turimo.

Igihe kimwe yigeze kunterefona ambaza ati: Hari ubwo watumiwe i Teherani? Ndamusubiza nti: Oya! Ni kuki umbajije utyo? Aransubiza ati: Hagiye kubera inama ivuga ku bumwe bw'Abayisilamu no kwegeranya abayoboke ba madhihebu z'Abayisilamu, ikaba yatumiwemo abayoboke benshi ba madhihebu za ahal-Suna wal-Jama, bityo nawe ukaba uri mu bantu bimena bagombaga gutumirwa muri iyo nama. Ndamusubiza nti: Iyo njya gutumirwa nari kwitabira ubutumire. Aravuga ati: N'ubwo atari njye ushinzwe ubutumire bw'abajya muri iyo nama ariko ndaza kuvugana n'ababishinzwe n'ubwo bwose hari ibyo tutavugaho rumwe. Gusa ngomba kubibutsa inshingano zabo bagomba gukora dore ko mubo batumiye ntawabasha kuvuga ku bumwe bw'Abayisilamu no kwegerana kwabo kukurenza. (Icyo akaba ari icyubahiro yampaye mbona ko ntari ngikwiye)!

Ku munsi wa kabiri abashinzwe gutumira abantu mu nama barampamagaye, bansaba imbabazi kuba bari batantumiye maze bambwira icyo nzibandaho mu kiganiro nzatanga. Nahise nandika vuba na bwangu, nkora ubushakashatsi nandika nyuma mbereka ibyo nanditse nzavuga mu nama.

Shekhe Shamsudin afite uruhare runini mu kwegeranya ibihugu by'Abayisilamu, muri iryo hibibikana yahuye n'ibibazo byinshi by'ingutu ariko ukwihangana kwe kwatanze umusaruro uhagije cyane cyane mu ihibibikana rye ryo kumvikanisha Irani n'ibihugu by'Abarabu.

Na none ihibibikana rye ryo kumvikanisha ibihugu by'Abarabu ubwabyo. Ndibutsa ko inama nyinshi z'ubusabane n'imishyikirano zabaga bitewe n'ibitekerezo yabaga yatanze, zigakorwa ku inkunga ye. Igihe kimwe numvise uwari ahagarariye inama z'ibihugu by'Abayisilamu umuvandimwe Ahmad Swidiq Dajan n'umufasha we umuvandimwe Dr Salim Al- Uwaa n'abandi batari bo bavuga ibyo akora byiza bizwi n'abake.

Ntitwirengagize ihibibikana rye mu bihugu by'Abarabu rigamije kuba umuhuza n'abategetsi b'ibyo bihugu, agamije kuba umuhuza wabyo n'abatavuga rumwe nabyo. Nshimishijwe no kuvuga ko Shekhe Muhammad Shamsudini atigeze na rimwe afata imbunda arwanya bamwe mu baturage b'igihugu cye, kuva ibihe by'ubushyamirane n'intugunda byari muri Libanon intugunda zamaze igihe kirenze imyaka 20. Ibyo akaba yarabiterwaga no gushyira mu bikorwa inyigisho n'amahame biri muri Qur'ani yera. Na none tutibagiwe kuzirikana ihibibikana rye mu bihugu bya Siriya, Lebanon na Misiri, ihibibikana ryabay e impamvu yo gukemura bimwe mu bibazo byari byugarije ibyo bihugu.

Ibyo byose namuvuzeho bihamywa n'abaturanyi be barimo Abakrisito n'Abayisilamu. Ihibibikana rye ryabaye impamvu yo gukemura ibibazo byari ingutu no kuzana ubwimvikane hagati y'imiryango n'ibuhugu nyuma y'ubushyamirane bwari bwaratewe n'abanyeshyari n'abagambanyi.

Ubundi buhamya bw'ukuri buhamya ukuri kw'ibyo namuvuzeho, ni abantu b'inzego zose barimo abakuru b'amadini yandi atari Ubuyisilamu n'abayoboke ba madhihebu z'Abayisilamu zinyuranye bahururiye ku musura ubwo yari arwaye, banitabira imihango yo kumushyingura amaze kwitaba Imana na nyuma kwihanganisha abantu be. Ntibihanganishije umuryango we gusa, ahubwo bihanganishije n'Abayisilamu bose kuko urupfu rwe rwari igihombo kuri bose.

Ikiriyo cye cyakorewe ku inzu ikoreramo n'umuryango mukuru uhagararie ukanayobora abayoboke ba madhihebu ya Suni muri Libanon aho mufti w'igihugu akorera maze mufti ubwe nyakubahwa Dr Muhammad Rashidi aba ariwe uhagararira imihango yo kwihanganisha akaba ari nawe uhabwa akaboko ka pole.

Mu inkuru zihamya ihibibikana n'umurava bya Shekhe Shamsudin bigamije ubusabane no kwegeranya abayoboke ba madhihebu ni ukuba yarashinze kaminuza ya kisilamu izajya yigwamo abanyeshuri bayoboka madhihebu zose z'Abayisilamu harimo n'abaoboke b'andi maadini atari Ubuyisilamu barimo abakrisito. Agira abayobozi bayo abayoboke bava muri madhihebu n'amadini anyuranye. Byongeye kandi Silibasi ya kaminuza ayigira kutaba ifite madhihebu ibogamiyeho. Ubwo abanyeshuri bayoboka madhihebu ya Ahalsuna bazaga kumubaza ku birebana no gusari isala ya tarawehe, yarabashubije ati: Twe nti twemera gusali isala ya tarawehe! Ariko mwe muyemera ni muyikore, mwihitemo umwe muri mwe ajye ayisalisha. Ibyo na byumvanye abo banyeshuri ubwabo.

Mu mico myiza ya Shekhe Shamsudini nibuka, igihe kimwe nari iwe maze haza abantu bamuregera ihohoterwa bakorewe. Akimara kumva ibyo bamuregeye, yahise aterefona abantu ntasobanukiwe abo aribo, usibye ko naketse ko ari abantu bashoboraga kubarenganura. MU gihe yarimo abaterefona, yavuganaga nabo asa nkurakaye, ati: Njye ndabishingiye kuko ari abaturanyi banjye, nawe akore ibyo ubona bikwiye mu inshingano zawe. Ahita afunga telefoni. Hahise igihe kitari kinini, hahita haterefona umuntu biboneka ko ari uwo amaze guterefona. Nyuma y'amagambo atari menshi bavuganye, abwira abari bamuregeye ati: Ni mugende, abari babahohoteye bamaze guterefona biyemeza kubarenganura.! Ni mushimire Imana! Abo bari bamuregeye si abayoboke ba madhihebu ye biranashoboka ko bosea atari abazi! Usibye ko yari azi gusa ko ari abaturanyi be aho yari atuye hafi ya kaminuza Salam i Bairut y'iburasira zuba. Nsoje iyi ntanngiriror ngira nti: Igihe.

Igihe cyose nabanye na shekhe Muhammadi Mahad, sinamubonye usibye ko yabaga amwenyura, agaragaza akanyamuneza. Iyo yarakaraga uburakari bwe nti bwamuteraga kuvuga nabi uretse kuvuga amagambo make ubundi agaceceka agasubira uko yari amaze.

Nta muturanyi we yaba uwahafi cyangwa uwakure uretse ko yamubaniraga neza, kabone niyo yababga adahuje nawe idini cyangwa madhihebu cyangwa se nta dini agira. Ahubwo nasanze buri wese wari uziranye nawe akorana nawe nkuko Sayyidina Ali (a,s) agira ati: (Ucisha make akundwa na bose).

Imana igirire ibambe shekhe Muhammad Mahdi , imubabarire ibya ayakoze mu by'ukuri icyo Imana yari yaratanze n'icyo yatwaye ni ibyayo, na buri mu ntu afite igihe cye ntarengwa; (Twese turi ab'Imana kandi kuri yo niho tuzasubira). Icyo na kwanzuriraho ni uko iyo mico uburere bwiza n'imibanire myiza bya shekhe Shamsudini yabaniye mugenzi we w'Umusalafu ntagisobanuro kindi n'izindi mpamvu z'ishingiye ku inyungu bw'ite cyangwa z'isi twavuga yabiteye; Kuko yari umuyoboZi mukuru wa madhihebu ikomeye inafite abayobke benshi muri Libanon, na Shekhe Zuhayir Shawush akaba ari umushakashatsi n'umumenyi. Nta rwego rwa politike yarimo twavuga ko yamubaniye kuriya kubera kumutinya cyangwa kumushakaho amaronko.

Libanon nayo kikaba ari igihugu giha abaturage bacyo ubwigenge n'ubwisanzure mu kwemera idini n'iyobokamana umuntu ashatse. Ntawe biba ngombwa ko yiyobekanya cyangwa yitwararika k'uwundi kubera idini ye cyangwa iyobokamana rye. Ntagushidikanya ko imico myiza

Shekhe Shamsudin n'imibanire myiza yabaniye mu genzi we byaterwaga no gusobanukirwa kwe hamwe no gucengerwa n'amatwara y'Ubuyisilamu. Nkuko imibanire myiza ya shekhe Zuheri Shamsudini ataka akanavuga neza mu nyandiko mu genzi w'Umushiya nta yindi mpamvu yabimuteye itari kuba ari umunyakuri inyangamugayo n'umutabera no gushyira mu gaciro. Imana izamuhembe ibyiza.

NTAYANDI MAHITAMO ATARI UKUBANA MU BWUMVIKANE

Urwitwazo rwose Abasalafu bakwitwaza barwanya Shiya, n'urwitwazo Shiya yakwitwaza arwanya Abasalafu, bose bisanga batuye mu karere kamwe no mu gihugu kimwe. Ntawabasha muri bo gutsemba undi n'ubwo ntawe muri bo ntekereza ko afite ibyo bitekerezo. Abayoboke ba madhihebu zombi ni abaturage b'iyi si, bityo ntawe ukwiye kwiyumvisha ko atambutse undi anayifiteho uburenganzira kurenza undi. Naho gushaka guhindura iyobokamana ry'umuntu ku ineza no ku inabi, byaragaragaye ko bitashoboka nta n'icyo byatanga, ibyo byagaragaye ubwo madhihebu ya Salafu yari ifite ubushobozi buhagije n'ubukungu bwayo buri hejuru bikabije, banafite amikoro y'amafaranga menshi; ndavuga igihe ubukungu bw'igihugu cya Saudia bwari hejuru cyane. Umwuka wari mu burasirazuba bwo hagati mu bihe by'intambara y'ubutita (Cold War) yari hagati y'ibihugu by'ibihangange Leta zunze ubumwe z'Amerika na n'icyari Leta z'unze ubumwe z'abasoviyete (*Cold War*) wahaga Abasalafu amahirwe mu rwego rw'amahanga n'akarere yo kuborohereza kwamamaza Ubusalafu no kubuhatira uwo bashaka nta nkurikizi. Mu gihe muri ibyo bihe Abashiya bo bari mu kangaratete ntabwisanzure bafite bagerwa amajanja n'abanzi mu rwego rw'amahanga n'akarere, ntaruvugiro ubwisanzure na kirengera bagira.

Muri ibyo bihe Saudia yageragеje gukoresha ingufu ihindura abaturage bayo bayobokaga madhihebu ya Shiya, batuye uburasira zuba bw'icyo gihugu n'abandi Bashiya bari batuye mu bindi bihugu muri

kariya karere. Ntiyabasha ku bigeraho, ikinyuranyo k'ibyo, uko barushagaho gutoteza Abashiya no kubahatira kureka kuyoboka madhihebu ya Shiya niko Abashiya barushagaho gukuda madhihebu yabo no gufata ingamba nshya zo kwirinda ari nako Abashiya barushaho kwiyongera mu mpande zose z'isi!

Gukomeza kubaho ku bushyamirane urunturuntu n'inzangano bishingiye kuri madhihebu hagati y'impande zombi bigeze aho bitakihanganiwe muri iki gihugu. Ibyo biri mu byagaragajwe n'abamwe mu bategetsi bakomeye b'iki gihugu (Saudia), muri bo hari Nyakubahwa igikomangoma cy'umwami w'iki gihugu, witabiriye umushinga wo guhamagarira abaturage b'iki gihugu banyuranyije madhihebu gushyikirana. Iyo mpuruza ye niyo yaje kuba nyirabayazana w'inama yambere n'iyakabi zari zigamije imishyikirano n'ubusabane hagati y'abayoboke ba madhihebu ziyobokwa n'abaturage ba Saudia. Muri izo nama abayoboke b'izo madhihebu basabwagamo kwiyumvisha ko ari bamwe kandi bagomba gutahiriza umugozi umwe.

Kubana neza mu bwumvikane niyo mahitamo, ikinyuranyo k'ibyo ni ukutita ku inyungu z'igihugu, no gutera amacakubiri mu bagituye, bityo bikaba bifashije abanzi gusohoza imibgambi yabo mibisha bafitiye igihugu cyacu.

Kubana neza ntibishoboka mu gihe nta buringanire no guha abaturage b'iki gihugu amahirwe angana mu ku kigiramo uburenganzira bungana kandi bubahana hagati yabo. Bityo nkaba mpamagarira abayoboke ba madhihebu yanjye Shiya nanjye ubwanjye ntiyibagiwe, kwiyumanganya bakihangana, bakibagirwa ibyahise maze bakirinda icyo aricyo cyose gikomeretsa amarangamutima y'abavandimwe babo bayoboka madhihebu ya Ahalsuna wal-Jama bavuga nabi abanyacyubahiro b'abasahaba. Imvugo zitesha agaciro abo basahaba zishobora kuvugwa na bamwe mu Bashiya, hari ubwo uzivuze aba abitewe n'ubujiji cyangwa afite ikindi agamije. Ndasaba Abashiya ku titarura bagenzi babo bayoboka madhihebu ya Ahalsuna wal-Jama, bajye babegera basabane nabo, ntibiheze mu bwigunge.

Nkuko mpamagarira abavandimwe banjye b'ababwiriza butumwa bayoboka madhihebu ya Salafu na buri wese muri bo ushyira mu gaciro unajijutse akanasobanukirwa, kwisubiraho bakareka imvugo zagasura ntambara bakoresha ku Bashiya, ubutagondwa n'iterabwoba babakorera, mumenye ko Abashiya mu bikorera mutabarusha gukunda idini yabo no gukunda igihugu cyacu Saudia. N'ubwo hari ibyo mutavugaho rumwe n'Abashiya ku iyobokamana na fiqih. Mumenye ko ibyo bakora baba babitewe n'ubuhamya bemera no kugendera ku

byigishwa n'abamenyi n'abayobozi babo bemera ko kubahiriza ibyo bigisha ari inshingano hagati yabo n'Imana.

Birakwiye ko mureka kwita Shiya kafiri, mu gahagarika khutuba zivugwa na bamwe muri mwe zigabiza Abashiya, maze mu zisimbuze inyigisho nziza n'impaka zubaka nk'uko Imana ibitegeka mu gitabo cyayo cyera.

Dusabe Imana ihurize imitima yacu ku kuyitinya, itugire bamwe, irinde igihugu cyacu ibibi n'amakuba, ababyobozi bacu ibagre beza, ibahe gukora ibirimo irimo inyungu z'igihugu, mu by'ukuri niyo nyiri bambe Nyirimpuhwe.

Walhamdulillah Rabil-alamin

IKIGANIRO N'IKINYAMAKURU CYITWA ILAAF

Shekhe w'Umushiya Hasan Saffar yagiranye ikiganiro n'ikinyamakuru cyo muri Saudia cyitwa ILAAF:

Shekhe Hasani Saffar mu kiganiro yagiranye n'icyo kinyamakuru, yagaragaje ko afite ikizero cy'uko Abashiya n'Abasalafu ubwa bo ari bo bafite umuti wo gukemura ibibazo by'ubushyamirane bafitanye bishingiye ku kunyuranya za madhihebu.

Gushaka ubumwe n'umubano mwiza hagati ya Shiya na Suni, byabaye ikintu cy'ingenzi kiri mu bitekerezo by'Abayisilamu kuva kera na kare na n'ubu.

Mu gihe hari impuruza zihamagarira kwitabira uwo mushinga n'ihibibikana rikorwa na bamwe muri urwo rwego. Hari abandi bahibibikanira kuvuruga iyo gahunda cyangwa gusebya abayihibikanira.

Iki cyikaba ari ikiganiro cyakozwe hagati ya shekhe Hasan Saffar, nawe akaba ari mu bamenyi b'Abashiya b'ibyamamare bo muri Saudia, ni ikinyamakuru cyo muri Saudia cyitwa ILAAF.

ILAAF: Mu intangiriro nifuzaga ko watubwira itandukaniro riri hagati yo kuba umunyanidini witabira amahame yayo (Tadayyun), no kuba intagondwa ku birebana na madhihebu ayoboka (Confessionalism). Ndashaka kuvuga kuba umuntu afite ibitekerezo by'kubutagondwa bushingiye kuri madhihebu ayoboka no kuba ari umunyadini witabira amahame y'idini yigishwa na madhihebu ayoboka?

Shekhe Hasani Saffar: Kuba umunyadini (Tadayun) bivuga kuba umuyoboke w'idini witabira amahame n'inyigisho zayo, akora ibyo itegeka akareka gukora ibyo ibuza.

Naho kuba intagondwa itsimbaraye ku mahame ya madhihebu (Confessionalism), bivuga kubogama ku bitekerezo n'amahame bya madhihebu ayoboka ntagushyira mu gaciro, bityo bikaba nyirabayazana yo gusagarira uburenganzira bw'abayoboke ba madhihebu zinyuranye n'iyo ayoboka.

Mu mahame remezo na shingiro ya buri dini ni ukwitabira ubutabera, bisobanura guha buri wese uburenganznira bwe yaba Umuyisilamu cyangwa Kafiri turetse kuvuga kuba banyuranyije madhihebu. Imana (s.w.t) yaravuze iti: (*Allah ategeka gukora ubutabera n'ubugira bwa neza*). Mu iyindi aya iti: (*Kwangana n'abantu ntibizabatere kutagira ubutabera*). Nta madhihebu yemerera abayoboke bayo gusagarira uburenganzira bw'abandi, yaba kubahatira guhindura idini cyangwa madhihebu. Ibibkorwa na bamwe mu ntagondwa ziyoboka madhihebu bagamije kubuza abayoboka madhihebu zinyuranye n'izabo kuziyoboka, babiterwa n'ubugome n'inzangano bisanganiwe cyangwa n'izindi mpamvu zishingiye ku inyungu zabo bwite ntaho ibyo bakora bihuriye n'iyo madhihebu.

ILAAFU: Ku ruhande rw'ihibibikana rigamije kwegeranya no kubanisha neza madhihebu z'Abayisilamu, hari ubwo mwe mwaba mufite ikizere cy'uko ubu ibintu byaba bigiye kujya mu buryo cyangwa mwaba mubona nta kizagerwaho?

Shekhe Hassan Saffar: Njye mfite ikizere cy'uko ibintu bigiye kujya mu buryo kandi ko byanze bikunze ikiza kizatsinda ikibi. Amacakubiri hagati ya madhihebu muri ibi bihe akaba agiye kuvaho kubera impamvu zikurikira:

1- Kuba muri iki gihe uburenganzira bw'ikiremwa muntu burushaho kubahirizwa; muri bwo hakaba harimo uburenganzira bw'ikiremwa muntu mu kugaragaza ibyo atekerezaho guhitamo idini ashaka. Ubushyamirane bushingiye kuri madhihebu ubusanzwe buterwa no gushaka kwigarurira ibitekerezo by'abandi, ugashaka kubahatira kwemera no kwemera ibitekerezo runaka, ukanashaka ko bagendera kuri gahunda runaka, bakareka inzira runaka.

Ukuba mu bayoboke ba madhihebu harimo abatekereza kuriya, bituma bigira abacamanza, abapolisi n'abagorozi b'ibigoramye. Mu gihe cyose abantu bazaba baracengewe n'amatwara yo kubaha no kubahiriza uburenganzira bwo guhitamo idini umuntu ashaka, nta muntu n'umwe mu bantu uzaba agifite ingenga bitekerezo yo guhatira abandi ibitekerezo runaka. Ibyo ni nabyo binyuze ubwenge binahuje n'amategeko ya shariya. Imana (s.w.t) yaravuze iti: (*Nta gahato mu idini*) mu iyindi aya iti: (*Mufite idini yanyu natwe dufite idini yacu*).

Yego hari uburenganzira bw'ibwiriza butumwa no kwamamaza ibyo umuntu yemera ko ari ukuri, n'uburenganzira bwo kuganira hagati y'abantu no kujya impaka kuri madhihebu bemera mu bwubahane hagati yabo nkuko Imana (s.w.t) yavuze iti: (*Hamagarira babantu inzira ya Nyagasani wawe ukoresheje ubuhanga n'inyigisho nziza, ujye impaka nabo k'uburyo bwiza*).

2- Muri ibi bihe, hasigaye haboneka amahirwe menshi atuma abayoboke ba madhihebu za Suni na Shiya bahurira mu makoraniro amwe, maze bakarushaho kumenyana, gusabana no kutishishana. Hari ubwo bashyikiranira kuri za Television na Interinet, ubundi bagashyikirana imbona nkubone k'uburyo uko ibintu bimeze ubu ntawe ukibeshywa ku iburyo undi yemera.

Muri ibi bihe ntabwo imamu w'umusigiti cyangwa khatibu wa mimbari ya Huseni ariwe ukeshwa kumenya amakuru n'ubumenyi kubirebana na buri madhihebu muri izi zombie gusa, hasigaye hari uburyo bwinshi bundi abantu bifashisha. Kuba mu bihe byashize izo arizo nzira zo kumenya amakuru n'ibyerekeranye n'izo madhihebu, byatumye mu bayoboke bazo habamo urunturuntu n'ubushyamirane igihe kinini.

3- Amakuba yugarije Abayisilamu muri iki gihe muri rusange, amakuba yabaye igikabuzi cyatumye Abayisilamu bose bahumuka maze aba umusemburo w'ubumwe hagati yabo. Ibyo maze kuvuga n'ibindi nkabyo, nibyo bituma ndushaho kugira ikizere cy'ihinduka ry'ibintu n'ubushyamirane hagati ya madhihebu.

ILAAF: Ndakeka mu bibazo by'ingenzi bikunze guteza ubwumvikane buke hagati ya Shiya na Suni, ari amatwara ya shiya ku bakhalifa n'abasahaba, none urabona icyo kibazo kizakemuka gute?

Shekhe Saffar: Ntabwo ku gira ngo habeho umubano hagati ya Shiya na Suni bigomba gushyirirwaho itegeko ryo kugira ngo buri wese muri bo areke ibyo yemeraga anahindure ibitekerezo bye. Abashiya bafite uburyo babona abkhalifa n'ubuyobozi nyuma y'Intumwa. Bemera ko abayobozi nyuma y'Intumwa yabanomye, bakaba banafite ubuhamya bufatika bw'ibyo bemera babona ko ari inshingano kwemera ibyahamye kuri bo ko ari ukuri.

Ikibazo cy'abakhalifa n'ubukhalifa cyahisweho n'igihe, ni gute ubu cyagirwa intambamyi y'ubumwe bw'Abayisilamu? Kuburyo Shiya yabaho ashishikazwa nokumvisha ukuri kwe ku k'ibazo cy'abakhalifa, Suni nawe akabaho ashishikazwa no guhindura imitekerereze ya Shiya ku kibazo cy'abakhalifa?

Muri iki gihe ntabwo turi mu bihe by'amatora ya Abubakari na Ali ngo bibe ngombwa ko buri wese yumvisha impamvu uyu muri bariya ariwe ukwiye guhabwa amajwi. Ahubwo ukuri ni uko turi mu mayira abiri; guhitamo gushimangira ukubaho kwacu no kwereka abatuye isi ikerekezo cyacu. Ibyo nibyo bigomba kudushishikaza kuko bifitanye isano n'ubuzima bwacu nejo hacu hazaza.

ILAAF: Ariko ntiwari ukwiye kwirengagiza ko amatwara y'Abashiya ku bakhalifa arimo ibibuza Abasuni amahoro bikanakomeretsa amaranga mutima yabo. Ayo matwara arimo gutuka abakhalifa n'abasahaba b'ibibikomerezwa?

Shekhe Saffar: Niba Shiya bafite uburenganzira bwo kugira uko babona kwabo abakhalifa n'ubutegetsi bwabo, nta burenganzira bafite bwo gutesha agaciro abo abandi babona ko ari abatagatifu n'intungane zabo.

Abakora ibyo biba ari ugutandukira no kunyuranya n'inyigisho z'idini no gutatira uburere dutozwa nayo. Ibyo bikaba byateza

ubushyamirane hagati yabo n'ababona ko abo bakhalifa ari intungane n'abaziranenge bikanabangamira ubumwe bw'Abayisilamu. Dushingiye kuri ibyo, twafata ko gutuka no gutesha abasahaba agaciro bitemewe binagayitse. Ntawe ubikora uretse ko aba abitewe n'ubujiji cyangwa kuba nyamwongera bibi, ibyo bikaba byaravuzwe na baimamu n'abamenyi bahibibikanira ubugorozi bw'ibigoramye mu Bashiya.

Shekhe Hassan Saffar: Ibitabo n'ibyanditswe bya Shiya na Suni, byagiye byandikwa bijyanye bijyanye n'ibibazo byariho igihe banditsemo. Ibihe byaranzwe n'ubushyamirane bishingiye kuri madhihebu. Ibirimo n'ibitekerezo by'ababyanditse nk'uko babyandikaga bijyanye n'ibibazo bahuraga nabyo mu bihe byabo. Na none ni kuki twaba ingaruzwa muheto y'ibyanditse bya hise? Ni kuki twacirana urubanza n'iteka dushingiye ku byanditswe n'abakurambere bacu?

Rwose twari dukwiye gushyira hamwe tugahangana n'iki gihu cy'icuraburindi twatwikiriwe n'amateka ya Suni na Shiya yahise. Tukareba igihe turimo nikizaza, tugafatirana ibyiza bikirimo bikadufasha kugaragaza byacu bigoramye tugahembera ubumwe bwacu. Imvugo ziri mu bitabo by'Abashiya gusa ahubwo unabisanga muri bimwe mu bitabo byacu.

Urugero igitabo cya Suni cyanditswe na Abdallah bin Imam Ahmad bin Hambali wabayeho mu mwaka wa 213 afpa mu mwaka wa 290. Cyacapishijwe kenshi kirimo impapuro zigera kuri mirongo itanu, zose zanditswe zumvisha ko ari abayoboke ba madhihebu ya Hambali bashyamirana n'aba Hanafi?

Na none iyo usomye igitabo cyitwa Twabaqaat al-Shafi'iya, urasangamo imvugo zisebya zinatesha agaciro abamenyi ba madhihebu ya Hambali na Shafi, mu bitabo bya Shekhe Ibin Tayimiya huzuyemo ibitutsi atuka Abashiya abamenyi n'abayobozi babo. Hari ubwo ari ugushyira mu gaciro kuba abubu bamarana bapfa ibyanditse muri ibyo bitabo? Tuvuge ku bibazo biri hagati yacu ubu si igihe cyo kujya impaka ku bibazo by'abahise.

ILAAF: **Muri zimwe za Web sit zibitirirwa ubwanyu, harimo haromo magambo atehsa agaciro abakhalifa, ibyo bikaba bivuguruza ibyo muri kuvuga ubu n'impuruza kubirebana no kwegeranya hamwe no kubanisha neza madhihebu z'Ababyisilamu no kwirengagiza ibyahise?**

Shekhe Hassan Saffar: Biraboneka ko abo bantu badashimishwa n'ingamba zigamije gutuma Ababyisilamu batahiriza umugozi umwe. Bafite ingengabitekerezo y'inzangano bityo bakaba barageraageza gushyira imbogamizi kuri icyo kibazo.

Ntabwo biruhije kurekodi kasete ku bwinshi no kuba umuntu yashyira umunyu mu bizivugwamo. Aha ni byiza kuvuga kubizwi ko mu myaka ya zamirongo inani, ubwo intugundasa zishingiye kuri politike nyuma y''instinzi y'impinduramatwara muri Irani mu ntambara ya Irani na Irake zakazaga umurego. Muri ibyo bihe nari mbangamiwe n'amakimbirane ya politike yariho. Birashoboka ko zimwe muri khutuba navugaga zabaga zivuga kuri polotike na madhihebu, habonekamo imvugo nk'izo. Hakirikare nabashije kubona ko ari ngombwa kureka inyigisho nk'izo maze ndazihagarika. Dutangira amatwara yo kubabarirana no kwirengagiza ibyahise, dushyira imbere umishyikirano n'ubwumvikane kugira ngo dukemure ikibazo cy'ubushyamirane n'amacakubiri bishingiye kuri madhihebu.

Twatangaje iyo mihindukire mu bitekerezo na politike hakiri kare tukiri hanze y'igihugu. Guhera ubwo khutuba zacu za polotike no ku idini zirahinduka yo guhinduka kwacu byari bitewe no kwisubiraho. Nyuma yaho twakurikijeho imishyikirano hagati yacu n'ubutegetsi (bwa Saudia), tunasubira mu gihugu cyacu. Ku birebana n'izo ngamba nshya, twasohoye igitabo mu mwaka w'1410H–1989 mu gitabo cyitwa ; KWIHANGANIRANA HAGATI Y'ABAYOBOKE BAMADHIHEBU (*Tasaamuhu wa Thaqafatul-Ikhitilaf*). Kikaba ari igitabo cyarimo ubushakashatsi ku burenganzira bwo kwemera no guhitamo iyobokamana umuntu ashaka n'uburenganzira bwo kubaho kwa madhihebu nyinshi., cyakurikiwe n'ikindi mu myaka yakurikiye cyitwa ; UBWINSHI BWA MADHIHEBU NO KUBANA NEZA; (*Attanawu'u wa atta'aayyush*) n'ikindi cyitwa *Thaqafatul-Ikhitilaf* (UBUMENYI KUBIREBANA NO KUNYURANYA MADHIHEBU) n'igitabo *Ru'uyatu haula sijaali Madhihabi* (IGITEKEREZO KU BUSHYAMIRINE BUSHINGIYE KURI MADHIHEBU).

Nkuko natanze ibiganiro byinshi mu imbaga y'abaturage b'Abashiya bo muri Saudia kikaba kiri no muri web sait yacu. Harimo gushaka ubusabane n'umubano mwiza no kwegerana hagati y'abayoboke ba madhihebu, akaba ari ingamba duhibibikanira kugerwaho. Usibye ko bamwe muri ba nyamwongera bibi, hari ubwo bajya gucukumbura zimwe mu imvugo twavuze za politike no kuri madhihebu, bakazifashisha bashyira agatotsi kuri uyu mugambi, mu gihe ari ibitekerezo n'amatwara twamaze kureka no kuyahindura dushaka ubusabane ubumwe no kwegerana hagati y'Abayisilamu.

ILAAF: Hari ababona ko uguhindura amatwara n'imvugo muri ibi bihe atari ukwisubiraho ahububwo ari tekitike n'amacenga bya politike, urabivugaho iki?

Iyo umuntu avuga ku migambi n'ibimuri k'umutima, biraruhije guhamiriza umuntu ukuri kw'ibyo avuga, kuko ari ahantu nta muntu ushobora kuhareba no kumenya ikirimo, Imana yonyine akaba ariyo ishobora kumenya akari k'umutima. Nkuko intumwa y'Imana (s.a.w.w) yavuze ibwira uwavugaga ku kiri k'umutima w'uwo yavugaga iti: (*Hari ubwo wasatuye ku mutima we ukamenya ikirimo*).

Ikiri k'umutima akaba ntawe unafite uburenganzira bwo guhatira undi ku kimuhamiriza. Bityo nkaba ntiyumvisha ko nanjye naba nsabwa kugira uruhande urwo arirwo rwose ngomba guhamiriza ukuri kw'ibindi k'umutima. Ariko mu rwego rwo gutaha banyamwongera bibi icyuho bameneramo, turavuga tuti: Desikuru za politike n'itangazamakuru ushobora kuvuga ko ari tekitike n'amacenga y'abanyapolitike, ariko desikuru z'idini umuntu aba ageza ku bantu be, agamije kubaha uburere, akihanganira ingaruka z'abamurwanya mu ntagondwa mu bantu be, desikuru nk'izo uzivuga ntiyakwihanganira kuzivuga agamije amacenga na tekiteke by'abanyapolitike.

ILAAF: Ni izihe ngaruka zo kuba intagondwa zishingiye kuri madhihebu (Confessionalism) ku muturage ku igiti cye n'abaturage muri rusange?

Shekhe Hassan Saffar: Ubutagondwa bushingiye kuri madhihebu ni akaga kuri buri mu turage ni n'akaga ku gihugu n'akangaratete iyo abaturage bacyo bisanzemo abafite ayo matwara, ako kaga kaba ari aka gakurikira:

1- Byangiza ubumwe n'umubano w'abaturage, bigatuma abantu babonamo bagenzi babo imbagamizi kuri bo bakabana mu rwikekwe aho kwibonamo abaturage bamwe.
2- Bisembura imvururu no gusubiranamo mu gihugu.
3- Bituma igihugu kitunguka ku bana bacyo bafite ibyo bashoboye iyo bababaho bafite ikibazo cy'ubushyamirane bushingiye kuri madhihebu.
4- Biha abanzi urwitwazo rwo kutugirira nabi no kubona icyuho bameneramo babangamira inyungu z'igihugu.

ILAAF: Ni izihe nzira ziboneye twacamo kugira ngo tugere ku mugambi watuma habaho ibiganiro by'abayoboke ba madhihebu, bigamije ubumwe no gutokombeza amacakubiri ashingiye kuri madhihebu?

Shekhe Saffar: Uburyo bwiza bw'ibiganiro bwagerwaho muri izi nzira ni ubu bukurikira:

1- Kumvikana ku misingi yo kubana no guterana inkunga yashingirwaho hagamijwe inyungu z'igihugu.
2- Gushakashaka ibyo duhuriraho maze akaba aribyo dushingiraho mu kugera kuri uwo mugambi.
3- Ibiganiro ku ingingo zinyuranye hagimijwe kumenyana no kumenya ubuhamya buri ruhande rushingiraho rwemera ibyo rwemera uko rubyemera, birinda kuvuga muri icyo kigakaniro ibihuhwa n'ibivugwa kuri madhihebu bidafite ishingiro.
4- Kwiga ku imbogamizi n'ibibazo by'ingutu bibangamiye imbabga y'Abayisilamu, no kubishakira umuti hashingiwe ku bitekerezo na sheriya hifashishijwe ibitekerezo by'abamenyi ba madhihebu.

RWOSE UMUBANO MWIZA HAGATI YA SHIYA NA SALAFU URASHOBOKA

Wenda hari benshi babona ko umubano mwiza hagati ya Shiya na Salafu udashoboka ari n'inzozi mu inzozi, bitewe n'amakimbirane n'ubwumvikane buke buri hagati y'abayoboke bizo madhihebu. Ariko njyeweho mfite ibyiringiro by'uko rwose umubano mwiza hagaza hagati y'abayoboke bizo madhihebu ushboka. Hari intambwe ndende imaze guterwa n'ibice birebwa n'icyo kibazo by'abayisilamu binyuranye ica marenga y'uko igihe cy'umubano mwiza hagati yabo kiri hafi kugerwaho n'ubwo bwobwose hari byinshi batavugaho rumwe.

Mu guhura kwanjye n'abamenyi intiti n'ababwirizabutumwa ba madhihebu ya salafu, nabonye hari byinshi bitungurane bigenda byigaragaza bitanga ikizere cy'uko ibintu bigiy kujya mu buryo, bakora babitewe no gushyira imbere inyungu z'idini n'igihugu banirinda amakuba ababangamiye bose.

UMUGEREKA

URUGERO RW'UMUBANO MUBI HAGATI Y'ABASAFU N'ABASHIYA BO MU RWANDA

Mu by'ukuri shekhe Shafi M. Rizinde nawe yari urugero rw'iza rw'imibanire myiza hagati ye nk'umumenyi w'Umusalafu ariwe shekhe M. Shafi Rizinde ubwe, wari ubanye n'amugenzi be b'abashekhe bayobokamadhihebu ya Shiya. Yaradusuraga tukamusura, tukaganira ku bibazo biri hagati y'Abasilamu n'ubryo twafatanya ku bikemura. Ubwe niwe wanyihereye ibaruwa yandikiye abashekhe bose bo mu Rwanda anansaba kugira icyo nyivugaho, ndayishima. Ubu ngiye kwandukura ibaruwa yampaye copi yayo yari igenewe abashekhe bose bo mu Rwanda:

Le 14 Kanama 1997 hatanzwe impapuro zarimo ubutumwa bwa Shekhe Riznde Shafi amenyesha bagenzi be b'abashekhe icyo atekereza ku bibazo biri muri Isilamu muri rusange no mu bashekhe k'uburyo bw'umwihariko.

IBARUWA IFUNGUYE IGENEWE: BA SHEKHE BOSE

Rizinde Mohamed Shaffiy
B.P. 2334 Kigali
Tel. 74665

Kigali le 7/02/1997

Ntangiye nshimira Imana , na nasabira Intumwa y'Imana (s.a.w.w) na biwe amahoro n'imigisha. Ndahamya mbikuye ku mutima ko nta Mana ibaho kandi ikwiye gusengwa uretse ikwiye kugaragirwa by'ukuri mu kuri; uretse Imwe rukumbi kandi Muhammadi akaba Intumwa y'Imana nyakuri.

Ba Nyakubahwa, ndabagira inama mbanje kuyigira yogutinya Imana no kuba mu banyakuri (Qur'an 9:119). Buri wese mu bashishikajwe n'ibibazo by'Abayisilamu, ahangayikishijwe n'imibereho y'Abayisilamu ya none irangwa n'jubujiji, ubushyamirane, uburyarya, gusuzugurika n'ibindi. Ibi birushaho gutera agahinda iyo bigaragara ko Abayisilamu ntacyo

babura ngo bikize izo ngorane zose. Bafite Qur'ani igitabo cy'Imana izi byose inashobora byose, bafite abantu, ubukungu n'ibihugu biteretse aheza mu mpande z'isi.

Iyo witegereje imibereho yacu abitwa ko turi abamenyi mu idini (Abashekhe) usanga dushishikajwe no gutera inkunga ubuhakanyi no guca intege Abayisilamu ku buryo tuba tutabigambiriye ahubwo tubiterwa no kudasobanukirwa ntitumenye igikwiye n'ikidakwiye, aho dufite inyungu n'aho tutazifite, impamvu shingiro ikaba ikomoka ku masoko tuvomamo ubumenyi kuko uvomye ibirohwa nibyo anywa.

Ba Nyakubahwa ba Shekhe nibajije impamvu shingiro zituma kaminuza tuvomamo ziduha ibirohwa. Ku giti cyanjye nasanze impamvu zifite imizi miremire: Intumwa y'Imana yaravuze iti: (NYUMA YANJYE ABAYISILAMU BAZACIKAMO UDUCE TWINSHI TUZAGERA KURI 73; TWOSE TUZAJYA MU MURIRO KEREKA KAMWE NIKO KAZAROKOKA KAKAZAjYA MU IJURU)[16]. Intumwa y'Imana (s.a.w.w) ivuga iti: Nyuma yanjye, ntiyagennye igihe Abayisilamu bazahagararariraho gucikamo ibice. Ikibabaje ni ukubona utwo dutsiko twarigaragaje kuva kera na kare uhereye Intumwa (s.a.w.w) itarashyingurwa na nyuma yaho[17]. Mu by'ukuri icyo abasahaba bapfuye usanga tukigira gito mu gihe ari kinini akaba ariyo mpamvu mbandikiye iyi baruwa ngira ngo mugaragaze uko mwe mubibona. Kuri njye hari ingingo enye: Imana yaravuze iti: (YEMWE ABEMEYE MWUMVIRE IMANA N'INTUMWA YAYO N'ABAHAWE UBUYOBOZI MURI MWE) Qur'ani 4: 64.

Imana irongera iti: (IYO BAGEZWEHO N'IKINTU CYABA ICYAMAHORO CYANGWA SE AMAKUBA, BARACYASASA. UBONA IYABAGA BAKIGEZAGA KU INTUMWA N'ABAHAWE UBUYOBOZI MURI BO! BARI GUSOBANUKIRWA N'ABASHOBOYE GUCENGERA "UBUMENYI" MURI BO). Qur'an 4: 83

d) Kwemera Imana na gahunda zayo.
e) Kwemera no gukurikira Intumwa yayo.
f) Kwemera no kugendera ku bayobozi batoranyijwe n'Imana b'idini.
    I. Imana iragira ati: (YEWE NTUMWA Y'IMANA "MUHAMMAD" SHYITSA UBU BUTUMWA "bw'uko Ali azayoboro Abayisilamu" BUVUYE KU MANA YAWE UTABUSHYIKIRIJE UZABA UTARASHYIKIRIJE UBUTUMWA BWAYO) Qur'an 3: 67.

16
17

Muri iyi aya Imana yakoresheje ijambo (BALIGH), risobanura gutanga ubutumwa ku buryo bwuzuye kandi bwumvikana. Nemera ko Intumwa y'Imana yashyikirije ubwo butumwa ikaba ntacyo itatubwiye keretse hagize utanga ubuhamya ko Intumwa y'Imana itabushohoje ikaba yarakoze Khiyana.

II. Imana iravuga iti: (MU BY'UKURI IMANA IRASHAKA KUBEZAHO UMWANDA "w'ibyaha" MWEBWE BANTU BO MU RUGO RW'INTUMWA "Ahalubayit" INABASUKURE ISUKU YUZUYE) Qur'an 33:33. Banyakubwahwa bashekhe, njye kubwanjye mbona igikomeye kurusha ari ukwirengagiza ubuyobozi Imana yasigiye Abayisilamu kuko kutayoboka ubwo buyobozi ari byo nyirabayazana n'impamvu nyamukuru w'ibibazo byose Abayislamu bafite ubu.

Banyakubahwa bashekhe! Ninde muri mwe utazi imvugo y'Intumwa y'Imana Muahammad (s.a.w.w) igira iti: (UZUMVIRA ALI AZABA ANYUMVIYE, UZABA ANYUMVIYE AZABA YUMVIYE IMANA, UZANGA KUMVIRA ALI AZABA ANSUZUGUYE, UNSUZUGUYE ABA ASUGUYE IMANA). Soma Tarekh Dimashiq cya Ibin Asakir, vol. 3, urup 170 HAdith y' 1208. na Musitadrak al-Hakim vol. 3 urup 129, n'ibindi.

III. Izo ngingo uko ari eshatu zahuriweho n'abahanga ba Hadithi hafi yabose, muri bo harimo Ibin Hajar mu gitabo cye cyitwa As-Sawaiq al-Muhriqah, Nasai mu gitabo cye Khasais ku rup rwa 4 no ku rup 21, Ahmad bin Hambal mu gitabo cye Musinad urup rwa 281. N'ubwo bayanditse kuburyo bunyuranye bose bahurira ku kwemera ko Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yavugiye ahitwa Ghadir Khum iti: (YEMWE BANTU IMANA NI UMUYOBOZI WANJYE NANJYE NKABA UMYOBOZI WA BURI MWEMERA "Ifata akaboko ka Ali (a.s) irakazamura iravuga iti" UWO MBEREYE UMUYOBOZI ALI NIWE UZASIGARA AMUYOBORA, MANA KUNDA UZAMUKUNDA WANGE UZAMWANGA). Kubwanjye nsanga kwirengagiza kw'Abayisilamu ubuyobozi Intumwa yabasigiye ariyo mpamvu yonyine y'ibibazo Ubyisilamu bufite muri iki gihe n'icyahise. Imana mu gitabo cyayo iratubaza iti: (NIKO YE! MWEMERA BIMWE MU NYIGISHO "z'idini" MUGAHAKANA IBINDI? NI IKIHE GIHANO GIKWIYE ABAKORA IBYO MURI MWE URETSE KUZAKORWA N'IFPUNWE MURI UBU BUZIMA BW'ISI NO KU MUNSI W'IMPERUKA AKAZAJUGUNYWA MU MURIRO) Qur'an 2: 88.

Mu gusoza uru rwandiko nibutse ko Intumwa y'Imana (s.a.w.w) yasigiye Ali (a.s) ubuyobozi bw'idini nyuma ye, bamwe mu Bayisilamu baraburwanya biba impamvu yatumye Ubuyisilamu butakaza byinshi twari kunguka twasigiwe n'Intumwa y'Imana. Bavandimwe nabasabaga kwikuramo gukunda ibyubahiro n'inyungu zanyu bwite; kutishyiramo ko muzasuzugurika (complexe) no kwirinda gukurikira buhumyi (fanatisme) mukagira revolution y'umutimanama mukagira icyo muvuga kuri ubu butumwa mbohererereje ubu twegereje umunsi uhambaye mu mateka wa HAJ AKBAR; (umunsi wa Bara'a; umunsi wo gutanga Adhan), umunsi Intumwa (s.a.w.w) yabwiye Abayisilamu ko ntawe ukwiye gushyikiriza ubutumwa bwayo usibye yo n'umugabo mu biwe, soma Mukhitasr Ibin Kathir, vil. 12, urup rw' 124. Icyo gihe yatumye Ali mwene Abu Twalib kujya gutangariza abantu ko Imana itandukanye n'abangikanyamana. Kuri uwo munsi taliki 10 Dhl-Hija 1997 niwo munsi nanjye nzerurira Abayisilamu ukuri n'ikinyoma.

Bavandimwe ba Shekh musabwe kuba mwaragize icyo muvuga kuri ubu butumwa; mbararikiye mu giterane mbwirwa ruhame kizabera aho muzamenyeshwa mu minsi idatinze.

Wasalaam alaa man tabial huda.

Uwanyu Rizinde M. Shaff

Nyuma yiyo baruwa twabonanye na shekhe Rizinde M. Shaff, hashize icyumweru Le o6/ 03/ 1997. Yaje iwanjye ambwira ko ibintu bimeze nabi bagenzi be b'abashekhe bayoboka madhihebu ya Salafu bari kumwuka igitutu ngo yandike ibaruwa ibeshyuza iriya anahakanemo ko adakorana n'Abashiya. Hakaba n'abari guteza ubwaga ngo ni acibwe umutwe kuko yabaye Shiya bityo akaba yabaye kafiri. Ansaba ko namurangira kwa Shekhe Abdillah Nasir i Mombasa muri Kenya, nkanamuha ibaruwa imusaba ku mwakira akaba ariho aruhukira anabone uko ahunga ibibazo by'ingutu yisanzemo nyuma yo kwandika iriya baruwa yandikiye abashekhe bose tumaze kubona.

Ibyo yansabye narabimukoreye aragenda nkeka ko yagiye i Mombasa nk'uko yabimbwiye. Le 20/ 03/ natunguwe n'umukozi w'iwe anzaniye indi baruwa yanditswe na shekhe Rizinde Shafi ahakana ko atariwe wandikiye abashekhe iriya baruwa ahubwo ngo yayihimbiwe n'Abashiya baturanye. Iyo baruwa ibeshyuza iriya ikaba ari iyi ikurikira:

IBARUWA IFUNGUYE IGENEWE: BA SHEKHE BOSE

Rizinde Mohammed Shaffiy
B.P. 2334 Kigali
Tel. 74665

Kigali le 20/03/ 1997

Ba Nyakubahwa, Asalamu alayikum wa Rahmatullah

Mbanje gushimira Imana nsabira n'intumwa yayo amahoro n'imigisha. Guhera kuwa gatatu taliki 19/03/1997, hakwirakwijwe ibaruwa ibagenewe yanyitiriwe, idafite umukono n'italiki, yanditseho adrese ntazi nanyirazo. Iyo baruwa benshi mu Bantu barayitwaza bavuga ko ndi Shiya. Iyo baruwa sinigeze nyamamaza n'uwabikoze yarahemutse "yakoze khiyana", kuko kuko sinigeze mutuma cyangwa ngo muhe uburenganzira bwo kuyamamaza mu izina ryanjye n'ubwo yaryanditse nabi. Yaba yari afite umugambi mwiza cyangwa mubi naramubabariye n'Imana imubabarire.

Hari abitwaza iyo baruwa kubera inyungu zbabo bwite bakavuga byinshi, nabonjye n'abangiriye umujinya nk'uwimbogo, boshye njye narabarushije gutera Shiya inkunga muri iki gihugu. Abo bose bihangane, kandi bacishe make, bicuze ku Imana kenshi njyewe ho mbijeje kuzababbishira.

N'jubwo kuba Shiya Atari kuva muri Isilamu nkuko bamwe babifata kubera ubujiji, ahubwo bikabba ari ukuva muri madhihebu ujya mu iyindi (Soma Fat'wa ya Shekh wa Azhar Mahmudu Shaltut yo kuwa 17 Rabi'il'Awal 1378).

Hamwe n'ibyo byose ntangaje kumugaragaro ko ntigeze mba shiya. Yaba Shiya Suni cyangwa Wahabi ni amazina abantu bihitiyemo, Imana ntiyigeze iyahishurira ibimemenyetso. Nyamara n'ibyo byose, Abashiya ni inshuti n'abavandimwe banjye, turasurana, tukanabana tukanahana, nkuko bamwe mu bakrisito, nkuko bamwe mu bakrisito dukorana ibyo byose.

Ba Nyakubahwa ba Shekhe, nari mfite bwo kubagezaho ku kibazo cya Shiya gitandukanya abayisilamu, kandi kutabitekerezaho no kutabikoraho jubushakashatsi ni ukutitaa ku by'abayisilamu Imana ibindinde namwe mwese. Ubuhubutsi bwa bamwe butumye ubwo butumwa ntabubagezaho ukuo nabitekereje ariko ndacyashakisha ubundi buryo bwo kubagezaho ubwo butumwa mu gihe kiri imbere.

Uru rwandiko ruriho umukono wanjye nirwo ntangarije abashekhe n'abayisilamu muri rusange, izindi zizabazwa abazitanze.

Mugire amahoro y'Imana

Rizinde Mohammed Shaffy

ASSOCIATION ANSAR ALLAH AU RWANDA asbl arête ministerial no 275/05 B.P 2334 KIGALI.

Kigali, 20/03/1997

Ku Muvandimwe AMR (bose)
Assalam alaykum wa rahmatullahi wa barakatuh.

Imana ishimwe cyane. Imigisha n'amahoro yayo bigwire ku ntumwa y'Imana Muhammad n'umuryango we n'abasangirangendo be n'abazamukurikira m'ukuri kugeza k'umunsi w'omperuka. Intumwa y'Imana (s.a. w) yavuze ko iby'uwera byose bitangaje; iyo agize amahirwe ashimira Imana bikaba Khayr kuri we. N'iyo agize ibyago arihangana bikaba Khayr. Ibyo ni ukubera ko ubuzima bw'uwemera bwose ari ibigeragezo. Icy'ingenzi ni ukumenya uko abyifatamo. Turabashimira (Imana ibibahere imigisha) kutugezaho iby'inkuru mwumvise cyangwa mawasomye irebana na Rizinde M. Shaffy nta kuyasasa no kuyifataho icyemezo (4: 83). Twihutiye kubonan na Shaffy ubwe tariki 19/03/1997 tukimara kumva iyo nkuru. Yatwibwiriye ko iyo nyandiko iriho izina rye, ariko ntibeho umukono we nawe ayifite ko yandikishijwe kuri ordinateur n'abasore b'abashiya baturanye nawe babhereye ku nyandiko ye yabahaye bongeyemo ibitekerezo n'ukwemera kwabo bitari ibye. Yanatubwiye ko Atari aziko iyo nyandiko irimo gukwirakwizwa n'abo bashiya. Yongeraho ko nasanga ari uko biteye azayinyomoza.

Bavandimwe, muzi neza ko Islamu ari idini ya Tawhid khalisal-lilahi= kwemera Imana imwe rukumbi no kuyiharira yonyine ibikorwa (Ibada) byose. Imana ntiyemera ko bicishwa k'uwundi cyangwa ko ko hagira ibiturwa hamwe nayo uwo ariwe wese[18] (Qur'an 4: 48, 18: 110, 5: 72).

Intumwa y'Imana (saw ni uko yigishije, iva ku isi idini ryuzuye, ritunganye nta bundi butumwa bushyashya bwo kuyobora abantu

---

[18] Hariya umwanditsi wiriya baruwa yashakaga kumvisha ko shiya bakeka ko bwana Shekhe Rizinde Shafi yaba yayobotse, ari madhihebu ibangikanya Imana kuko yemera gukora ubusabe ubucishe ku muntu (Tawasuli). Kwemera Tawasuli (Gucisha ubusabe ku Intumwa z'Iman n'intungane) bihurirwaho na madhihebu zose z'Abayislamu uretse Wahabi, Wahabi akaba ariyo yadukanye kurwanya Tawasuli, kuyirwanya bikaba biri mu inyigisho zidasanzwe yadukanye muri Islamu biba impamvu yogutuma Imam Muhammad ibin Abdul-Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira agira abanzi benshi muri Islamu, kugeza ubwo nawe yabonye bikomeye akora Taqiya (ahisha ukwemera kwe) yandika izi baruwa twari twanditse mu inyandiko zabanje: Mu ibaruwa ya Muhammad bin Abdul-Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira yoherereje abaturage b'akarere ka Qaswiim yagize ati: (Nagezwe n'ibaruwa ya Sulayiman bin Sahiim, ibyayivuzwemo byemerwa na bamwe mu bamenyi, Imana yonyine irahamya ko uwo mugabo yambeshyeye, ampimbira ibyo ntavuze, yewe n'ibyo amvugaho ntibyari byaza mu bitekerezo byanjye. Mu byo yampimbiye harimo ko ndwanya ibitabo bine (bya Hadithi bizwi), ngo nkaba mvuga ko Abayisilamu bose babayeho nyuma y'umwaka wa 600H kugeza aho habonekeye abayoboka iyobokamana nigishije ni abakafiri. Nkanigisha ko ukoze tawasulu (gucisha ubusabe ku Intumwa n'intungane) ku intungane n'abatagatifu ari kafiri, ngo nkanavuga ko mbonye uburyo nasenya inyubako iri ku imva y'Intumwa, ngo nziririza gusura imva y'Intumwa (s.a.w.w), …

Igisubizo cyanjye kuri ibyo akaba ari iki gikurikira; ndagira nti: (Icybahiro n'icyawe "Nyagasani!" Iki ni ikinyoma gikabije). An- Nur: 16, hari ababanjirije kuba abanyakinyoma nak'abeshyera Intumwa (s.a.w.w) gutuka intumwa y'Imana Isa (a.s). Ibyo ni ikinyoma, Imana (s.w.t) yavuze iti: (Abahimba ikinyoma "bagenda bavuga ko Intumwa y'Imana yakoze ibyo", ni abatemera aya z'Imana; abi nibo babeshyi). An- Nahl: 105. Babeshye Intumwa ko yavuze ko Intumwa Isa (a.s) na Uzayir bari mu muriro w'iteka, Imana ihishura iyi aya: (Abagezweho n'ubuntu bwacu, abo bazaba kure nayo "Jahanama"). Al-Anbiyaa; 101.

Muri icyo gitabo ku rup rwa 64, Imamu Muhammad bin Abdul- Wahabi yaravuze ati: Ngo nita kafiri abakora Tawasulu "gucisha ubusabe k'umuntu" nka nita abaturage bo mu karere ka Buswiiry, kafiri, usuye imva z'ababyeyi, nkamita kafiri, urahiye mu izina ry'ikindi kitari Imana nawe nkamugira kafiri. Igisubizo cyanjye kuri ibyo n'iki gikurikira: (Icybahiro n'icyawe "Nyagasani!" Iki ni ikinyoma gikabije). An- Nur: 16.

Umwanditsi wiriya baruwa n'undi uherutse gusohora agatabo cyitwa **ICYATUMYE NTABA UMUSHIYA** kavuga ko abakora Tawasuli bakora SHiriki, turi gutegura igitabo cyibasubiza, kizabaahishurira ko ibyo bamamaza Atari inyigisho n'amahame byigishijwe na Muahammad (s.a.w.w) ahubwo ari inyigisho za Imamu wabo Muahammad bin Abdul-Wahabi Imana imuhe iruhuko ridashira. Tuzaberekamo ko inyigishi zirwanya Tawasuli kuba ntabuhamya zifite uwazigishije yari agamije gusa kubyaza idini y'Imana impaka bityo bigatu abiyi dini barushaho gutana, yanyuzagamo agahakana yikuye inyuma ko atarwanya Tawasuli ahubwo ari mubayemera bakanayikora, muzindi nyaniko akandika ayirwanya, bityo mfite ikizere cy'uko igitabo kuri Tawasuli turi gutegura kizatuma umwanditsi w'irya baruwa na gatabo kitwa **ICYATUMYE NTABA UMUSHIYA** bicuza bakanatangariza Abayisilamu kwicuza kwabo igicumoro cyo kurwanya inyigisho z'Intumwa (s.a.w.w) ukazisimbuza iza Imamu Muhammad bin Abdul-Wahabi. Shikal Haroon

nyuma ya Muhammad (saw). (Qur'an 33: 40)= LAA NABIBIYA B'ADAHU. Abasuni, abashiya n'abandi nk'uko mu bizi ni udutsiko twavuts tumaranira ubuyobozi bwa umma intumwa y'Imana (sa) itariho.

Umuryango wacu wemera ko buri wee bwo kwihitiramo inzira abona imunogeye kandi ibyo ntitubipfe nawe (nk'abavuze ngo "Shaaffy" "yicwe" ku maherere[19]). Inzira y'umuryango Ansar Allah ni iy'Intumwa y'Imana (saw) Qur'an 12: 108, 3: 31, 33: 21). Tumaze kubona ibyo byose, dushingiye kandi ku ingingo ya 12 y'amahame remezo y'umuryango, n'ubwo byaba bidashimishije bwose, twasanze ari ngombwa kubamenyesha ko Rizinde M. Shffy ahagaritswe mu bikorwa byose by'umuryango Ansar Allah mu Rwanda mu gihe cy'iminsi mirongo ine (40) guhera tariki 20/03/1997. Ba Amir bose basabwe kubimenyesha abo bayobora no kubyubahiriza bashingiye ku ingingo ya 10 y'amahame remezo.

Umuryango ntugendera k'umuntu runaka nk'uko Atari uwa kanaka. Ni uw'Imana isumba byose. Uzawuvamo wese ntacyo azaba awutwaye, kandi Imana izamusimbuza abandi batazamera nkawe. Qur'ani 5: 54, 47: 38.

Ni dukomeze kwemera Imana, kuyitinya, kuyiringira no kwihangana kubera yo, ibyacu byose bizaba Khahyr igihe cyose.

Wassalam alaykum wa rahmatullah wa barakatuh

Bimenyeshejwe:

- Bwana Rizinde M. Shaffy
  KIGALI

Khamis Salim Ndabikunze AMR W'UMURYANGO

[19] Aha wari ukwiye kuzirikana ko abenshi mu Bayisilamu bo mu Rwanda ari abayoboke ba madhihebu ya alafu izwi cyane ku izina rya Wahabi, Imamu wabo witwa Muhammadi bi Abdul-Wahabi abigisha ko Umuyisilamu uwo ariwe wese uatayoboka amahame yigishijwe nawe aba ari kafir umutwe we n'amaraso bye bkaba ari Halali ku bayoboke b'Ubuwahabi. Umuvandimwe Shafi nyuma y'uko amenyekana ko abana neza n'Abashiya, byatumye abayoboke ba Madhihebu ya Wahabi bamukeka amababa, bamushinja ko yabaye Shiya bityo muri kiriya gihe hatejwe ubwaga n'impuruza zihamagarira abayoboke ba Wahabi kumuhiga bakamuca umutwe!

BACK CAVER

Ndsaba buri wese ufite imigambi yo kunga Abayisilamu no kubagira inama y'igikenewe kuri bo gukorwa muri ibi bihe, gusoma iki gitabo cya shekhe Hasani Mussa Saffar, naho intakoreka yiyemeje gutahiriza umugozi umwe n'abagamije gusenya ubumwe bw'Abayisilamu, ndayigira inama yo kudafungura iki gitabo turetse ku gisoma, kuko ishobora gusangamo ibyayitera kurushaho gucika intege, bitewe n'ibyo yasomamo ku intambwe imaze guterwa mu kunga Abayisilamo no kubabanisha mu bwumvikane. Bityo akisanga we nabo bahuje imigambi bari kugosorera m'urucaca. Imana imuhembere kiriya gitabo, izashyire ibyiza byacyo ku munzani w'ibyiza yakoze ku munsi w'imperuka kuko yakoze byiza mu kucyandika: (*Abakoze ibyiza bazahabwa "ibihembo by'" ibyiza "byabo" n'inyongera)*, Yunusu: 26.

Library Al-Itrah Twahirah
B.P: 2438
Kigali Rwanda